Ingingo ya 150: Kumenyesha igikorwa cy'iburanisha cyangwa icyemezo cy'urukiko	Article 150: Notification and service of a pleading or of a judicial decision	Article 150: Notification et signification d'un acte de procédure ou d'une décision judiciaire
Ingingo ya 151: Kwishyura ibihembo by'umwavoka witabajwe mu rubanza	Article 151: Support for the intervention of a colleague who is a correspondent	Article 151: Prise en charge de l'intervention d'un confrère correspondant
Ingingo ya 152: Ibanga rya zimwe mu nyandiko n'ibikorwa	Article 152: Confidentiality of some documents and actions	Article 152: Caractère confidentiel de certains documents et actions
<i>AKICIRO KA 6: INSHINGANO Z'UMWAVOKA IMBERE Y'ABACAMANZA</i>	<i>SUB-SECTION 6: DUTIES OF THE ADVOCATE TOWARDS THE JUDGES</i>	<i>SOUS-SECTION 6: DEVOIRS DE L'AVOCAT A L'EGARD DES JUGES</i>
Ingingo ya 153: Inshingano yo kubaha	Article 153: Duty of deference	Article 153: Devoir de déférence
Ingingo ya 154: Ibikorwa bibangamira imiburanishirize	Article 154: Cases of incident during the hearing	Article 154: Cas d'incident d'audience
Ingingo ya 155: Ikosa ryo mu rwego rw'akazi rikoze mu iburanisha	Article 155: Professional misconduct during the hearing	Article 155: Faute professionnelle commise à l'audience
<i>AKICIRO KA 7: IMIBANIRE Y'UMWAVOKA N'ABANDI BANTU</i>	<i>SUB-SECTION 7: RELATIONSHIPS BETWEEN THE ADVOCATE AND THIRD PARTIES</i>	<i>SOUS-SECTION 7: RAPPORTS DE L'AVOCAT AVEC LES TIERS</i>

Ingingo ya 156: Imikoranire n’uwo bahanganye	Article 156: Relationship with the opposing party	Article 156 : Rapport avec la partie adverse
Ingingo ya 157: Imibanire na rubanda	Article 157: Relationship with the public	Article 157: Rapport avec le public
<i>AKICIRO KA 8: IMITUNGO Y’ABAKIRIYA NA “KONTI Y’IBY’ABANDI”</i>	<i>SUB-SECTION 8: FUNDS OF CLIENTS AND “ESCROW ACCOUNT”</i>	<i>SOUS-SECTION 8: FONDS DES CLIENTS ET « COMPTE TIERS »</i>
Ingingo ya 158: Inshingano yo gufungura “konti y’iby’abandi”	Article 158: Obligation to open an “escrow account”	Article 158: Obligation d’ouverture d’un « compte tiers»
Ingingo ya 159: Ibisabwa kugira ngo hafungurwe “konti y’iby’abandi”	Article 159: Conditions for the opening of the “escrow account”	Article 159: Conditions d’ouverture du «compte tiers»
Ingingo ya 160: Amabwiriza y’ingenzi agenga ikoreshwa rya “konti y’iby’abandi”	Article 160: Main operating rules of the “escrow account”	Article 160: Principales règles d’utilisation du «compte tiers»
Ingingo ya 161: Kugenzura “konti z’iby’abandi”	Article 161: Monitoring of “escrow accounts”	Article 161: Surveillance des « comptes tiers»
<i>AKICIRO KA 9: IFATIRATAMBAMA KU BIFITWE N’UMWAVOKA</i>	<i>SUB-SECTION 9: SEIZURE CARRIED OUT ON EFFECTS IN THE HANDS OF AN ADVOCATE</i>	<i>SOUS-SECTION 9: SAISIE-ARRET PRATIQUEE ENTRE LES MAINS D’UN AVOCAT</i>
Ingingo ya 162: Kuba umwavoka afite amafaranga arengerwa n’ibanga ry’akazi	Article 162: Detention of amounts or effects whether or not covered by professional secrecy	Article 162: Détention des sommes ou des effets couverte ou non par le secret professionnel

Ingingo ya 163: Igihe Umwavoka abikiye umukiriya we amafaranga cyangwa ibindi bintu bigenewe undi muntu	Article 163: Case of money or effects held on behalf of a client and intended for a third person	Article 163: Cas de sommes ou effets détenus pour le compte d'un client destinés à un tiers
<i>ICYICIRO CYA 7: AMAHUGURWA AHORAHU Y'ABAVOKA</i>	<i>SECTION 7: CONTINUING TRAINING OF ADVOCATES</i>	<i>SECTION 7: FORMATION CONTINUE DES AVOCATS</i>
Ingingo ya 164: Inshingano yo gukurikira amahugurwa ahoraho	Article 164: Obligation to pursue continuing training	Article 164: Obligation de suivi d'une formation continue
Ingingo ya 165: Uburyo bwo gutegura amahugurwa ahoraho	Article 165: Organizational arrangements of the continuing training	Article 165: Modalités d'organisation de la formation continue
Ingingo ya 166: Ibindi bikorwa bifatwa nk'amahugurwa ahoraho	Article 166: Other activities considered equivalent to continuing training	Article 166: Autres activités considérées comme équivalentes à la formation continue
Ingingo ya 167: Kugenzura ko inshingano yo gukurikira amahugurwa ahoraho yubahirizwa	Article 167: Control of compliance with the obligation of continuing training	Article 167: Contrôle du respect de l'obligation de formation continue
<i>ICYICIRO CYA 8: UBURYO BW'IMIHANIRE Y'ABAVOKA</i>	<i>SECTION 8: DISCIPLINARY PROCEDURE FOR ADVOCATES</i>	<i>SECTION 8: REGIME DISCIPLINAIRE DES AVOCATS</i>
<i>AKICIRO KA MBERE: AMAKOSA Y'UMWUGA N'ATARI AY'UMWUGA ASHOBORA GUHANWA</i>	<i>SUB-SECTION ONE: PROFESSIONAL AND EXTRA PROFESSIONAL BREACHES LIKELY TO BE PUNISHED</i>	<i>SOUS-SECTION PREMIERE: MANQUEMENTS PROFESSIONNELS ET EXTRA PROFESSIONNELS SUSCEPTIBLES D'ETRE SANCTIONNES</i>

Ingingo ya 168: Amakosa y’umwuga	Article 168: Professional breaches	Article 168: Manquements professionnels
Ingingo ya 169: Ibihano ku makosa y’umwuga	Article 169: Sanctions for professional breaches	Article 169: Sanctions des manquements professionnels
Ingingo ya 170: Gutangaza ibihano	Article 170: Publication of sanctions	Article 170: Publication des sanctions
AKICIRO KA 2: GUKURIKIRANA AMAKOSA	SUB-SECTION 2: DISCIPLINARY PROCEEDINGS	SOUS-SECTION 2: PROCEDURE DISCIPLINAIRE
Ingingo ya 171: Uburyo bwo gushaka no gukurikirana amakosa	Article 171: Methods of investigation and action in case of disciplinary faults	Article 171: Modalités de recherche et de poursuite des manquements professionnels
Ingingo ya 172: Uburenganzira bwo kwiregura n’icyemezo	Article 172: Right to defence and decision	Article 172: Droit de la défense et décision
Ingingo ya 173: Kumenyeshwa icyemezo cyafashwe	Article 173: Notification of the decision taken	Article 173: Notification de la décision prise
Ingingo ya 174: Inzira zo kujuririra icyemezo cya Komisiyo ishinze imyitwarire	Article 174: Appeal against the decisions of the Disciplinary Committee	Article 174: Voie de recours contre les décisions de la Commission de discipline
Ingingo ya 175: Inshingano z’umwavoka wahagritswe mu gihe kigenwe	Article 175: Obligations of the suspended Advocate	Article 175: Obligations de l’Avocat frappé de la sanction de suspension
Ingingo ya 176: Ingaruka z’igihano cyo kuvanwa ku rutonde	Article 176: Effects of the sanction of disbarment from the roll	Article 176: Effets de la sanction de radiation

Ingingo ya 177: Ingaruka ku bakiriya b'Umwavoka wahagaritswe cyangwa wasibwe ku rutonde	Article 177: Fate of clients of the Advocate suspended or removed from the roll	Article 177: Sort de la clientèle de l'avocat suspendu ou radié
Ingingo ya 178: Ihanagurabusembwa	Article 178: Rehabilitation	Article 178: Réhabilitation
ICYICIRO CYA 9: GUSUBIKA NO KUREKA IMIRIMO	SECTION 9: INTERRUPTION AND TERMINATION OF ACTIVITIES	SECTION 9: INTERRUPTION ET CESSATION D'ACTIVITES
AKICIRO KA MBERE: ISUBIKWA RY' IMIRIMO	SUB-SECTION ONE: INTERRUPTION OF ACTIVITIES	SOUS-SECTION PREMIERE : INTERRUPTION D'ACTIVITE
Ingingo ya 179: Isubikwa ry'umwuga	Article 179: Interruption	Article 179: De l'interruption
Ingingo ya 180: Kuvanwa ku rutonde kubera gusubika gukora umwuga	Article 180: Removal from the roll of the Bar due to interruption of the practice of the profession	Article 180: Omission du Tableau de l'Ordre pour cause d'interruption de l'exercice de la profession
Ingingo ya 181: Ingaruka zo kuvanwa ku rutonde	Article 181: Effects of removal	Article 181: Effets de l'omission
Ingingo ya 182: Gusubizwa mu mwuga	Article 182: Reintegration in the profession	Article 182: Réintégration dans la profession
AKICIRO KA 2: KUREKA BURUNDU UMWUGA	SUB-SECTION 2: TERMINATION OF ACTIVITIES	SOUS-SECTION 2: CESSATION D'ACTIVITÉS
Ingingo ya 183: Impamvu zituma Umwavoka ahagarika burundu umwuga	Article 183: Causes of termination of activities	Article 183: Causes de cessation définitive d'activités

Ingingo ya 184: Inshingano yo gutanga amakuru no gutegura umusimbura	Article 184: Duty of information and organization of the succession	Article 184: Devoir d'information et d'organisation de la succession
Ingingo ya 185: Igihe Umwavoka atateganyije uzamusimbura	Article 185: Case of non prior organization of the succession	Article 185: Cas de non organisation préalable de la succession
<i>ICYICIRO CYA 10: IZINA RY'ICYUBAHIRO</i>	<i>SECTION 10: HONORARY TITLE</i>	<i>SECTION 10: HONORARIAT</i>
Ingingo ya 186: Izina ry'icyubahiro ry'umwavoka	Article 186: Honorary Title of an Advocate	Article 186: Titre d'Avocat honoraire
Ingingo ya 187: Inshingano z'Umwavoka wahawe izina ry'icyubahiro	Article 187: Commitments of the Honorary Advocate	Article 187: Engagements de l'Avocat honoraire
Ingingo ya 188: Uburenganzira bw'Umwavoka wahawe izina ry'icyubahiro	Article 188: Rights of the honorary Advocate	Article 188: Droits de l'Avocat Honoraire
UMUTWE WA VII: IMITUNGANYIRIZE Y'UBUFASHA MU MATEGEKO	CHAPTER VII: ORGANIZATION OF LEGAL AID	CHAPITRE VII: ORGANISATION DE L'AIDE JURIDIQUE ET JUDICIAIRE
Ingingo ya 189: Imitunganyirize rusange y'ubufasha mu mategeko	Article 189: General organization of legal aid	Article 189: Organisation générale d'aide juridique et judiciaire
<i>ICYICIRO CYA MBERE: GUTANGA INAMA KU BUNTU</i>	<i>SECTION ONE: FREE CONSULTATIONS</i>	<i>SECTION PREMIÈRE: CONSULTATIONS GRATUITES</i>

Ingingo ya 190 : Gushyiraho no gutunganya uburyo bw'ubufasha mu mategeko buhoraho	Article 190: Establishment and organization of schedules for legal assistance	Article 190: Etablissement et organisation des permanences
Ingingo ya 191 : Inshingano z'Umwavoka wagenwe ngo atange inama ku buntu	Article 191: Obligation of the Advocate assigned on the schedule for legal assistance	Article 191: Obligation de l'Avocat désigné pour la permanence
ICYICIRO CYA 2: KUGENERA ABABURANYI ABAVOKA	SECTION 2: ASSIGNMENT OF ADVOCATES	SECTION 2: COMMISSION D'OFFICE DES AVOCATS
Ingingo ya 192: Uburyo bukurikizwa	Article 192: Procedure	Article 192: Procédure suivie
Ingingo ya 193: Inshingano z'Umwavoka wagenwe	Article 193: Duty of the Advocate assigned to provide legal aid	Article 193: Obligation de l'Avocat commis
Ingingo ya 194: Irangira ry'inshingano z'Umwavoka wagenwe	Article 194: End of the mission of the Advocate who was assigned	Article 194: Fin de la mission de l'Avocat commis d'office
Ingingo ya 195: Igihembo kuri dosiye Umwavoka yagenwemo	Article 195: Remuneration of an Advocate assigned	Article 195: Indemnité sur dossier traité sur commission d'office
UMUTWE WA VIII: INGINGO ZEREKEYE IBIKORWA BY'URUGAGA MU RWEGO RW'IMIBEREHO MYIZA	CHAPTER VIII: PROVISIONS RELATING TO SOCIAL ACTIONS PERFORMED BY THE BAR ASSOCIATION	CHAPITRE VIII : DISPOSITIONS EN RAPPORT AVEC DES ACTIONS SOCIALES ASSUREES PAR L'ORDRE DES AVOCATS
ICYICIRO CYA MBERE : UBWISHINGIZI KU BYAGO N'UBUMUGA BYATURUKA KU KAZI K'UMWAVOKA	SECTION ONE: INSURANCE OF OCCUPATIONAL HAZARDS AND OCCUPATIONAL INCAPACITY OF AN	SECTION PREMIERE: COUVERTURE DES RISQUES PROFESSIONNELS ET D'INCAPACITE PROFESSIONNELLE

	ADVOCATE	D'UN AVOCAT
Ingingo ya 196 : Gufata ubwishingizi ku byago n'ubumuga byaturuka ku kazi	Article 196: Taking insurance for professional liability and insurance for occupational disability	Article 196: Souscription d'une assurance professionnelle et d'incapacité professionnelle
Ingingo ya 197 : Inshingano yo kumenyesha ko hari urubanza rugamije kwishyura indishyi umwavoka	Article 197: Duty to inform of the occurrence of a judicial procedure in compensation	Article 197: Devoir d'informer de la survenance d'une procédure judiciaire en indemnisation
Ingingo ya 198 : Inshingano yo kumenyesha ko habaye ibyago bishobora gutera ubumuga	Article 198: Duty to inform of the occurrence of an accident likely to cause professional invalidity	Article 198: Devoir d'informer de la survenance d'un sinistre pouvant entraîner une incapacité de travail
ICYICIRO CYA 2: UBWISHINGIZI BW'INDWARA BW'ABAVOKA	SECTION 2: MEDICAL INSURANCE OF ADVOCATES	SECTION 2: ASSURANCE MALADIE DES AVOCATS
Ingingo ya 199: Gufata ubwishingizi bwo kwivuza mu gihe cy'indwara	Article 199: Coverage of expenses in case of sickness	Article 199: Souscription d'assurance de couverture des frais en cas de maladie
Ingingo ya 200: Aho amafaranga y'ubwishingizi aturuka	Article 200: Financing the medical insurance	Article 200: Financement de l'assurance maladie
ICYICIRO CYA 3: UBUFASHA KU BAVOKA BAGIYE MU KIRUHUKO CY'IZABUKURU	SECTION 3: ASSISTANCE TO RETIRING ADVOCATES	SECTION 3: ASSISTANCE AUX AVOCATS PARTANT A LA RETRAITE
Ingingo ya 201: Gushyiraho uburyo	Article 201: Establishment of the system	Article 201: Mise en place du système

bw'ubufasha Ingingo ya 202: Ibisabwa kugira ngo umuntu ahabwe ubwo bufasha ICYICIRO CYA 4: IMITUNGANYIRIZE Y'IKIGEGA CY'UBWISUNGANE (CASSAM) Ingingo ya 203: Gushyiraho ikigega cy'ubwisungane no kugena aho amafaranga yacyo aturuka Ingingo ya 204: Imicungire n'uburyo ikigega gifasha ICYICIRO CYA 5: GUTEGURA UMUNSI MUKURU W'UMWAKA N'IZINDI GAHUNDA ZO GUHURA Ingingo ya 205: Umunsi mukuru usoza umwaka Ingingo ya 206: Gutegura indi minsi yo guhura no kumenyana hagati y'abagize Urugaga ICYICIRO CYA 6: GUSHYINGURA	Article 202: Requirements to benefit from the assistance SECTION 4: ORGANIZATION OF THE MUTUAL SOLIDARITY FUND (CASAM) Article 203: Establishment of a solidarity fund and determination of its resources Article 204: Management and intervention modalities SECTION 5: ORGANIZATION OF THE ANNUAL BALL AND OPPORTUNITIES FOR CONTACT Article 205: Annual ball Article 206: Organization of other events of contacts amongst the members of the Bar SECTION 6: FUNERAL OF AN ADVOCATE	Article 202: Conditions pour bénéficier de l'assistance SECTION 4: ORGANISATION DE LA CAISSE DE SOLIDARITE D'ASSISTANCE MUTUELLE (CASAM) Article 203: Création d'une caisse de solidarité et d'assistance et détermination de ses ressources Article 204: Gestion et modalités d'intervention SECTION 5: ORGANISATION DU BAL ANNUEL ET DES OCCASIONS DE CONTACT Article 205: Bal annuel Article 206: Organisation d'autres occasions de contacts et de développement des connaissances des membres SECTION 6: FUNERAILLES D'UN
---	--	--

UMWAVOKA		AVOCAT
Ingingo ya 207: Imihango ijyanye no gushyingura	Article 207: Funeral ceremonies	Article 207: Cérémonies funéraires
Ingingo ya 208: Amagambo yo gusezera kuri nyakwigendera	Article 208: Eulogy	Article 208: Oraison funèbre
UMUTWE WA IX: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	CHAPTER IX: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	CHAPITRE IX : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES
Ingingo ya 209: Ingingo z'inzibacyuho	Article 209: Transitional provisions	Article 209: Dispositions transitoires
Ingingo ya 210: Uburyo bwo kuvugurura aya mategeko ngengamikorere	Article 210: Procedures for amendment of this regulation	Article 210: Modalités de modification du présent règlement
Ingingo ya 211: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'aya mategeko ngengamikorere	Article 211: Drafting, consideration and adoption of these Rules	Article 211: Initiation, examen et adoption du présent Règlement
Ingingo ya 212: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mategeko ngengamikorere	Article 212: Repealing provision	Article 212: Disposition abrogatoire
Ingingo ya 213: Igihe aya mategeko ngengamikorere atangira gukurikizwa	Article 213: Effective date	Article 213: Date de prise d'effet

AMATEGEKO NGENGAMIKORERE Y'URUGAGA RW'ABAVOKA MU RWANDA	INTERNAL RULES AND REGULATIONS OF THE RWANDA BAR ASSOCIATION	REGLEMENT D'ORDRE INTERIEUR DE L'ORDRE DES AVOCATA DU RWANDA
INAMA Y'URUGAGA RW'ABAVOKA MU RWANDA	THE COUNCIL OF THE RWANDA BAR ASSOCIATION;	LE CONSEIL DE L'ORDRE DES AVOCATS DU RWANDA;
Mu nama yayo yo ku wa 16/09/2014,	In its meeting of 16/09/2014	Réuni en sa séance du 16/09/2014
Ishingiye ku Itegeko n° 83/2013 ryo ku wa 09/11/2013 rishyiraho Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rikanagena imitunganyirize n'imikorere byarwo, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya 18, iya 22, iya 26, iya 28, iya 35, iya 37, iya 49, iya 51, iya 52 n'iya 83;	Pursuant to Law N° 83/2013 of 11/09/2013 establishing the Bar Association in Rwanda and determining its organization and functioning, especially in Articles 8, 9, 18, 22, 26, 28, 35, 37, 49, 51, 52 and 83;	Vu la Loi n° 83/2013 du 11/09/2013 portant création de l'Ordre des Avocats au Rwanda et déterminant son organisation et son fonctionnement, spécialement en ses articles 8, 9, 18, 22, 26, 28, 35, 37, 49, 51, 52 et 83 ;
Isubiye ku mategeko ngengamikorere y'Urugaga rw'Abavoka rwa Kigali yashyiraga mu bikorwa Itegeko n° 3/97 ryo ku wa 19.03.1997 ryashyiragaho Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda;	Having reviewed the Internal Rules and Regulations of the Kigali Bar Association implementing the law no n° 3/97 of 19.03.1997 establishing a Bar in Rwanda;	Revu le Règlement d'Ordre Intérieur du Barreau de Kigali portant application de la loi n° 3/97 du 19.03.1997 portant création du barreau au Rwanda
Yemeje aya mategeko ngengamikorere y'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda akubiyemo ibi bikurikira:	Adopts the present Internal Rules and Regulations of the Rwanda Bar Association whose content follows:	Adopte le présent Règlement d'Ordre Intérieur de l'Ordre des Avocats du Rwanda dont la teneur suit:

UMUTWE WA I: INGINGO Z'IBANZE	CHAPTER I: PRELIMINARY PROVISIONS	CHAPITRE I: DISPOSITIONS PRELIMINAIRES
Ingingo ya mbere: Icyo aya mategeko agamije	Article One: Purpose	Article premier: Objet
Aya mategeko agenga imikorere y'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda.	This text establishes the Internal Rules and Regulations of the Rwanda Bar Association.	Le présent texte porte Règlement d'Ordre Intérieur de l'Ordre des Avocats, ou Barreau du Rwanda.
Aya mategeko akena imitunganyirize, imikorere n'inshingano z'inze z'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda.	The Regulations shall determine the organization, functioning and powers of the organs of the Rwanda Bar Association.	Il détermine l'organisation, le fonctionnement et les attributions des organes du Barreau du Rwanda.
Aya mategeko ngengamikorere agenga uburyo bwo kwinjira mu mwuga akanashyiraho ibisabwa n'uburyo bwo gukora umwuga w'Abavoka.	They shall set up the terms of access to the profession and the conditions and procedures for practicing the profession of Advocates.	Il règle les modalités d'accès à la profession et fixe les conditions et modalités d'exercice de la profession d'Avocat.
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	Article 2: Definitions	Article 2: Définitions
1. Muri aya mategeko ngengamikorere, amagambo akurikira asobanurwa mu buryo bukurikira: Umwavoka: a) Umunyamwuga mu mategeko ufasha ubutabera ushinze kunganira no guhagararira abaturanyi cyangwa kuburanira abantu mu nzego z'ubutegetsi, iz'ubucamanza no mu	For the purposes of these Regulations, the following terms have the following meanings: 1. Advocate: a) a person in the legal profession responsible for assisting and representing litigants before administrative entities,	Aux fins du présent Règlement, les termes suivants ont les significations suivantes : 1. Avocat : a) Un professionnel de justice chargé d'assister et représenter les parties au procès ou plaider devant les instances

zindi nzego zifata ibyemezo. Ashobora gutegura imyanzuro no kuyisobanura imbere y'izo nzego. Ashobora kandi kugira inama ababuranyi, kubunga no kubategurira inyandiko bwite bakeneye mu rwego rw'amategeko;	courts and other decision-making organs. He/she may prepare and present his/her submissions before such institutions. He/she may also counsel, mediate litigants and draft private deeds;	administratives, judiciaires et autres organes de prise de décision. Il peut rédiger et présenter les conclusions devant ces organes. Il peut également conseiller, concilier les parties et rédiger des actes sous seing privé ;
b) Uburanira Leta: Umukozi wa Leta ushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe kugira ngo ahagararire Leta, ibigo n'inzego zayo mu nkiko cyangwa mu bindi bibazo by'amategeko. Ashobora kandi kunganira cyangwa guhagararira mu Rwanda cyangwa mu mahanga umuntu wese uburana mu rubanza rufite ingaruka ku nyungu za Leta. Uburanira Leta afite ububasha bwo kuburana mu nkiko, gutegura imyanzuro no kuyisobanura mu nkiko z'igihugu cyangwa zo mu mahanga, cyangwa mu zindi nzego zifata ibyemezo;	b) Principal State Attorney: a public officer appointed by a Prime Minister's Order and entrusted with representing the Government, its organs or institutions before the courts, or on other Government's legal issues. He/she may also assist or represent any other person in whose case the Government is interested whether in Rwanda or in other countries. The Sennior State Attorney shall have the power to litigate, prepare and present his/her submissions before all courts in Rwanda and in other countries or before other decision-making organs.	b) Un Mandataire de l'Etat : un agent de l'Etat nommé par arrêté du Premier Ministre pour représenter l'Etat, ses organes ou institutions devant les juridictions ou pour d'autres questions d'ordre juridiques. Il peut également assister ou représenter tant au Rwanda qu'à l'étranger, toute autre personne, partie dans une affaire impliquant des intérêts de l'Etat. Le Mandataire de l'Etat a le pouvoir d'ester en justice, de rédiger et présenter les conclusions devant les juridictions nationales et étrangères ou devant d'autres organes de prise de décisions ;
c) Umukozi w'Urwego cyangwa uw'Ikigo cya Leta witwa "Uburanira Ikigo cya Leta" wahawe n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu	c) a staff member of a Government institution or organ referred to as "State Attorney" to whom an Order of the Minister having Justice in his/her	c) Un agent d'une institution ou organe de l'Etat dit « Mandataire » à qui un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions confère le pouvoir d'ester en

nshingano ze ububasha bwo kuburanira gusaikigo cyangwa urwego akoreramo; d) Umukozi w’Inzu y’Ubutabera witwa “Umunyamategeko w’Inzu y’Ubutabera” wahawe ububasha bwo kuburana, kunganira no guhagararira abatishoboye mu nkiko no mu zindi nzego z’ubutegetsi; 2. Abavoka bishyize hamwe: Abavoka bakoranye amasezerano y’ubufatanye. 3. Urugaga: ihuriro ry’abanyamwuga mu Rugaga rw’Abavoka rihuza Abavoka bese bakorera umwuga mu ifasi runaka. Kubera ko Abavoka bese bakorera umwuga wabo mu Rwanda bahuriye mu ihuriro rimwe, amagambo “Urugaga” n’“Urugaga rw’Abavoka mu Rwanda” bivuga kimwe. 4. Ibiro: a) Ibiro by’Umwavoka: bikubiyemo uburyo Umwavoka atunganyamo umwuga we n’aho akorera.	responsibilities conferred the powers to litigate only on behalf of the Government institution or organ he/she is working for; d) an officer of Access to Justice Bureau referred to as “Lawyer from Access to Justice Bureau” upon whom are conferred the powers to litigate, assist and represent the indigents before the courts and other administrative organs; 2. Associate Advocates: Advocates who concluded a partnership contract among them. 3. Bar: a professional organization of all Advocates in the Bar Association, practicing in a given geographical jurisdiction. All Advocates practicing in Rwanda gather in a single professional organization; hence the terms Bar and Bar Association of Rwanda shall mean the same thing. 4. Firm : a) Law Firm: it is both an organisation of the profession of an Advocate and his/her place of business.	justice uniquement au nom de cette institution ou organe d’affectation ; d) Un agent d’une Maison d’Accès à la Justice dit « Juriste de la Maison d’Accès à la Justice » à qui est conféré le pouvoir de plaider, d’assister et de représenter les indigents devant les juridictions et autres organes administratifs ; 2. Avocats associés : Avocats ayant conclu entre eux un contrat de partenariat. 3. Barreau : une organisation professionnelle au sein de l’Ordre des Avocats regroupant tous les Avocats exerçant dans un ressort géographique donné. Tous les Avocats exerçant au Rwanda étant regroupés dans une seule organisation professionnelle, les termes Barreau et Ordre des Avocats du Rwanda se confondent. 4. Cabinet: a) Cabinet d’Avocat: c’est à la fois une organisation de l’activité professionnelle d’un Avocat et son lieu d’établissement.
---	---	--

b) Ibiro by'Abavoka biri hamwe: ahantu ho gukorera Abavoka babiri cyangwa barenga basangiye, buri wese akora ku giti cye ariko akishyura uruhare rwe kubyo bahuriyeho; c) Ishami ry'ibiro by'umwavoka : ni ibiro biri mu ifasi itandukanye n'ibiro bikuru by'Umwavoka. 5. Imikoranire: ni uburyo bwo gukora umwuga w'Abavoka aho Umwavoka uri ku rutonde rw'Abavoka cyangwa kuri lisitiy'abamenyerezwa umwuga akorera ibiro by'undi mwavoka igihe cye cyose cyangwa igihe gito, na we akamuhemba. 6. Gutegeka umwavoka gutanga ubufasha mu mategeko: gushinga umwavoka kunganira cyangwa guhagararira mu nkiko umuntu utishoboye, ku cyemezo kitagibwaho impaka cy'Urugaga; 7. Inyungu zihabanye: ni igihe Umwavoka aba agomba kurengera inyungu zihabanye;	b) Grouped Firms: workplace shared by two or more Advocates, each working independently, but they have to bear the common costs. c) Subsidiary Law Firm: a secondary office Law Firm located outside the geographic area of the main office. 5. Collaboration: a mode of professional practice by which an Advocate enrolled either on the roll of the Bar, or on the list of interns devotes all or part of his/her activity to the Firm of another Advocate who undertakes to pay equitable compensation. 6. Assignment of advocate: assigning an advocate with the assistance mission and/or legal representation of indigent person upon unilateral decision by the Bar; 7. Conflict of interest: situation where an Advocate is in a position where he/she is likely to take action for conflicting interests;	b) Cabinet groupé : lieu de travail partagé par deux ou plusieurs Avocats, chacun travaillant indépendamment des autres, mais devant supporter les frais communs. c) Cabinet secondaire: un bureau secondaire d'un Cabinet d'Avocat placé en dehors de la zone géographique du bureau principal. 5. Collaboration: un mode d'exercice professionnel par lequel un Avocat inscrit soit au tableau des Avocats, soit à la liste des Avocats stagiaires consacre tout ou partie de son activité au cabinet d'un autre Avocat qui s'oblige à lui assurer une équitable rémunération. 6. Commission d'office (désignation d'office): attribution de la mission d'assistance et /ou de représentation judiciaire d'une personne indigente sur décision unilatérale de l'Ordre 7. Conflit d'intérêts: situation d'un Avocat placé en position d'agir en faveur des intérêts opposés;
---	---	---

8. Ubushishozi: imyitwarire irangwa no kwitondera ikintu, gukora igikwiye no kwirinda gukora ikidakwiye; 9. Gushakisha abakiriya: ni igihe umwavoka asabye umuntu utari usanzwe ari umukiriya we cyangwa atarigeze amugezaho icyo cyifuzo, haba mu butumwa bugamije gushaka abakiriya bashya cyangwa kwibonanza n'ushobora kuba umukiriya kugira ngo amugezeho icyifuzo cyo kumubera umwavoka. Ashobora kubyikorera cyangwa abinyujije ku ntumwa akamusanga iwe mu rugo, aho akorera, aho aruhukira, aho yivuriza cyangwa mu ruhamwe rw'abantu benshi. 10. Kwiubaha: inshingano y'Umwavoka yo guhora arangwa n'imyitwarire izira amakemwa; 11. Kugira ubushishozi: inshingano y'umwavoka yo gukorana umurava usabwa mu kwigira dosiye y'umukiriya yirinda uburangare, gukererwa cyangwa kwirengagiza cyane cyane ku bintu bikeneye ubwihutirwe no kwitwararika; 12. Gusubika gukora umwuga: guhagarika	8. Delicacy: attitude consisting of doing what is necessary and avoid what is not; 9. Canvassing: a proposal for service delivery made by an Advocate to a person who was not already his/her client or when he/she has not been previously invited to that end, be it in form of communication of information for search of new clients or personal contact between the Advocate and the potential client, in order to submit an offer of services, including making him/herself personally or via another person either at home or at the residence of a person, on work site, rest place, treatment place or in a public place. 10. Dignity: duty of an Advocate to have irreproachable behaviour. 11. Due diligence: duty of the Advocate to perform punctually and / or promptly the actions that require the processing of the Client's file avoiding negligence, delay or omission particularly those requiring speed and care; 12. Interruption: provisional break of the	8. Délicatesse: attitude consistant tout à la fois en la prudence, à faire ce qui convient et à éviter ce qui ne convient pas ; 9. Démarchage: une proposition personnalisée de prestation de service effectuée par l'Avocat envers une personne qui n'était pas déjà son client ou sans qu'il y ait été préalablement invité, que ce soit sous forme de communication d'informations destinées à rechercher de nouveaux clients ou de contact personnalisé entre l'Avocat et le client potentiel afin de lui présenter une offre de services notamment en se rendant personnellement ou par personne interposée soit au domicile ou à la résidence d'une personne, soit sur les lieux de travail, de repos, de traitement ou dans un lieu public. 10. Dignité : devoir d'un Avocat consistant à avoir une conduite irréprochable. 11. Diligence : devoir de l'Avocat d'accomplir ponctuellement et / ou promptement les actions qu'exige le traitement du dossier du Client en évitant négligence, retard ou omission particulièrement celles requérant célérité et soin ; 12. Interruption : arrêt provisoire de l'exercice
--	---	---

by'igihe gito gukora umwuga w'Abavoka ku mpamvu z'umuntu bwite cyangwa kubera gukora undi murimo amategeko ateganya ko utabangikanywa mu gihe kigenwe n'aya mategeko ngengamikorere. 13. Kuba umwizerwa: inshingano y'Umwavoka yo kuvugisha ukuri no kubaha amabwiriza agenga umwuga cyane cyane inshingano afitiye inkiko na bagenzi be, kwirinda uburiganya, ndetse, mu buryo bwa rusange, no kubaha ihame ryo kwemera ibitekerezo bitandukanye; 14. Utishoboye: umuntu wese ufite icyemezo gitangwa n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze zibifitiye ububasha kigaragaza ko nta bushobozi afite bwo kwiyeziyurira umuburanira, umuhagararira cyangwa umwunganira mu nkiko cyangwa mu zindi nzego z'ubutegetsu; 15. Gukora umwuga mu buryo bw'ubufatanye: ni uburyo bwo gukora umwuga aho abavoka babiri (2) cyangwa barenga biyemeza gukorera hamwe, haba mu nzu imwe, cyangwa mu nzu zitandukanye, bakumvikana mu masezerano uko basangira inyungu n'igihombo. Muri aya mategeko	exercise of the profession of Advocate for personal reasons or due to other activities declared incompatible by law during a period fixed in this Regulation. 13. Loyalty: duty of the Advocate to demonstrate sincerity and observe the rules of the profession particularly his/her commitments towards the courts and the fellow Advocates, refrain from fraud and more generally observe the principle of contradiction; 14. Indigent person: any person to whom the local administration authorities have issued a certificate ascertaining that he/she cannot afford to pay an Advocate who can litigate, represent or assist him/her before courts or other administrative organs; 15. Partnership: a mode of practicing by which two (2) or more Advocates decide to practice together, either within the same premises, or in different offices and share profits and losses in the proportions that they agree in a contract. In this Regulation, the words "Partnership" and "Association" shall be used under the	de la profession d'Avocat pour des raisons personnelles ou pour cause d'exercice d'une autre activité déclarée incompatible par la loi durant une période limitée par le présent Règlement. 13. Loyauté : devoir de l'Avocat consistant à faire preuve de sincérité et à observer les règles de la profession particulièrement tenir ses engagements vis-à-vis des juridictions et des confrères, s'abstenir de fraude et plus généralement de respecter le principe de la contradiction; 14. Personne indigente: toute personne à qui les instances administratives de base ont délivré un document attestant qu'elle n'est pas en mesure de payer les services d'un Avocat qui peut plaider en son nom, le représenter ou l'assister devant les juridictions ou les instances administratives; 15. Partenariat : un mode d'exercice par lequel deux (2) ou plusieurs Avocats décident d'exercer en commun, soit au sein d'un même local, soit dans des locaux différents, et partagent les bénéfices et les pertes dans les proportions qu'ils conviennent dans un contrat. Par le présent Règlement, les termes Partenariat et Association se confondent;
--	--	---

ngengamikorere, amagambo “gukorera mu bufatanye” cyangwa “gukorana mu buryo bw’ishyirahamwe” bifatwa kimwe; 16. Kuba indakemwa: kwanga akarengane n’ibindi byose bisa n’uburiganya; 17. Kwimenyekanisha: uburyo bwose bugamije kumenyekanisha Umwavoka n’ibikorwa bye hagamijwe gukurura abakiriya; 18. Ibanga ry’umwuga: ibireba ubuzima bwite bw’uburanirwa byose, mu gihe kubiceceka bimufitiye akamaro ku gaciro ke cyangwa ku nyungu ze, Umwavoka akaba yarabimenyeye mu kazi ke abibwiwe n’uwo aburanira, uwo baburana, uwo agira inama cyangwa abibwiwe n’abandi; 19. Kwishakira abakiriya: ni igihe umwavoka ageza icyifuzo cye ku muntu atari asanzwe yunganira cyangwa utarigeze abimusaba, amusaba ko yamubera umukiriya.	same meaning; 16. Probity: quality consisting of aversion towards injustice and anything that may seem fraudulent; 17. Personal advertising: any public communication aimed to advertise an Advocate as well as his/her services to attract clients; 18. Professional secrecy: all details that have to do with the private life of the client, when keeping secret of such details bears a certain importance either for his/her dignity or interest and that the Advocate has come to know in the course of performing his/her duties or were revealed to him/her by his/her client, the other party to a case, the person he/she is counseling or by other people; 19. Solicitation: proposal for service delivery undertaken by the Advocate to a person who was not already his/her client or when he/she has not been previously invited to that end.	16. Probité: qualité consistant en l’aversion à l’injustice et à tout ce qui peut sembler frauduleux ; 17. Publicité personnelle : toute communication publique ayant pour objet de faire connaître un Avocat ainsi que ses services en vue d’attirer la clientèle ; 18. Secret professionnel: tous les éléments de la vie privée du client, lorsque garder ces éléments en secret a une certaine importance soit pour sa dignité ou son intérêt et qu’un avocat a connu au cours de l’exercice de ses fonctions ou qui lui ont été révélés par son client, une autre partie au procès, la personne qu’il assiste ou par d’autres personnes ; 19. Sollicitation ou racolage : proposition personnalisée de prestation de service effectuée par l’Avocat envers une personne qui n’était pas déjà son client ou sans qu’il y ait été préalablement invité.
---	--	---

Ingingo ya 3: Uburyo bw'imikorere y'umwuga w'Abavoka Umwavoka akorera umwuga mu Rugaga rw'Abavoka rufite inshingano yo guteza imbere no kurengera inyungu z'umwuga w'Abavoka no gutanga ubutabera, binyuze mu kurinda ubwigenge n'ubusugire bw'umwuga, kubaha ihame ryo kugendera ku mategeko ndetse n'uburenganzira bwa muntu. UMUTWE WA II: IMITERERE N'IMIKORERE Y'URUGAGA RW'ABAVOKA MU RWANDA ICYICIRO CYA MBERE: INGINGO RUSANGE Ingingo ya 4: Inzego z'Urugaga Urugaga rugizwe n'inzego zikurikira: 1) Inama Rusange; 2) Inama y'Urugaga; 3) Umukuru w'Urugaga.	Article 3: Framework for exercising the profession of Advocate The Advocate shall practice his/her profession within the Bar whose mission is to promote and protect the interests of the profession and the administration of justice through the preservation of the independence and the integrity of the profession, the respect of the rule of law and human rights. CHAPTER II: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE RWANDA BAR ASSOCIATION SECTION ONE: GENERAL PROVISIONS Article 4: Organs of the Rwanda Bar Association The Bar Association shall comprise the following organs: 1) the General Assembly; 2) the Council of the Bar; 3) the President of the Bar.	Article 3: Cadre d'exercice de la profession d'Avocat L'Avocat exerce son ministère au sein de l'Ordre dont la mission est de promouvoir et de protéger l'intérêt de la profession et l'administration de la justice, par la préservation de l'indépendance et de l'intégrité de la profession, le respect de l'état de droit et des droits de la personne humaine. CHAPITRE II: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU BARREAU DU RWANDA SECTION PREMIERE: DISPOSITIONS GENERALES Article 4: Organes du Barreau du Rwanda L'Ordre des Avocats comprend les organes ci-après : 1) l'Assemblée Générale; 2) le Conseil de l'Ordre; 3) le Bâtonnier.
--	--	---

Izi nzego zunganirwa na Biro y’Inama y’Urugaga, Komisiyo n’Ubuyobozi Nshingwabikorwa.	These organs are supported by the Bureau of the Council of the Bar, the Committees and the Executive Directorate.	Ces organes sont appuyés par le Bureau du Conseil de l’Ordre, les Commissions et la Direction Exécutive.
Ingingo ya 5: Imikorere y’inzego z’Urugaga	Article 5: Operation of the organs of the Bar	Article 5: Fonctionnement des organes de l’Ordre
Inzego z’Urugaga zikora mu bwuzanye ariko zubahiriza ububasha n’inshingano za buri rwego hakurikijwe amategeko n’aya mategeko ngengamikorere.	The organs of the Bar work in complementarity while respecting the competences and the responsibilities of each of the bodies in accordance with the Act and this regulation.	Les organes de l’Ordre travaillent en complémentarité tout en respectant les compétences et les attributions de chacun des organes conformément à la loi et au présent règlement.
ICYICIRO CYA 2: INAMA RUSANGE	SECTION 2: GENERAL ASSEMBLY	SECTION 2: ASSEMBLÉE GÉNÉRALE
Ingingo ya 6: Abagize Inama Rusange	article 6: Composition	Article 6: Composition
Inama Rusange y’Urugaga igizwe n’Abavoka bose banditse ku rutonde rw’Abavoka no ku rutonde rw’abamenyerezwa umwuga. Ibyemezo by’Inama Rusange bifashwe hakurikijwe amategeko n’aya mategeko ngengamikorere bigomba kubahirizwa n’Abavoka bose.	The General Assembly of the Bar consists of all Advocates enrolled on the roll of the Bar and the list of interns. The decisions of the General Assembly taken in accordance with the law and these Rules and Regulations, are mandatory for all Advocates.	L’Assemblée Générale de l’Ordre est constituée par l’ensemble des Avocats inscrits au Tableau des Avocats et sur la liste des Avocats stagiaires. Les décisions de l’Assemblée Générale prises conformément à la loi et au présent Règlement d’Ordre Intérieur, sont obligatoires pour tous les avocats.
Ingingo ya 7: Inshingano	Article 7: Responsibilities	Article 7: Attributions
Inama rusange ifite inshingano zikurikira:	The General Assembly shall be competent to:	L’Assemblée Générale est compétente pour:

a. kwemeza ingengo y'imari y'umwaka y'Urugaga; b. kwakira, gusuzuma no kwemeza raporo y'umwaka y'ibikorwa, uko umutungo uhagaze na raporo y'umugenzuzi w'imari utari u'u'Urugaga; c. gushyiraho abagenzuzi b'imari batari ab'Urugaga no gusuzuma raporo zabo, bisabwe n'Inama y'Urugaga; d. gutora no kvanaho Umukuru w'Urugaga n'abagize Inama y'Urugaga, ndetse n'abahagararira abandi bavoka muri Komisiyo ishinze imyitwarire; e. guha ububasha bw'imicungire Inama y'Urugaga; f. kumva raporo ya Komisiyo ishinze imyitwarire.	a. adopt the annual budget of the Bar; b. receive, consider and adopt the annual activity report, the balance sheet and the external audit report; c. designate, upon proposal of the Council of the Bar external auditors; receive their reports and decide thereon; d. elect and dismiss the President of the Bar and the members of the Council of the Bar, as well as representatives of the Advocates in the Disciplinary Committee; e. authorise the Council of the Bar to carry out the management; f. hear the report of the Disciplinary Committee.	a. adopter le budget annuel de l'Ordre; b. recevoir, examiner et adopter le rapport annuel d'activités, le bilan et le rapport d'audit externe ; c. sur proposition du conseil de l'Ordre, désigner des auditeurs externes, recevoir et statuer sur leurs rapports ; d. élire et démettre le Bâtonnier et les membres du Conseil de l'Ordre, ainsi que les représentants des Avocats au sein de la Commission de Discipline ; e. donner quitus de gestion au Conseil de l'Ordre ; f. entendre le rapport de la Commission de Discipline.
Ingingo ya 8: Gutumiza inama Inama Rusange isanzwe iterana rimwe mu mwaka ku muni, isaha n'ahantu hagenwa mu butumire. Inama Rusange idasanzwe ishobora guterana igihe cyose inyungu z'Urugaga zibisaba. Inama Rusange itumizwa n'Umukuru	Article 8: Convening meetings The ordinary meeting of the General Assembly is held once per year at the date, time and place indicated in the invitation. An extraordinary General meeting may also be held at any time when required by the interest of the Bar. The General meeting is convened by the	Article 8: Convocation L'Assemblée Générale ordinaire se tient une fois par an à la date, à l'heure et à l'endroit indiqués dans la convocation. Il peut aussi être tenu une Assemblée Générale extraordinaire à tout moment lorsque l'intérêt de l'ordre l'exige. L'Assemblée Générale est convoquée par le

w'Urugaga byemejwe n'Inama y'Urugaga cyangwa bisabwe mu nyandiko na kimwe cya gatatu (1/3) cy'Abavoka banditse ku rutonde.	President of the Bar on decision of the Council of the Bar, or upon written request of one third (1/3) of Advocates on the roll of the Bar Association.	Bâtonnier sur décision du Conseil de l'Ordre ou sur demande écrite d'un tiers (1/3) des Avocats inscrits au Tableau.
Inama itumizwa nibura hasigaye iminsi cumi n'itanu (15) ngo iterane. Icyo gihe nticubahirizwa mu bihe bikurikira:	The convening period shall be at least fifteen (15) calendar days between the sending of the invitations and the holding of the meeting. Such period shall not be required:	Le délai de convocation est au moins de quinze (15) jours calendriers entre le lancement des convocations et la tenue de la réunion. Ce délai n'est pas requis:
a) mu nama zigamije gusa gutanga amakuru cyangwa amahugurwa, zidafatirwamo ibyemezo; b) iyo Inama Rusange yatumijwe mu buryo bwihutirwa hagamijwe kwiga ku kibazo gishobora gushyira mu kaga Urugaga, kibangamiye imikorere y'inzezo z'Urugaga cyangwa ikorwa ry'umwuga. Muri icyo gihe inama itumizwa mu masaha mirongo ine n'umunani (48).	a) for meetings of information or training meant not to take any decision; b) for General Assembly convened urgently to examine a matter endangering the life of the Bar Association, paralysing the functioning of its organs or the exercise of the profession, in which case the meeting shall be convened within forty-eight (48) hours.	a) pour des réunions simplement d'information ou de formation ne devant prendre aucune décision ; b) pour l'Assemblée Générale convoquée d'urgence pour examiner une question mettant en péril la vie de l'Ordre, paralysant le fonctionnement de ses organes ou l'exercice de la profession dans quel cas, la réunion est convoquée dans les quarante-huit (48) heures.
Ubutumire bumenyeshwa Abavoka banditse ku rutonde rw'Abavoka n'urw'abamenyerezwa umwuga hakoreshejwe uburyo bwose bw'itumanaho bwemejwe n'Umukuru w'Urugaga, ariko ubwo buryo bugomba kuba bwatangirwa ikimenyetso mu gihe hari	The convening is brought to the attention of Advocates on the roll and the list of interns by any means of communication determined by the President of the Bar, but ensuring the traceability in the event of dispute.	La convocation est portée à la connaissance des Avocats inscrits au Tableau et à la liste des avocats stagiaires par tout moyen de communication décidé par le Bâtonnier mais garantissant la traçabilité en cas de contestation.

uwabuhakana. Abamenyerezwa umwuga bitabira imirimo y’Inama Rusange ariko ntibemerewe gutora. Inama Rusange yiga gusa ingingo ziri ku rutonde rw’ibygwa keretse yemeje kongeraho ingingo imwe cyangwa nyinshi mu bindi hakurikijwe aya mategeko ngengamikorere. Ingingo ya 9: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane Uretse aho biteganyijwe ukundi muri aya mategeko, Inama Rusange yatumijwe mu buryo bukurikije amategeko iterana ikanafata ibyemezo iyo abayigize bari ku Rutonde rw’Abavoka bayitabiriye batari munsu y’ijana (100). Ingingo ya 10: Kwitabira inama z’Inama Rusange Buri mwavoka wanditse ku rutonde rw’Abavoka cyangwa rw’abamenyerezwa umwuga agomba kwitabira ubwe inama z’Inama Rusange. Umwavoka ugize impamvu	Interns shall attend the meetings of the General Assembly but do not participate to the vote. The General Assembly shall consider only items on the agenda unless it decides, in accordance with these Rules and Regulations, to include one or more items in “Any Other Business”. Article 9: Quorum Unless otherwise provided by this Regulation, the General Assembly regularly convened shall be held and deliberate validly when the number of members on the enrolled on the role of the Bar present or represented is not less than a hundred (100). Article 10: Participating in the sessions of the General Assembly Each Advocate on the roll of the Bar or the list of interns must personally and promptly participate in the sessions of the General Assembly. An Advocate unable to participate	Les Avocats stagiaires assistent aux travaux de l’Assemblée Générale mais ne participent pas au vote. L’Assemblée Générale ne peut examiner que les questions figurant à l’ordre du jour sauf si elle décide, conformément à ce règlement, d’inscrire un ou plusieurs points dans les divers. Article 9: Quorum L’Assemblée Générale régulièrement convoquée se tient et délibère valablement, sauf lorsque le présent Règlement en dispose autrement, quand le nombre des membres inscrits au Tableau présents ou représentés n’est pas inférieur à cent (100). Article 10: Participation aux sessions de l’Assemblée Générale Chaque Avocat inscrit au Tableau de l’Ordre ou à la liste des avocats stagiaires doit personnellement et ponctuellement participer aux sessions de l’Assemblée Générale. Un
---	---	---

zumvikana zimubaza kwitabira agomba kubimenyesha mu nyandiko mbere y'igihe Umukuru w'Urugaga, ndetse akamumenyesha igihe izo mpamvu zivuyeho; agaha ububasha umwavoka mugenzi we binyuze mu butumwa agenera Urugaga. Nta wemerewe guhabwa ububasha n'abantu barenze babiri.	because of valid reasons shall, before or upon cessation of the hindrance, inform the President of the Bar in writing; and give proxy to a colleague who shall represent him/her to the Assembly, through a correspondence addressed to the Bar. No one shall be allowed to hold more than two proxies.	Avocat empêché pour de justes motifs doit préalablement ou dès cessation de l'empêchement en informer le Bâtonnier par écrit; et donner procuration à un confrère qui le représentera par courrier adressé à l'Ordre. Nul n'est autorisé à détenir plus de deux procurations.
Gusiba no gukererwa nta mpamvu ni amakosa yo mu rwego rw'umwuga ahanwa hakurikijwe aya mategeko ngengamikorere. Na none, nta wemerewe gutanga ububasha bwo guhagararirwa mu nama z'Inama Rusange zirenze eshatu (3) zikurikirana, uretse igihe yabyemerewe n'Inama y'Urugaga.	Unjustified absences as well as delays constitute professional breach punished pursuant to these Rules and Regulations. Similarly, no one is allowed to be represented by proxy in more than three (3) consecutive meetings of the General Assembly, unless a motivated dispensation is appreciated and given by the Council of the Bar.	Les absences ainsi que les retards non justifiés constituent des manquements professionnels sanctionnés conformément au présent Règlement. De même, nul n'est autorisé à se faire représenter par procuration dans plus de trois (3) réunions consécutives de l'Assemblée Générale, sauf dispense motivée et appréciée par le Conseil de l'Ordre.
Kugira ngo ibi byubahirizwe, muri buri nama hateganywa urutonde buri muntu witabiriye inama ashiraho umukono akihagera. Inyandiko zitanga ububasha bwo guhagararirwa zigomba kugezwa ku cyicaro cy'Urugaga cyangwa zikanyuzwa mu butumwa bwa interinet umunsi umwe nibura mbere y'uko inama iterana, keretse hari impamvu ituma bidashoboka.	For the purposes of compliance with these requirements, a list of attendance is held at the entrance of the venue of the meeting, and shall be signed by each participant upon arrival. Proxies are compulsorily deposited at the headquarters of the Bar Association or sent to its e-mail address at least one day prior to the holding of the meeting except in case of force majeure.	Aux fins de l'application des présentes prescriptions, il est tenu à l'entrée du lieu de la réunion, une liste de participation à signer par chaque participant à son arrivée. Les procurations sont obligatoirement déposées au Siège de l'Ordre ou transmis à son adresse électronique au moins un jour avant la réunion sauf cas de force majeure.
Ingingo ya 11: Kuyobora Inama Rusange	Article 11: Presiding over the General	Article 11: Présidence de l'Assemblée

Iyo uwimenyereza umwuga amaze igihe kirenga imyaka ibiri (2) asubitse ukwimenyereza, bifatwa ko umenyerezwa yahagaritse ukwimenyereza. Iyo agarutse, yongera gutangira bundi bushya kandi agakora igihe cyose giteganyirizwa ukwimenyereza umwuga. Ingingo ya 96: Amahugurwa mu gihe cyo kwimenyereza umwuga Komisiyo ishinze ibyo kwinjira mu mwuga n'amahugurwa itegura buri mwaka amahugurwa ku mikorere y'umwuga no ku mabwiriza agenga imyitwarire mu mwuga. Uretse amasomo yo mu ishuri, hategurwa inama ku bijyanye n'ubuzima bwo mu mwuga, aho abimenyereza umwuga bahabwa umwanya wo kugaragaza ingorane zijyanye n'umwuga bahura na zo. Abamenyerezwa umwuga banategurirwa ibiganiro n'umwe mu Bavoka b'Urugaga cyangwa n'undi muntu utoranywa na Komisiyo ishinze ibyo kwinjira mu mwuga n'amahugurwa. Buri mwavoka wimenyereza umwuga agomba	If, after two (2) years, the intern registered on the list of interns does not resume, he/she is deemed to have suspended the internship. At the end of the suspension, the concerned intern will have to complete the full internship period. Article 96: Training during the internship The Committee on access to the profession and training shall organise each year, training sessions on professional practice and ethics. In addition to academic courses, more practical sessions shall be organized during which the interns are invited to make presentation on the professional difficulties they encounter. Lectures will also be held for interns by members of the Bar or by any other person selected by the Committee on access to the profession. The presence in all lessons, courses and	Passé les deux (2) ans, l'Avocat inscrit sur la liste des avocats stagiaires est réputé avoir suspendu le stage. Au terme de la suspension, l'Avocat stagiaire concerné devra reprendre intégralement la période de stage. Article 96: Formation durant le stage La Commission d'accès à la profession et formation organise chaque année, des cycles de formation sur la pratique professionnelle et les règles déontologiques. Outre les cours théoriques, il sera organisé des réunions à caractère plus pratique au cours desquelles les stagiaires sont invités à exposer les difficultés d'ordre professionnel qu'ils rencontrent. Des conférences pourront également être tenues à l'intention des stagiaires par l'un ou l'autre membre du Barreau ou par toute autre personne choisie par la Commission d'accès à la profession et formation. La présence à toutes les leçons, cours et
--	--	--

kwitabira amasomo n'ibiganiro byose. Gusiba amahugurwa bitatangiwe impamvu bifatwa nk'ikosa mu mwuga rihanishwa gusibwa ku rutonde iyo gusiba bigejeje kuri makumyabiri ku ijana (20%) by'igihe cyose giteganyirijwe amahugurwa. Iyo uko gusiba kwagaragarijwe impamvu, umwavoka wimenyereza umwuga yemerewe kongera gukurikira amahugurwa mu cyiciro gikurikira. Ingingo ya 97: Isuzuma ry'ukwimenyereza umwuga Iyo igihe cyo kwimenyereza umwuga kirangiye, uwimenyereza umwuga akora ikizamini kirimo igice cyanditse hamwe n'ikiganiro bitegurwa na Komisiyo ishinze ibyo kwinjira mu mwuga n'amahugurwa mu buryo busa n'ubuteganyijwe mu ngingo ya 83 y'aya mategeko ngengamikorere. Ikizamini cyanditse kireba ibyigishijwe mu cyiciro kirangiye hamwe n'ubumenyi rusange bwerekeye umwuga n'imyitwarire ijyanye n'umwuga. Ikizamini kinyuze mu kiganiro ni ikizamini	conferences is mandatory for any intern. Absences to training sessions not justified constitute professional misconduct and are sanctioned by the disbarment from the List when such absences are totaling twenty percent (20%) of the time allocated to a training session. When these absences are justified, the intern is allowed to resume the session in the next round. Article 97: Assessment of Internship At the end of the internship, the intern is subjected to a test, including a written part and an oral part, organised by the Committee for access to the profession, in conditions similar to those set out in Article 83 of this Regulation. The written part covers materials studied during the course period and general knowledge in professional and ethical matters. The oral test shall be conducted before a panel	conférences est obligatoire pour tout Avocat stagiaire. Les absences non justifiées aux séances de formation constituent des manquements professionnels et sont sanctionnés de la radiation lorsque telles absences totalisent vingt pour cent (20%) du temps alloué à une séance de formation. Lorsque ces absences sont justifiées, l'Avocat stagiaire est autorisé à reprendre la séance lors du prochain cycle. Article 97: Evaluation du stage A la fin du stage, l'Avocat stagiaire est soumis à une épreuve, comprenant une partie écrite et une partie orale, organisée par la Commission d'accès à la profession et formation, dans les conditions semblables à celles énoncées à l'article 83 du présent règlement. La partie écrite porte sur les matières vues au cours du cycle et sur les connaissances générales en matière professionnelle et déontologique. L'épreuve orale consiste en un test devant un
---	---	--

gikoreshwa 'inteko igizwe n'umubare w'igiharwe w'abantu batatu (3) nibura bagenwa na Komisiyo ishinze ibyo kwinjira mu mwuga n'amahugurwa. Amanota yo gutsindiraho ni mirongo irindwi (70%) nibura. Ingingo ya 98: Kubika dosiye ya buri mwavoka wimenyereza umwuga Uwimenyereza umwuga wese akorerwa dosiye ibikwa mu Buyobozi Nshingwabikorwa; ikajyamo inyandiko n'amakuru byose bimureba. Ibishyirwa muri dosiye ni nk'ibi bikurikira: - raporo z'ubwitabire bw'iburanisha umwavoka wimenyereza umwuga yagiyemo; iza raporo zikaba zigomba kuba zemejwe na Perezida wa Komisiyo ishinze ubufasha mu by'amategeko; - raporo y'umuyobozi w'umenyerezwa umwuga; - inyandiko igaragaza ubwitabire mu mahugurwa yateguwe na Komisiyo ishinze ibyo kwinjira mu mwuga ishinze ibyo kwinjira mu mwuga;	composed of an odd number of at least three (3) members appointed by the Committee on access to the profession. The pass mark is seventy per cent (70%) at least. Article 98: Keeping individual files for interns For each intern, an administrative file in which all the documents and information concerning the intern are kept is constituted and held in the Executive Directorate of the Bar. The file shall comprise, among other things: - reports of attendance of the intern at the hearings in the courts, which reports should be approved by the President of the Committee in charge of legal aid; - the report of his/her supervisor; - the record of his/her attendance at the training sessions organized by the Committee for access to the profession;	jury composé d'un nombre impair de trois (3) membres au moins désignés par la Commission d'accès à la profession et formation. La note de réussite est de soixante-dix pour cent (70%) au moins. Article 98: Tenue du dossier individuel de l'Avocat stagiaire Pour chaque Avocat stagiaire, il est constitué et tenu à la Direction Exécutive, un dossier administratif dans lequel sont versés toutes les pièces et renseignements le concernant. Il s'agit, entre autres: - des rapports de comparution du stagiaire aux audiences devant les juridictions, lesquels rapports doivent être visés par le Président de la Commission chargée de l'assistance juridique et judiciaire ; - du rapport de son Parrain de stage ; - du relevé de ses présences aux séances de formation organisées par la Commission chargée de l'accès à la
--	---	---

d. imirimo umenyerezwa umwuga yakoze ku giti cye n'ibyo yaba yarashimiwe; e. ibitekerezo byatanzwe bijyanye n'ukwimenyereza kwe bituma hamenyekana uko yakoze n'uko yahuguwe mu mwuga. Ingingo ya 99: Raporo isoza ukwimenyereza umwuga Iyo hasigaye amezi abiri (2) mbere y'uko ukwimenyereza kurangira, Avoka wimenyereza umwuga akora muri kopi ebyiri, raporo irambuye y'ibyo yakoze akayishyikiriza Umukuru w'Urugaga iriho icyemezo ko Umwavoka wamumenyereje umwuga yayibonye. Iyo hasigaye ukwezi kumwe ngo igihe cyo kwimenyereza cyirangire, uyobora Avoka wimenyereza umwuga akora raporo isoza ukwimenyereza igaragaza niba umwavoka yamenyerezaga yakwandikwa ku rutonde rw'Abavoka cyangwa atarwandikwaho. Iyo uwimenyereza umwuga yahinduye umuyobora mu gihe cyo kwimenyereza,	d. personal work in which the intern has been involved and distinction she/she was awarded; e. observations relating to his/her internship and relevant to the assessment of his/her activity and his/her professional training. Article 99: Internship report Two months before the expiry of the internship period, the intern shall prepare a detailed report in two copies of his activities and submit it to the President of the Bar with acknowledgement of receipt by the supervisor. One month before the expiry of the internship period, the supervisor shall establish the report of the end of the internship that must conclude the eligibility or not of the intern to the roll of Advocates. If the intern has changed the supervisor in the course of the internship, successive supervisors	profession et formation ; d. des travaux personnels auxquels le stagiaire s'est livré et de distinction dont il a été l'objet ; e. des observations relatives à son stage et utiles à l'appréciation de son activité et de sa formation professionnelle. Article 99: Rapport de fin de stage Deux mois avant la fin du stage, l'avocat stagiaire établit en deux exemplaires le rapport détaillé de ses activités et le soumet au Bâtonnier avec accusé de réception du parrain de stage. A un mois de la fin du stage le Parrain de stage établit le rapport de fin de stage qui doit conclure à l'admissibilité ou non du stagiaire au Tableau des Avocats. Si le stagiaire a changé de Parrain de stage en cours de stage, les Parrain de stage, successifs
---	--	--

aabamuyoboye bose bakora raporo, buri muntu ku gihe yamumenyererejeho. Raporo y'isoza ry'ukwimenyereza umwuga ikorwa n'uwayoboye uwimenyereza umwuga igomba kugaragaza ibi bikurikira: a. kuvuga muri make ibikorwa uwimenyereza umwuga yakoze ndetse n'agaciro abiha mu rwego rw'umwuga hamwe n'imyitwarire ye; b. Inama atanga: i. ko uwimenyereza umwuga yakwandikwa ku rutonde rw'Abavoka; ii. ko igihe cyo kumenyerezwa umwuga cyakongerwa; iii. ko Avoka wimenyereza yasibwa kuri lisiti y'Abavoka bimenyereza umwuga. Inama yose itangwa n'uwayoboraga uwimenyereza umwuga igomba kutabamo amarangamutima kandi igaragaza impamvu inshingiraho. Inama yose irimo amarangamutima ifatwa nk'ikosa ry'umwuga n'imyitwarire rishobora	shall report, each for the period that he/she supervised. The supervisor's internship report must include: a. a brief description of the activities undertaken by the intern with an appreciation of his/her professional value and morality; b. a recommendation: i. registration of the intern with the roll of Advocates; ii. extension of the duration of the internship; iii. disbarment of the intern from the list of interns. Any recommendation of the supervisor must be objective and reasoned. Any recommendation of convenience constitutes professional misconduct which may lead to	font rapport, chacun pour la période qu'il a supervisée. Le rapport de fin de stage du Parrain de stage comporte obligatoirement: a. une description succincte des activités menées par le stagiaire avec une appréciation de sa valeur professionnelle et de sa moralité ; b. une recommandation : i. d'inscription de l'Avocat stagiaire au tableau des Avocats ; ii. de prolongation de la durée du stage ; iii. de radiation de l'Avocat stagiaire de la liste des Avocats stagiaires. Toute recommandation du Parrain de stage doit être objective et motivée. Toute recommandation de complaisance constitue un manquement professionnel et une
--	--	---

gutuma umuyobozi w’ukwimenyereza umwuga ahanwa. Komisiyo ishinze ibyo kwinjira mu mwugaishinze ibyo kwinjira mu mwuga n’amahugurwa igomba kugenzura ukuri kuri mu nama yatanze na buri umwe mu bayobora abimenyereza umwuga, bita nko ku manota abimenyereza babonye mu bindi bizamini. Ingingo ya 100: Irangirany’ukwimenyereza Ukwimenyereza umwuga kurangira igihe cyaryo cyateganyijwe n’amategeko kirangiye. Iyo ukwimenyereza kurangiyeyeho, uwimenyerezagaba ari muri kimwe mu byiciro bikurikira: • uwimenyerezagaga yarangiye neza ukwimenyereza akaba agomba kwandikwa ku rutonde rw’Abavoka; • uwimenyerezagaga ntiyarangiye neza ukwimenyereza ariko akaba ashobora kongera kwimenyereza mu gihe kitarenze amezi atandatu (6); • uwimenyerezagaga umwuga yaratsinzwe akaba agomba gushyikirizwa Komisiyo ishinze imyitwarire.	disciplinary sanctions against the supervisor. The Committee on access to the profession and training must verify the reality and objectivity of the recommendation made by each supervisor, including the consideration of the other results of the tests. Article 100: End of the internship The internship shall end with the expiry of the period prescribed by the law. At the end of the internship, the intern shall be in one of the following cases: • the intern has successfully completed the internship and must be registered on the roll of the Advocates; • the intern has not successfully completed the training but may extend his/her internship period for a maximum of six (6) months; • the intern has completely missed his internship and must be removed from the list of interns.	faute disciplinaire susceptible de sanctions à l’égard du Parrain de stage. La Commission d’accès à la profession et formation doit vérifier la réalité et l’objectivité de la recommandation formulée par chaque Parrain de stage, notamment en tenant compte des autres résultats des épreuves. Article 100: Fin du stage Le stage prend fin à l’expiration du délai imparti par la loi. A la fin du stage, l’avocat stagiaire se retrouve dans l’un des cas ci-après : • le stagiaire a suivi la formation avec succès et doit passer au Tableau des Avocats ; • le stagiaire n’a pas suivi la formation avec succès mais peut prolonger son stage pour une durée de six (6) mois maximum; • le stagiaire a complètement raté son stage et doit être déféré à la Commission de discipline.
--	---	--

Iyo ukwimenyereza kurangiye, Avoka wimenyerezaga agomba gusaba mu nyandiko kwandikwa ku rutonde rw'Abavoka.	At the end of the internship, the intern is obliged to apply in writing for enrolment on the roll of Advocates.	A l'expiration du stage, l'Avocat stagiaire a l'obligation de solliciter par écrit son inscription au Tableau.
Ingingo ya 101: icyemezo cy'Inama y'Urugaga kuri raporo y'ukwimenyereza	Article 101: Decision of the Council of the Bar on the internship report	Article 101: Décision du Conseil de l'Ordre sur le rapport de stage
Inama y'Urugaga ifata umwanzuro kuri Avoka wimenyerezaga umwuga ishingiyeye kuri raporo isoza ukwimenyereza, ku manota uwimenyereza yagiye abona mu bizamini bitandukanye no ku nama ya Komisiyo ishinze ibyo kwinjira mu mwuga n'amahugurwa n'amahugurwa.	The Council of the Bar takes decision on the fate of the intern based on the report of end of internship, on the note of the various tests and the advice of the Committee on access to the profession.	Le Conseil de l'Ordre statue sur le sort de l'avocat stagiaire en se basant sur le rapport de fin de stage, sur la note des différentes épreuves et sur l'avis de la Commission d'accès à la profession et formation.
Uwarangije kwimenyereza neza ahabwa impamyabushobozi bwo gukora umwuga itangwa n'Inama y'Urugaga.	The intern who successfully completed his/her internship shall receive a Certificate of Professional Competence issued by the Council of the Bar.	Le stagiaire qui a terminé son stage avec succès reçoit un Certificat d'Aptitude Professionnelle délivré par le Conseil de l'Ordre.
Inama y'Urugaga ishobora gufata umwanzuro wo kongera igihe cyo kwimenyereza iyo Avoka wimenyerezaga atagejeje ku manota 70% asabwa mu isuzumabushobozi.	The Council of the Bar may decide to extend the internship period for an intern who did not score 70% in the evaluation.	Le Conseil de l'Ordre peut décider de prolonger le stage pour un Avocat stagiaire qui n'a pas obtenu la note requise de 70% dans l'évaluation.
Uko byagenda kose, icyemezo cyo kongera igihe cyo kwimenyereza umwuga ntigishobora gufatwa inshuro zirenze imwe kuri Avoka	In all cases, the decision on the extension of the internship may be taken only once for the same intern.	Dans tous les cas, la décision de prolongation du stage ne peut être prise qu'une fois pour un même avocat stagiaire.

umwe wimenyereza umwuga. UMUTWE WA V: GUTEGURA NO KUBIKA URUTONDE RW'ABAVOKA NA LISITI Y'ABAVOKA BIMENYEREZA UMWUGA Ingingo ya 102: Uko Abavoka bakurikirana ku rutonde Abavoka bakurikirana ku rutonde rw'abagize Urugaga hagendewe ku gihe bandikiwe ku rutonde rw'Abavoka cyangwa kuri lisiti y'Abavoka bimenyereza umwuga. Abavoka bashyizwe ku rutonde mu cyemezo kimwe cy'Inama y'Urugaga bakurikirana hakurikijwe igihe barahiriye. Abavoka barahiriye rimwe bakurikirana hakurikijwe ibiteganywa mu gika kibanziriza iki. Abavoka bashyizwe kuri lisiti y'abavoka bimenyereza umwuga ku munsu umwe bakurikirana hagendewe ku gihe baboneye impamyabumenyi ya Kaminuza batanze basaba	CHAPTER V: ESTABLISHMENT AND KEEPING OF THE ROLL OF ADVOCATES AND THE LIST OF INTERNS Article 102: Rules of precedence Advocates take rank on the roll of the Bar Association in the order of their entry on the roll of Advocates or on the list of interns. Advocates registered on the roll of Advocate or on the list of interns following the same decision of the Council of the Bar shall take precedence according to the dates of their taking of oath. Advocates who took oath on the same date shall take precedence in accordance with the conditions set out in the next paragraph. Advocates registered on the list of interns during the same session shall take precedence according to the dates of their degrees submitted at the time of their application. If several degrees	CHAPITRE V: ETABLISSEMENT ET TENUE DU TABLEAU DES AVOCATS, ET DE LA LISTE DES AVOCATS STAGIAIRES Article 102: Règles de préséance Les Avocats prennent rang au Tableau de l'Ordre des Avocats dans l'ordre de leur inscription au Tableau ou sur la liste des avocats stagiaires. Les Avocats inscrits au Tableau par une même décision du Conseil de l'Ordre prennent rang d'après les dates de leur prestation de serment. Les avocats ayant prêté serment le même jour prennent rang suivant les conditions énoncées à l'alinéa suivant. Les Avocats inscrits sur la liste des avocats stagiaires au cours d'une même séance prennent rang selon les dates de leur diplôme académique soumis lors de leur demande
--	--	---

kuba Abavoka. Iyo impamyabumenyi nyinshi zihuje itariki, abimenyereza umwuga bakurikirana hashingiwe ku manota babonye; baba banganya amanota, bagakurikirana hagendewe ku manota babonye mu kizamini cyo kwinjira mu mwuga.	have the same date, the precedence of the holders shall be determined by the rank of the degree obtained, and in the case of identical ranks, by the score in the test for entry to the profession.	d'admission. Si plusieurs diplômes portent la même date, le rang des titulaires est déterminé par la mention obtenue et, en cas de mention identique, par la note obtenue dans le test d'entrée dans la profession.
Ingingo ya 103: Uko abavoka bakurikirana mu nkiko	Article 103: Precedence before the courts	Article 103: Préséance devant les juridictions
Iyo baburanira imbere y'inteko imwe y'urukiko, Umukuru w'Urugaga uri mu kazi ni we uza mbere n'ubwo haba hari abandi Bavoka bamurusha uburambe; hagakurikiraho abandi Bavoka, abafite uburambe kurusha abandi ku rutonde rw'Abavoka no kuri lisiti y'Abavoka bimenyereza umwuga bakaza mbere.	While appearing before the same panel in a given jurisdiction, the President of the Bar in-office shall take precedence over the others, even senior members. Finally, for the other Advocates, the senior ones shall take precedence over those with less seniority on the roll of the Bar and the list of interns.	Comparaissant devant un même siège d'une juridiction donnée, le Bâtonnier en exercice a préséance sur les autres Avocats même plus anciens ; enfin les autres Avocats, les plus anciens prenant préséance sur les moins anciens suivant le Tableau de l'Ordre et la Liste des avocats stagiaires.
Ingingo ya 104: Umwavoka wakoreraga umwuga mu mahanga	Article 104: Advocate who has been practicing abroad	Article 104: Avocat ayant exercé à l'étranger
Uko umwavoka wakoreraga umwuga we mu mahanga wemerewe gukorera mu Rwanda ashwirwa ku rutonde rw'abagize Urugaga bikurikiza ihame ry' uburenganzira umuntu yamaze kubona.	The rank of an Advocate having practiced abroad and who is authorized to practice in Rwanda, will be determined by the recognition of the rights acquired abroad.	Le rang d'un Avocat ayant exercé à l'étranger et admis à exercer au Rwanda, sera déterminé par la reconnaissance des droits acquis à l'étranger.
Ingingo ya 105: Imiterere y'Urutonde rw'abagize Urugaga	Article 105: Arrangement of the roll of Advocates	Article 105: Disposition du Tableau de l'Ordre des Avocats

Urutonde rw'Abavoka rukurikirwa na lisiti y'abamenyerezwa umwuga. Ukwandikwa kose cyangwa ugusubizwa kose ku rutonde rw'Abavoka cyangwa kuri lisiti y'Abavoka bimenyereza umwuga, kwishyurirwa amafaranga agenwa buri mwaka n'Inama y'Urugaga. Iruhande rw'izina ry'uwahoze ari Umukuru w'Urugaga, handikwa inyuguti (AB). Na none, abavoka bihariye barangwa n'inyuguti ME (Umwavoka uburanira Leta) zishyirwa mu dukubo; MEP (Umwavoka uburanira ikigo cya Leta), na JMAJ (umwavoka w'inzu y'ubutabera). Ingingo ya 106: Ikorwa n'itangazwa ry'Urutonde rw'Abagize Urugaga Bitarenze ku itariki ya 31 Mutarama ya buri mwaka, Inama y'Urugaga ikora urutonde rw'abagize Urugaga, rugizwe n'urutonde rw'Abavoka na Lisiti y'abamenyerezwa umwuga. Itegeka ko urwo rutonde rutangazwa, rushyirwa nko ku rubuga rwa interineti rw'Urugaga.	The roll of registered Advocates is followed by the list of interns. Any enrollment or re-enrollment on the roll of the Advocates or on the list of interns gives rise to the perception of a fee whose amount shall be fixed annually by the Council of the Bar. The quality of former President of the Bar shall be put in abbreviation (AB) next to the name of its holder. Similarly, the status of special Advocates is indicated in parentheses like ME (Principal State Attorney); MEP (State Attorney) and JMAJ (Lawyer in Access to Justice Bureau). Article 106: Establishment and publication of the roll of the Bar No later than January 31st of each year, the Council of the Bar shall decide upon the roll of the Bar that includes the roll of Advocates and the list of interns. The Council orders its publication, including on the website of the Bar.	Le Tableau des Avocats inscrits est suivi de la liste des Avocats stagiaires. Toute inscription ou réinscription au Tableau de l'Ordre ou sur la liste des Avocats stagiaires donne lieu à la perception d'un droit dont le montant est fixé chaque année par le Conseil de l'Ordre. La qualité d'Ancien Bâtonnier figure en abrégé (AB) à côté du nom de son titulaire. De même, la qualité d'Avocat spécial est indiqué entre parenthèses comme ME (Mandataire de l'Etat) ; MEP (Mandataire d'établissement public) et JMAJ (Juriste de Maison d'Accès à la Justice). Article 106: Etablissement et publication du Tableau de l'Ordre Au plus tard le 31 janvier de chaque année, le Conseil de l'Ordre arrête le Tableau de l'Ordre des Avocats comprenant le Tableau des Avocats et la Liste des Avocats stagiaires. Il en ordonne la publication, notamment sur le site web de l'Ordre.
---	--	--

Iyo bibaye ngombwa, Urutonde rw'Abagize Urugaga ruravugururwa kugira ngo hitabwe ku barusibweho, bahanishijwe guhagarikwa by'igihe gito cyangwa kumanwe ku rutonde, ndetse no ku barubijweho hakurikijwe ibiteganywa n'aya mategeko ngengamikorere. Iryo vugururwa rishobora gukorwa hategurwa urutonde rushyashya, cyangwa binyuze gusa mu cyemezo cy'Inama y'Urugaga kimenyeshwa inkiko kandi kigatangazwa ku rubuga rwa interineti rw'Urugaga.	If necessary, the roll of the Bar is updated to take into account the removals, sanctions of temporary suspension or disbarment, and reinstatements conducted in accordance with the requirements of this Regulation. Such update may be made either by the establishment of a new roll, by simple decision of the Council of the Bar communicated to the courts and published on the website of the Bar.	En cas de besoin, le Tableau de l'Ordre est mis à jour pour tenir compte des omissions, des sanctions de suspension temporaire ou de radiation infligées, ainsi que des réintégrations effectuées conformément aux prescriptions du présent règlement. Telle mise à jour peut être faite soit par l'établissement d'un nouveau Tableau, soit par simple décision du Conseil de l'Ordre communiquée aux juridictions et publiée au site web du Barreau.
UMUTWE WA VI: GUKORA UMWUGA W'ABAVOKA	CHAPTER VI: PRACTICING THE PROFESSION OF ADVOCATE	CHAPITRE VI: EXERCICE DE LA PROFESSION D'AVOCAT
ICYICIRO CYA MBERE: UBURYO UMWUGA UKORWAMO	SECTION ONE: MODALITIES OF PRACTICING THE PROFESSION	SECTION PREMIERE: MODALITES D'EXERCICE DE LA PROFESSION
Ingingo ya 107: Uburyo Abavoka bakoramo umwuga wabo	Article 107: Various forms of practicing the profession	Article 107: Formes d'exercice de la profession
Umwavoka ashobora gukora wenyinecyangwa gukorana n'abandi mu rwego rw'amasezerano y'imikoranire cyangwa mu rwego rw'ubufatanye mu buryo bw'ishyirahamwe. Kwishyira hamwe byemewe hagati y'Abavoka gusa.	The Advocate may practice either individually, or in a group as an Associate or as a Partner. The partnership is allowed among Advocates only.	L'Avocat peut exercer la profession soit à titre individuel, soit en groupe en qualité de collaborateur ou en qualité de partenaire ou associé. Le regroupement n'est autorisé qu'entre Avocats seulement.

Uburyo bwose Umwavoka yahitamo bwo gukora umwuga, agomba kuba afite ibiro, kandi izina ryabyo rikaba ryarabanje kugezwa ku Nama y'Urugaga kugira ngo iryemeze. Izina ry'ibiro by'umwavoka rigomba kubahiriza amabwiriza agenga imyitwarire mu mwuga. Uburyo iyi ngingo ishyirwa mu bikorwa bugenwa n'Inama y'Urugaga. AKICIRO KA MBERE: GUKORERA UMWUGA MU RWEGO RW'AMASEZERANO Y'IMIKORANIRE N'ABANDI Ingingo ya 108: Amasezerano y'imikoranire Gukora umwuga mu rwego rw'amasezerano y'imikoranire bigomba amasezerano yanditse, Umukuru w'ibiro agomba kugeza ku Bunyamabanga bw'Inama y'Urugaga kugira ngo ruyemeze, mu minsi cumi n'itanu (15) kuva amaze gushyirwaho umukono n'abakorana. Kutabyubahiriza ni ikosa ryo mu rwego rw'imyitwarire.	Irrespective of the form of practicing, the Advocate must have a Law Firm whose name must have been submitted to the Council of the Bar for approval. The name of the Law Firm must respect the ethical rules of the profession. The modalities of implementation of this Article shall be determined by the Council of the Bar. SUB-SECTION ONE: PRACTICING THE PROFESSION IN COLLABORATION Article 108: Collaboration agreement The exercise of the profession by collaboration must be subject of a written contract, which is submitted by the manager of the Law Firm to the Secretariat of the Council of the Bar for approval within fifteen (15) days of its signature. Any breach constitutes a disciplinary fault.	Quelle que soit la forme d'exercice de la profession, l'Avocat doit avoir un Cabinet dont le nom doit être préalablement soumis au Conseil de l'Ordre pour approbation. Le nom du cabinet doit être conforme aux règles déontologiques de la profession. Les modalités de mise en œuvre du présent article sont déterminées par le Conseil de l'Ordre. SOUS-SECTION PREMIERE: EXERCICE DE LA PROFESSION EN COLLABORATION Article 108: Contrat de collaboration L'exercice de la profession par collaboration doit faire l'objet d'un contrat écrit, lequel est déposé, pour approbation, au Secrétariat du Conseil de l'Ordre par le responsable du Cabinet dans les quinze (15) jours de sa signature. Tout manquement constitue une faute disciplinaire.
--	---	---

Iyo Inama y'Urugaga, ishingiyeye ku nama ihawe na Komisiyo ishinze imyitwarire mu kazi, isanze bimwe mu bikubiye mu masezerano y'imikoranire bitubahiriza amabwiriza agenga umwuga, igomba, mu gihe cy'amezi abiri (2), gutegeka Abavoka bireba guhindura ayo masezerano bayahuzira n'ayo mabwiriza. Ingingo ya 109: Ibikubiye mu masezerano y'imikoranire Amasezerano y'imikoranire aba akubiyemo nibura ibi bikurikira: • igihe amasezerano azamara cyangwa niba nta gihe agenewe kuzamara; • uburyo bw'imikoranire ndetse n'igihe cy'ibiruhuko n'ingano yabyo; • uburyo bwo guhembwa; • amabwiriza agenga ikiruhuko cy'ababyeyi n'igihe cyo guhagarika akazi kubera uburwayi; • igihe cy'igeragezwa; • igihe cyo kumenyesha. Nta na rimwe amasezerano ashobora gushyirwamo ingingo zibangamira uburenganzira bw'umwavoka ukorana n'abandi bwo kuzashyamba nyuma, ibiro bye bwite. Icyakora uwo mwavoka agomba kwirinda	When the Council of the Bar, upon the advice of the Committee on Ethics, believes that the collaboration agreement violates some of the provisions of the rules of the profession, it must, within a period of two (2) months, require concerned Advocates to amend the agreement in the way consistent with such rules. Article 109: Content of the collaboration Agreement The collaboration Agreement must include at least the following particulars: • the duration of the Agreement, either specified or not; • the mode of collaboration as well as the period and the duration of the leave; • the terms of remuneration; • the regulation of maternity and the possible sick leave cases; • probation period; • period of prior notice. The Agreement may in no case include stipulation limiting the freedom of the Associate Advocate to establish his/her own Firm. However, the associate Advocate must refrain	Lorsque le Conseil de l'Ordre, sur avis de la Commission chargée de la Déontologie, estime que l'accord de collaboration viole en certaines de ses dispositions, les règles de la profession, il doit, dans un délai de deux (2) mois, mettre en demeure les Avocats concernés de modifier la convention en la conformant auxdites règles. Article 109: Teneur du contrat de collaboration Le contrat de collaboration comportera au moins les énonciations suivantes : • la durée déterminée ou non dudit contrat ; • le mode de collaboration ainsi que la période et la durée des congés ; • les modalités de rémunération ; • la réglementation des congés de maternité et des arrêts de maladie éventuels ; • la période d'essai ; • le délai de prévenance réciproque. Le contrat ne pourra, en aucun cas, comporter de stipulation limitant la liberté d'établissement ultérieur de l'Avocat collaborateur. Celui-ci devra cependant s'interdire toute pratique de
---	--	---

ihiganwa rinyuranyije n'amategeko, cyangwa ibindi bikorwa byose bibusanye n'amahame y'ingenzi yerekeye kuba inyangamugayo, kugira ubushishozi, kuba umunyakuri, kugira ubumuntu, icyubahiro n'umuhate.	from any practices of unfair competition or other breaches of the basic principles of dignity, conscience, honesty, humanity, honour and delicacy.	concurrence déloyale ou tous autres manquements aux principes essentiels de dignité, conscience, probité, humanité, honneur et délicatesse.
Inama y'Urugaga iteganyiriza abo bireba amasezerano y'imikoranire y'icyitegererezo.	The Council of the Bar shall avail for those interested the model of a collaboration Agreement.	Le Conseil de l'Ordre met à la disposition des intéressés le modèle de contrat de collaboration.
Ingingo ya 110: Uburenganzira n'inshingano by'abakoranye amasezerano y'imikoranire	Article 110: Rights and obligations of the parties	Article 110: Droits et obligations des parties
Umwavoka ukorana n'undi agomba kurangiza inshingano afite kuri mugenzi we akoresheje umutimanama n'umurava. Yiyemeza gukoresha igice kinini cy'umwanya we mu mirimo y'ibiro by'umwavoka bakorana.	The Associate Advocate must perform his/her obligations towards the Advocate with whom he/she is collaborating with conscience and assiduity. He/she commits to devote the greater part of his/her activity to the business of the Law firm to which he/she is a collaborator.	L'Avocat collaborateur doit exécuter ses obligations vis-à-vis de l'Avocat dont il est le collaborateur, avec conscience et assiduité. Il s'engage à consacrer la plus grande partie de son activité aux affaires du cabinet dont il est le collaborateur.
Agumana ku giti cye imanza zose yahawe kuburana mu rwego rw'ubufasha mu by'amategeko.	He/she shall keep on his/her own all the cases for which he/she was designated in respect of legal aid.	Il conserve, à titre personnel, toutes les affaires pour lesquelles il a été commis d'office ou désigné au titre de l'aide judiciaire.
Akora kuri dosiye ahabwa n'abakiriya be bwite, ariko akagomba kubanza kubimenyesha umukuru w'ibiro by'Abavoka bakorana, kandi ntihabe igongana ry'inyungu hagati y'abo	He/she handles all files which are given to him/her by personal clients, provided that he/she informs in advance and each time, the Head of the Law Firm to which he/she is collaborator and	Il prend en charge tous les dossiers qui lui sont confiés par ses clients personnels, à condition d'en informer préalablement et chaque fois, le responsable du cabinet dont il est le

bakiliya be bwite n’ab’ibiro bakorana. Mu byavuzwe byose muri iyi ngingo, Umwavoka ukorana n’ibindi biro by’umwavoka afata ibihembo byose agenerwa, ariko hashobora kugenwa mu masezerano y’imikoranire, igice cy’amafaranga agomba guhabwa ibiro bakorana nk’umusanzu we mu mafaranga ibiro bikoresha. Uretse igihe umukuru w’ibiro yabyemeye, iyo amasezerano y’imikoranire asheshwe, umwavoka ukorana n’ibiro ntashobora kunganira umukiriya w’ibiro hadashize imyaka ibiri ikurikira iseswa ry’amasezerano y’imikoranire. Ingingo ya 111: Inshingano za biro ku mwavoka bakorana Ibiro by’umwavoka byitabaje umwavoka bakorana bigomba kwita ku kumuhugura mu ikorwa ry’umwuga iyo bibaye ngombwa, kandi bikanatuma agira uruhare mu mirimo inyuranye irebana n’umwuga, harimo gutuma yikorera akanakira abakiriya be aho akorera mu biro by’umwavoka. Muri urwo rwego, umwavoka	provided that there is no conflict of interest with the Firm’s clients. In all cases mentioned above, the Associate Advocate shall keep all the fees that will be attributed to him/her, but the collaboration agreement may determine the share to be paid to the Law Firm in respect of participation to the Firm’s expenditures. In case of termination of the collaboration Agreement, the Associate Advocate cannot, unless otherwise agreed by the manager of the Firm, become a counsel of a client of the firm before the expiry of a period of two (2) years following the termination of the collaboration. Article 111: Obligations of the Firm vis-à-vis the Advocate in collaboration The Law Firm working with a collaborator must ensure his/her professional training where necessary, and involve him/her in various acts of the profession allowing him/her, inter alia, to practice on his/her own and therefore to receive his/her personal clients in his/her office within the Law Firm. To that end, the Advocate shall	collaborateur et qu’il n’y ait pas de conflit d’intérêts avec les clients du cabinet. Dans tous les cas ci-dessus, l’Avocat collaborateur conserve l’intégralité des honoraires qui lui seront attribués mais la convention de collaboration peut fixer la part à verser au cabinet au titre de participation à ses dépenses au cabinet. En cas de cessation de collaboration, le collaborateur ne peut, sauf accord contraire du responsable du Cabinet, devenir le conseil d’un client du Cabinet qu’après l’écoulement de deux (2) années suivant la fin de la collaboration. Article 111: Obligations du cabinet vis-à-vis de l’Avocat collaborateur Le cabinet ayant recours à un collaborateur doit veiller à sa formation professionnelle si besoin, et l’associer aux divers actes de la vie professionnelle en lui permettant, notamment, d’exercer une activité propre et par conséquent de recevoir sa clientèle personnelle à son bureau au cabinet. A cet effet, le collaborateur
--	--	--

ukorana n’undi yemererwa gukoresha uburyo bwose ibiro bifite; akanashobora gukoresha mu biro by’umwavoka bakorana, kwakira no gutangabutumwa n’izindi nyandiko akenera mu gukora umwuga. Ingingo ya 112: Uburyozwe bw’umwavoka ukorana n’ibiro by’umwavoka Umwavoka ukorana n’ibiro by’umwavoka yishingira dosiye akurikiranye, ariko ibiro ni byo bibazwa ibikorwa umwavoka bakorana yakoreye umukiriya mu izina ry’ibiro. Muri urwo rwego, umwavoka agomba kumenyesha akanageza mbere y’igihe ku mukuru w’ibiro bakorana, imishinga y’imyanzuro n’izindi nyandiko ateganya gutanga, yaba amadosiye ye bwite, cyangwa ay’ibiro bakorana. AKICIRO KA 2: GUKORA UMWUGA MU BURYO BW’UBUFATANYE N’ABANDI BAVOKA Ingingo ya 113: Amasezerano y’ubufatanye Amasezerano y’ubufatanye agomba kuba yanditse kandi akagaragaza nibura:	enjoy all facilities available to the Cabinet and may enforce within the Firm the acts and receive correspondences necessary for the practice of the profession. Article 112: Liability of the collaborator of a Law Firm The collaborator of a law firm shall be responsible for the files being handled by him/her, but the Law Firm is liable towards the client, for professional acts carried out by the Associate Advocate on behalf of the Law Firm. To this end, the Associate Advocate must communicate and submit in advance to the Head of the Law Firm the draft submissions and other acts, either his/her own files or those of the Law Firm. SUB-SECTION 2: THE PRACTICE OF THE PROFESSION IN THE FORM OF PARTNERSHIP Article 113: Constitution of a partnership The Constitution of the partnership must be in writing and indicate at least:	devra jouir de toutes les facilités disponibles au Cabinet et pourra faire exécuter dans le cabinet dont il est collaborateur, les actes et courriers nécessaires à l’exercice de la profession. Article 112: Responsabilité de l’avocat collaborateur L’Avocat collaborateur d’un Cabinet répond, devant celui-ci, des dossiers qu’il traite mais c’est le Cabinet qui est civilement responsable vis-à-vis du client, des actes professionnels accomplis pour son compte par son collaborateur. A cet effet, le collaborateur doit communiquer et soumettre préalablement, au responsable du Cabinet, les projets des conclusions et d’autres actes à poser que ce soit ses propres dossiers ou ceux de son cabinet. SOUS-SECTION 2: L’EXERCICE DE LA PROFESSION SOUS LA FORME DE PARTENARIAT Article 113: Acte constitutif du partenariat L’acte constitutif du partenariat doit être écrit et indiquer au moins:
---	--	---

• igihe ubufatanye buzamara; • kwiyezeza kuri buri ruhande, kubaha amabwiriza akurikizwa agenga iby'igongana ry'inyungu; • imicungire y'ishyirahamwe ikorwa n'umwavoka umwe cyangwa benshi; • uburyo bwo kugabana inyungu n'ibihombo bishobora kubaho; • uburenganzira n'inshingano by'umwavoka uri mu bufatanye cyangwa abafite uburenganzira ku bye igihe yaba atakiri mu bufatanye; • uburyo bwo gusesa no kugabana umutungo; • uburyo bwo gukemura amakimbirane hagati y'abishyize hamwe.	• the duration of the partnership; • the commitment of everyone to respect the rules in force regarding conflict of interest; • the management of the partnership by one or more partners; • modalities for sharing potential profits and losses; • rights and obligations of a partner or his/her successors in case the Advocate loses the status of partner; • modalities of liquidation and winding up; • modes of dispute resolution among partners.	• la durée du partenariat; • l'engagement de chacun à respecter les règles en vigueur en matière de conflit d'intérêts ; • la gestion de l'association par un ou plusieurs Avocats partenaires ; • les modalités de partage des bénéfices et des pertes éventuels ; • les droits et obligations d'un partenaire ou de ses ayants-droit en cas de perte de la qualité de partenaire; • les modalités de dissolution et de liquidation ; • modes de règlement de différends entre partenaires
Ishyirahamwe ry'abakorera mu bufatanye rishobora kugira ubuzimagatozi hakurikijwe amategeko abigenga. Icyo gihe, abakorera mu bufatanye bahitamo izina ry'ishyirahamwe riherekijwe n'amazina y'abifatanyije bese, inyuma hakaza amagambo "Abavoka bafatanyije". Mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira igihe amasezerano y'ubufatanye yashyiriweho umukono, umwe mu bavoka ayageza mu Bunyamabanga bw'Inama y'Urugaga kugira	The partnership may have a legal personality according to the applicable legislation. In the latter case, the partners shall have a name accompanied by names of all the partners followed by the wording "Partners". The partnership agreement is filed, for approval, to the Secretariat of the Council of the Bar, by one of the Advocates, within fifteen (15) days of its signature, following a model Agreement	L'association de partenaires peut être dotée de la personnalité juridique suivant la législation applicable en la matière. Dans ce dernier cas, les partenaires adoptent une raison sociale accompagnée des noms de tous les associés suivis de la mention « Avocats associés ». L'accord de partenariat est déposé, pour approbation, au Secrétariat du Conseil de l'Ordre, par l'un ou l'autre avocat, dans les quinze (15) jours de sa signature suivant le

ngo ruyemeze ; ayo masezerano akaba ateye mu buryo bw'amasezerano y'icyitegererezo yateguwe n'Inama y'Urugaga.	determined by the Council of the Bar.	modèle déterminé par le Conseil de l'Ordre.
Iyo Inama y'Urugaga isanze ingingo zimwe z'amasezerano y'ubufatanye zitubahiriza amabwiriza agenga umwuga, igomba kubimemyesha mu gihe cy'amezi abiri (2) Abavoka bireba kugira ngo bahindure ayo masezerano bayahuza n'ayo mabwiriza.	Where the Council considers that the partnership agreement violates in its provisions, the rules of the profession, it must, within a period of two (2) months, require concerned Advocates to amend the Agreement in a way consistent with such rules.	Lorsque le Conseil de l'Ordre estime que l'accord de partenariat viole en ses dispositions, les règles de la profession, il doit, dans un délai de deux (2) mois, mettre en demeure les Avocats concernés de modifier la convention en la conformant auxdites règles.
Ingingo ya 114: Uburenganzira, inshingano n'ibyo abavoka bari mu bufatanye babuzwa	Article 114: Rights, obligations and prohibitions of the partners	Article 114: Droits, obligations et interdictions des partenaires
Abavoka bari mu bufatanye baryozwa bose kandi mu bufatanye, amadosiye y'abakiriya babo.	Partners are collectively and severally responsible for the files of their clients.	Les Avocats partenaires sont collectivement et solidairement responsables des dossiers de leur clientèle.
Bityo, umwavoka uri mu bufatanye ashobora gukomeza dosiye yatangiwe n'undi mwavoka mugenzi we uri mu bufatanye. Iyo umwe mu bavoka bari mu bufatanye apfuye, bagenzi be bakomeza gucunga amadosiye yari afite. Icyakora, Abavoka bari mu bufatanye ntibashobora kunganira cyangwa guhagararira abakiriya bahanganye.	Thus, a partner may handle a case initiated by his/her colleague in the partnership. Where a partnership Advocate dies, his/her colleagues shall handle his/her files. However, the partner Advocates cannot assist or represent parties with competing interests.	Ainsi, un Avocat partenaire peut traiter une affaire initiée par son collègue de l'association. Lorsqu'un avocat du partenariat décède, ses collègues gèrent ses dossiers. Cependant, les Avocats partenaires ne peuvent assister ou représenter des parties ayant des intérêts opposés.

Ingingo ya 115 : Gukemura amakimbirane Amakimbirane yose yerekeye amasezerano yo gukorana n'ay'ubufatanye agezwa ku Mukuru w'Urugaga ngo yunge abo bireba.	Article 115: Settlement of disputes Any dispute relating to the collaboration and partnership Agreements shall be submitted to the conciliation of the President of the Bar.	Article 115: Règlement de différends Tout différend relatif au contrat de collaboration et de partenariat est soumis à la conciliation du Bâtonnier.
ICYICIRO CYA 2: AHO GUKORERA	SECTION 2: PROFESSIONAL ADDRESS	SECTION 2: DOMICILE PROFESSIONNEL
Ingingo ya 116: Inshingano yo kugira aho Avoka abarizwa mu kazi Hatitawe ku buryo bwo gukoramo umwuga umwavoka yahisemo, buri mwavoka wanditse ku rutonde rw'Abavoka cyangwa kuri lisiti y'abimenyereza umwuga agomba kugira aho akorera hubahiriza ibisabwa birebana n'icyubahiro n'ubwigenge by'umwuga. Agomba kuba afite nibura ibiro bye ku giti cye, ndetse n'icyumba cyo gutegererezamo gishobora kuba gisangiwe mu gihe Abavoka bakorera hamwe cyangwa mu bufatanye. Nta na rimwe byemerwa ko Umwavoka asangira ibiro n'undi muntu utari umwavoka. Umwavoka agomba kumenyesha Inama	Article 116: Requirement to have a professional address Irrespective of the mode of practice of the profession, any Advocate registered on the roll of Advocates or on the list of interns is required to have a business address that corresponds to the requirements of dignity and independence of the profession. He/she must have at least a personal office, and a waiting room which may be shared in case of practice in collaboration or partnership. The Advocate can in no case be allowed to share the same premises with any other non-Advocate individual. Before the effective occupation of the premises,	Article 116: Obligation d'avoir une adresse professionnelle Quel que soit le mode d'exercice de la profession, tout Avocat inscrit au tableau des Avocats ou sur la liste des stagiaires est tenu d'avoir un domicile professionnel qui corresponde aux exigences de dignité et d'indépendance de la profession. Il doit disposer au moins d'un bureau personnel et d'une salle d'attente, laquelle peut être commune en cas d'exercice en collaboration ou en partenariat. Il ne peut en aucun cas être admis à partager les mêmes locaux avec toute autre personne non Avocat. L'Avocat doit communiquer au Conseil de

y'Urugaga aho afite ibiro mbere yo gutangira kuhakorera. Agomba kandi kumenyesha Inama y'Urugaga aderesi ye ikoresha ikoranabuhanga ndetse n'igihe cyose ahinduye ibiro cyangwa aderesi ikoresha ikoranabuhanga.	the Advocate must communicate in advance to the Council of the Bar his/her physical address (es). He/she shall also communicate to the Council his/her e-mail address and any change of address, physical or electronic.	l'Ordre, préalablement avant l'occupation des lieux, son ou ses adresses physiques. Il doit en outre informer ledit Conseil de son adresse électronique et de tout changement d'adresse physique ou électronique.
Hatitawe ku buryo yahisemo bwo gukora umwuga, umwavoka wese cyangwa abavoka bakorera hamwe bagomba kubanza kumenyesha Inama y'Urugaga izina bateganya kuzakoresha. Iryo zina rigomba kubaha uburenganzira bw'abandi ndetse n'amahame y'ubudakemwa n'icyubahiro bigomba kuranga umwuga. Inama y'Urugaga ishobora gutegeka Umwavoka guhindura izina ry'ibiro bye kubera impamvu zumvikana, imaze kugisha inama Komisiyo ishinze imyitwarire mu mwuga n'imigendekere myiza yawo.	Regardless of the form of exercise adopted, any Advocate or Advocates working together must communicate in advance to the Council of the Bar the name under which they intend to operate. Such name must respect the rights of others as well as the principles of probity and honor due to the profession. The Council of the Bar may direct the Advocate or Advocates working together to change their name for proper reasons, upon the advice of the Committee on Ethics and the practice of the profession.	Quelle que soit la forme d'exercice adoptée, tout Avocat ou groupement d'Avocats doit communiquer préalablement au Conseil de l'Ordre la dénomination éventuelle sous laquelle il compte opérer. Telle dénomination doit respecter les droits des autres ainsi que les principes de probité et d'honneur dues à la profession. Le Conseil de l'Ordre peut l'enjoindre de la modifier pour de justes motifs, sur avis de la Commission en charge de la déontologie et de l'exercice de la profession.
Ubutumwa bwose n'izindi nyandiko zose, harimo n'inyandiko z'urukiko zikozwe n'umwavoka, bigomba kugaragaza hejuru aho akorera, ndetse na aderesi ikoresha ikoranabuhanga, n'ubundi buryo umwavoka aboneka.	Each correspondence and mail, including acts of procedures, from an Advocate, must indicate in the header, the physical location of the Law Firm and the electronic address and contacts of the Advocate.	Chaque correspondance et courrier, y compris les actes de procédures, émanant d'un Avocat, doivent impérativement indiquer, à l'entête, la localisation physique du Cabinet ainsi que l'adresse électronique et les contacts de l'Avocat.
Igihe cyose umwavoka ashyira umukono ku butumwa cyangwa inyandiko y'akazi, agomba	By signing his/her correspondence or any professional document, the Advocate must	En signant sa correspondance ou tout document professionnel, l'Avocat doit toujours

gushyiraho amagambo agaragaza ko ari umwavoka. Mu mikoranire n'abandi bavoka kimwe n'abari mu buyobozi mu mwuga, umwavoka bifatwa ko ari ho yahisemo kubarizwa mu mirimo ye yose. Ingingo 117: Inshingano y'umwavoka yo kugira ubunyamabanga Uretse kugira ibiro bidasangiwe ndetse n'icyumba cyo gutegererezamo, buri biro by'umwavoka bigomba kugira ubunyamabanga buhoraho bufite ibikoresho bituma amadosiye bakoraho abikwa neza kandi agakorwa. Uretse ibikoresho bikenerwa mu biro, buri biro by'umwavoka bigomba kuba bifite nibura mudasobwa ebyiri (2), imashini itubura inyandiko, isohora ibyanditswe kuri mudasobwa, imashini ifotora inyandiko, icyuma gica impapuro zakoreshejwe, n'umurongo wa interineti. Inama y'Urugaga ishobora kugena ibindi bikoresho isanga ari ngombwa kugira ngo ibiro by'umwavoka bitunganye neza imirimo yabyo. Ingingo ya 118: Igenzura ry' ibiro	always mention his/her title of Advocate. In his/her relations with colleagues and professional authorities, the Advocate is deemed to have made election of domicile to that address for all of his/her activities. Article 117: Obligation for an Advocate to have a secretariat In addition to the personal office of the Advocate and a waiting room, any law firm must have a permanent secretariat with equipment for the proper keeping and handling of cases. In addition to the necessary furniture equipment, each Law firm must have at least two (2) computers, a photocopier-printer, a scanner, a paper shredder, a connection internet. The Council may decide other equipment it may deem necessary for a better functioning of a law firm. Article 118: Control of law firms and	mentionner son titre d'Avocat. Dans ses rapports avec les confrères et les autorités professionnelles, l'Avocat est réputé y avoir fait élection de domicile pour l'ensemble de ses activités. Article 117: Obligation pour l'Avocat de disposer d'un secrétariat Outre le bureau personnel de l'Avocat et une salle d'attente, tout cabinet d'Avocat doit disposer d'un secrétariat permanent avec un équipement permettant la tenue correcte et le traitement des dossiers assumés. Outre l'équipement mobilier nécessaire, chaque cabinet d'avocat doit posséder au moins deux (2) ordinateurs, une photocopieuse-imprimante, une machine à scanner, un destructeur de papier, une connexion internet. Le Conseil de l'Ordre peut décider d'autres équipements qu'il jugerait nécessaires pour un meilleur fonctionnement d'un cabinet d'avocat. Article 118: Contrôle des cabinets d'Avocats
--	--	---

by'Abavoka n'ibihano	sanctions	et sanctions
Komisiyo y'Urugaga ishinzwe imyifatire mu mwuga n'imigendekere myiza yawo igomba gukora ubugenzuzi bwa ngombwa nibura rimwe mu mwaka, ibyibwirije, cyangwa hari uyiregeye n'ubwo yaba atarigaragaje. Ibiro by'umwavoka byasuwe bihabwa icyemezo kigaragaza ko byubahiriza ibisabwa.	The Committee on Ethics and the practice of the profession must carry out the necessary inspections, either upon its own initiative or any denunciation, even anonymous. A certificate of compliance shall be issued to the Advocate whose Law Firm has been visited.	La Commission de l'Ordre chargée de la déontologie et l'exercice de la profession doit faire les inspections nécessaires au moins une fois l'année, soit d'initiative, soit sur toute dénonciation, même anonyme. Un certificat de conformité est délivré à l'avocat dont le cabinet a été visité.
Avoka ufite ibiro bitujuje ibisabwa by'ibanze bivugwa mu ngingo zibanza zo muri iki cyiciro ashyikirizwa Komisiyo ishinzwe imyitwarire kugira ngo imufatire ibyemezo bikwiye.	Advocates whose Law Firm does not meet the minimum conditions set out in the preceding articles of this Section shall be referred to the Disciplinary Committee for the appropriate measures.	Les avocats dont le cabinet ne remplit pas les conditions minimales prescrites dans les articles précédents de la présente section sont déferés à la commission de discipline pour des mesures appropriées.
Ingingo ya 119: Ibiro bikorera hamwe	Article 119: Law Firms working together	Article 119: Cabinets groupés
Umwavoka ashobora gushyira ibiro bye mu nyubako imwe n'abandi bavoka.	An Advocate may establish his/her Law Firm in premises common to several colleagues.	Un Avocat peut installer son cabinet dans des locaux communs à plusieurs Confrères.
Icyakora agomba kuba afite ibiro bye wenyine. Abakiriya ba buri mwavoka bakomeza kuba abe.	However, he/she must have a personal office. The clientele of each Advocate remains personal.	Il doit cependant, disposer d'un bureau personnel. La clientèle de chaque Avocat lui demeure personnelle.
Abavoka bakorera mu biro biri mu nyubako imwe ntibemerewe kuburanira impande zihanganye.	It is forbidden to Advocates practicing in grouped firms to assist parties with competing interests.	Il est formellement interdit aux Avocats exerçant dans des cabinets groupés de prêter leur concours à des parties ayant des intérêts

Ingingo ya 120: Imikorere y'Ibiri by'Abavoka bakorera mu nyubako imwe Iyo Abavoka babiri cyangwa barenga, buri umwe akora ku giti cye cyangwa bamwe muri bo bafatanyije, bakorera mu nyubako imwe ari cyo ikorerwamo gusa, kandi basangiye ibikoresho bijyana n'inyubako, bagomba gukorana amasezerano yanditse: - agaragaza ibyo bateganya gushyira hamwe kugira ngo bishyure amafaranga akoreshwa ku byo bahuriraho; - agena amafaranga buri wese agomba kwishyura mu kwita no gukoresha ibyo bahuriraho. Muri icyo gihe, kopi y'ayo masezerano igezwa ku Bunyamabanga bw'Inama y'Urugaga mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira itariki yayo. Impaka zose zavuka mu myumvire cyangwa mu ishyingirwa mu bikorwa ry'ayo masezerano zishyikirizwa Umukuru w'Urugaga ngo azikemure.	Article 120: Modalities of functioning of firms working in same premises When two or more Advocates practicing individually or some practicing in partnership, work in the same premises that they occupy exclusively and entirely, and use common facilities and equipment, they must establish a written agreement: - determining the means implemented in common to cover the common expenses; - fixing the contribution of everyone in the cost of maintenance and operation of the common elements. In this case, a copy of the agreement is communicated within fifteen (15) days of its date to the Council of the Bar. All difficulties occurring during interpretation or enforcement of such an agreement shall be referred to the arbitration of the President of the Bar.	opposés. Article 120: Modalités de fonctionnement des Cabinets groupés Lorsque deux ou plusieurs Avocats exerçant à titre individuel ou dont quelques-uns exercent en partenariat, sont installés dans un même local qu'ils occupent exclusivement et intégralement, et utilisent en commun les installations et équipements, ils doivent établir une convention écrite : - déterminant les moyens mis en commun pour la couverture des dépenses communes ; - fixant la participation de chacun à la charge des frais d'entretien et de fonctionnement des éléments mis en commun. Dans ce cas, un exemplaire de la convention est communiqué dans les quinze (15) jours de sa date au Secrétariat du Conseil de l'Ordre. Toutes difficultés survenant à l'occasion d'interprétation ou d'exécution d'une telle convention sont soumises à l'arbitrage du Bâtonnier de l'Ordre.
--	---	--

Ingingo ya 121: Amashami y'ibiro by'Umwavoka Avoka wese cyangwa ibiro by'Abavoka bashobora gufungura amashami y'ibiro byabo ahandi iyo: - babanje kubibonera uruhushya rw'Inama y'Urugaga; - ishami ryujuje ibisabwa n'aya mategeko ngengamikorere; - hakorerwa umwuga ku buryo bw'ingoboka bw'ibiro bikuru, bitagenda gutyo Umwavoka akaba agomba guhindura ibiro bye bikuru. Umwavoka ushyizeho ibiro bimwe cyangwa amashami menshi y'ingoboka agomba: - gukoresha urupapuro ruriho ikirango kimwe n'urukoreshwa n'ibiro bikuru; - kugaragaza aderesi z'ibiro bye byose ku mpapuro ze z'amabaruwa no ku rubuga rwe rwa interineti. Ifungwa ry'ishami ry'ingoboka rigomba kumenyeshwa Inama y'Urugaga mu minsi itanu (5) ikurikira iryo funga.	Article 121: Subsidiary Law Firms Any Advocate or law firm may open one or more subsidiary firm(s) upon fulfilment of the following: - obtaining prior approval from the Council of the Bar; - the secondary law firm must meet the requirements of this Regulation; - the practice of the profession by the subsidiary firm remains accessory to the main Law firm, failing which the Advocate must change the location of his/her main place of business. The Advocate who establishes one or more subsidiary firm (s): - must use the same letterhead of the main Law firm; - is required to mention the addresses of his/her various firms on his letterhead and on his/her website. The closure of a subsidiary Law firm must be brought to the attention of the Council of the Bar within five (5) days of the closure.	Article 121: Cabinets secondaires Tout Avocat ou Cabinet d'Avocats peut ouvrir un ou plusieurs cabinets secondaires si: - il en obtient préalablement l'autorisation du Conseil de l'Ordre; - le cabinet secondaire doit remplir les conditions prescrites par le présent règlement ; - l'exercice de la profession y demeure accessoire par rapport au cabinet principal, à défaut de quoi l'Avocat doit modifier le lieu de son principal établissement. L'Avocat qui établit un ou plusieurs cabinet (s) secondaire (s): - doit utiliser le même papier entête que pour son cabinet principal ; - est tenu de faire mention des adresses de ses différents cabinets sur son papier entête et sur son site web. La fermeture d'un cabinet secondaire doit être portée à la connaissance du Conseil de l'Ordre dans les cinq (5) jours de la fermeture.
---	---	--

IGICE CYA 3: ICYAPA KIRANGA IBIRO BY'UMWAVOKA N'URUPAPURO RURIHO IKIRANGO Ingingo 122: Icyapa kiranga ibiro by'Umwavoka Ibiro by'Umwavoka bigaragazwa gusa n'icyapa kiba hanze ku nyubako n'imbere mu nyubako. Icyo cyapa, kidashobora gushyirwa ahandi uretse ku nyubako ibiro birimo, kigomba kuba kiriho amagambo "Ibiro by'Umwavoka" hamwe n'amazina y'Umwavoka akurikiwe n'ijambo "Umwavoka" cyangwa amagambo "Ibiro by'Abavoka" mu gihe bakorera hamwe, bakora bafatanyije ariko nta zina bakoreraho bafashe cyangwa iyo ari ishyirahamwe ryafashe izina rikoreraho. Icyapa kigomba kugaragaza kandi aho ibiro biherereye mu nyubako. Icyapa gishobora kugaragaza iby'ingenzi : nka telefoni, aderesi y'ikoranabuhanga n'izina ry'urubuga rwa interineti. Ingano y'icyo cyapa ntigomba na rimwe	SECTION 3: PROFESSIONAL NAMEPLATE AND LETTERHEAD OF THE ADVOCATE Article 122: Professional nameplate of the Advocate The existence of a law firm must be indicated exclusively outside the building and indoors, by affixing a nameplate. This nameplate, which cannot be placed elsewhere other than on the building in which the Law firm is located, shall include the mentions "Law Firm" with the names of the Advocate followed by the words "Advocate" or "Law Firm" in case of practicing in collaboration or partnership without corporate name, or where the partnership has got a corporate name. The sign must also indicate the exact location of the Law firm in the building. The sign may also indicate other references such as the telephone, e-mail and the name of the website. The dimensions of the nameplate can never	SECTION 3: PLAQUE PROFESSIONNELLE ET PAPIER A ENTETE DE L'AVOCAT Article 122: Plaque professionnelle de l'Avocat L'existence d'un cabinet d'Avocat doit être signalée exclusivement à l'extérieur de l'immeuble comme à l'intérieur, par l'apposition d'une plaque. Cette plaque, qui ne peut être placée nulle part ailleurs que sur l'immeuble abritant le Cabinet, doit comporter les mentions « Cabinet d'Avocat » avec les nom et prénom de l'Avocat suivi de la mention « Avocat » ou les mentions « Cabinet d'Avocats » en cas d'exercice en collaboration, en partenariat sans raison sociale ou lorsque l'association a adopté une raison sociale. La plaque doit en outre indiquer la situation du cabinet dans l'immeuble. La plaque peut aussi indiquer les références utilitaires telles que le téléphone, l'adresse électronique et le nom du site web. Les dimensions de cette plaque ne doivent
--	--	--

kurenga cm 80 kuri cm 50. Kutubahiriza ibiteganywa n'iyi ngingo bifatwa nk'ikosa ryo mu rwego rw'akazi. Ingingo ya 123: Urupapuro ruriho ikirango n'ikarita iriho amakuru y'umwavoka Urupapuro ruriho ikirango rw'Umwavoka rugomba kugaragaza ibi bikurikira: - izina ry'ibiro by'Umwavoka rikurikiwe n'amagambo "Ibiro by'Umwavoka". Rushobora kandi kujyaho amazina yose y'abavoka bafatanyije cyangwa bakorana; - amazina y'abasanze bakorana n'ibiro by'umwavoka bakorera mu mahanga iyo bahari; - nimero za konti zo muri banki ndetse na "konti y'iby'abandi" ihabwa iryo zina; - nimero y'umusoresha (TIN). Birabujijwe ko Umwavoka akoresha urupapuro ruriho ikirango cy'ibiro bye mu zindi nyandiko zitari iz'akazi.	exceed 80 cm x 50 cm. Any violation of the provisions of this Article shall be considered as a professional misconduct. Article 123: Letterhead and business card of the Advocate The letterhead of the Advocate must include the following particulars: - the name of the Law Firm followed by the words "Law Firm". The letterhead may also include the names and surnames of all Partner Advocates or Associates; - the names of usual foreign correspondents and collaborators, where applicable; - the bank accounts and the "escrow account" identified as such; - tax identification number (TIN). It is prohibited to the Advocate to use his/her letterhead for correspondences which are not related the profession.	jamais dépasser les dimensions de 80 cm sur 50 cm. Toute contravention à la prescription du présent article est considérée comme un manquement professionnel. Article 123: Papier à entête et carte de visite de l'Avocat Le papier entête de l'Avocat doit comporter les mentions suivantes : - le nom du Cabinet suivi de la mention « Cabinet d'avocat ». Il peut aussi comporter les noms et prénoms de tous les avocats partenaires ou collaborateurs; - les noms des correspondants et des collaborateurs étrangers habituels, s'il y en a ; - les numéros des comptes bancaires et du «compte tiers» identifié comme tel ; - le numéro d'identification fiscale (TIN). Il est interdit à l'Avocat d'utiliser son papier à entête pour les correspondances étrangères à sa profession.
--	---	---

Ikarita igaragaza ibyo Umwavoka akora iba iriho gusa amazina ye, ibyo afitemo ubuhuguke bw'umwihariko, amazina y'abo bakorana bakorera mu mahanga, ikirango, urubuga rwe rwa Interineti, aho akorera, telefone na aderesi y'ikoranabuhanga. ICYICIRO CYA 4: KWIMENYEKANISHA Ingingo ya 124: Kwimenyekanisha k'Umwavoka Birabujijwe ko Umwavoka yimenyekanisha. By'umwihariko Umwavoka abujijwe: - kwimenyekanisha bituma abona abakiriya bamukeneye bamumenya cyangwa bamenya ibiro bye, ubwoko n'umubare by'amadosiye yiga, umusaruro agira, ijanisha ry'amadosiye atsinda cyangwa amafaranga yinjiza; - gukoresha ibikoresho ibyo ari byo byose byo kwimenyekanisha. Icyakora Umwavoka ashobora gushyira ikirango ku nyandiko akoresha kenshi mu kazi	The business card of the Advocate can only contain his/her names and surnames, his/her specialization, the names of his/her foreign correspondents and collaborators, the logo, the website, the location, his/her telephone and email contacts. SECTION 4: PUBLICITY Article 124: Self-promotion Self-promotion is prohibited for the Advocate. The following are particularly prohibited for the Advocate: - self-promotion to aimed at identifying the clientele of the Advocate or his/her Law Firm, cases handled by him/her, as well as reports of the number of cases treated, the results obtained, the percentage of success or turnover; - the use of any objects or advertising gadgets. However, the Advocate may use a logo and make it appear on the documents that he/she regularly uses in	La carte de visite de l'Avocat ne peut contenir que les noms et prénoms de l'Avocat, sa spécialisation, les noms de ses correspondants et collaborateurs étrangers, son logo, son site web, sa localisation, ses contacts téléphoniques et électroniques. SECTION 4: PUBLICITE Article 124: Publicité personnelle La publicité personnelle est interdite pour l'Avocat. Sont particulièrement interdits pour l'Avocat: - la publicité personnelle permettant d'identifier la clientèle de l'Avocat ou de son cabinet, des affaires traitées par lui ainsi que celle faisant état du nombre d'affaires traitées, des résultats obtenus, d'un pourcentage de réussite ou du chiffre d'affaires ; - l'usage de tous objets ou gadgets publicitaires. L'Avocat peut cependant utiliser un logo et le faire figurer sur les documents qu'il utilise régulièrement
---	--	--

ke.	the context of his/her profession.	dans le cadre de sa profession.
Icyakora, Umwavoka ashobora kumeneyakanisha urubuga rwe rwa Interineti, ikirango cye n’andi makuru ashobora kugenwa n’Inama y’Urugaga.	However, the Advocate is free to publicize his/her website, logo and other information that may be specified by the Council of the Bar.	Toutefois, il est loisible à l’Avocat de faire connaître son site web, son logo et d’autres informations qui peuvent être précisées par le Conseil de l’Ordre.
Iyo Umwavoka yitabiriye ibikorwa by’amapiganwa ku mirimo yerekeye amategako, ashobora kugaragaza amazina y’abakiriya ahagarariye cyangwa yahagarariye; ashobora kandi gutanga amakuru yerekeye icyo isoko rigamije muri dosiye yiga.	When participating to a tender procedure on legal services, the Advocate may disclose the names of clients for whom he/she is involved or has intervened in the matter concerned by the invitation to tender, and he/she may provide information in relation to the object of the contract in the files he/she is handling or that he/she handled.	Lorsqu’il répond à une procédure d’adjudication de services juridiques, l’Avocat peut révéler les noms des clients pour lesquels il intervient ou est intervenu dans la matière concernée par l’adjudication, de même qu’il peut fournir des informations en rapport avec l’objet du marché dans les dossiers qu’il traite ou qu’il a traités.
Icyakora, ayo makuru ntagomba kuba yerekeye imibereho bwite y’abantu. Ayo makuru yubaha ibanga n’ubushishozi bigomba kuranga Umwavoka, kandi ayo makuru akagarukira gusa ku bintu by’ingenzi bikenewe.	In no circumstances, however, such information may relate to privacy. The information shall respect the discretion and delicacy binding the Advocate and is limited to the strictly necessary objective elements.	En aucun cas cependant, ces informations ne peuvent avoir trait à la vie privée. Elles respectent la discrétion et la délicatesse auxquelles l’Avocat est tenu et se limitent aux éléments objectifs strictement nécessaires.
Gutanga ayo makuru ntibigomba kubangamira inyungu z’abakiriya n’abandi bantu.	The communication of these elements can in no way harm the interests of clients and third parties.	La communication de ces éléments ne peut nullement nuire aux intérêts des clients et des tiers.
Ingingo ya 125: Gutegura ibiganiro n’imikoranire n’itangazamakuru	Article 125: Organization of conferences and relationship with the media	Article 125: Organisation de conférences et rapports avec la presse

Umwavoka ashobora ku giti cye cyangwa hamwe na bagenzi be gutegura ibiganiro cyangwa amahugurwa. Gutangaza ibyo biganiro bishobora kunyuzwa mu nzira zose. Mu mikoranire ye n'itangazamakuru, Umwavoka afite inshingano ndakuka yo kubaha amabwiriza yerekeye: - ibanga ry'akazi; - ibanga ry'iperereza; - inshingano zijyane n'umwuga we. ICYICIRO CYA 5: UMWAMBARO N'IKARITA BY'AKAZI Ingingo ya 126: Urugero rw'Umwambaro w'Umwavoka Umwambaro w'akazi w'Abavoka ugomba kuba ikanzu y'umukara utavangiye, ari ndende, ifunze imbere, ifite amaboko manini ahinnye hepfo, kandi agace gahinnye gafite ibara ry'umweru gafite uturongo.	The Advocate may, alone or with other professionals, organize all information conferences or seminar. The announcement of this conference can be done by all means. While dealing with the media, the Advocate has the strict obligation to respect the rules: - of professional secrecy; - the secret of the statement; - obligations of his/her profession. SECTION 5: DRESS AND PROFESSIONAL CARD OF THE ADVOCATE Article 126: Model of the dress of the Advocate The professional attire worn by Advocates is mandatorily composed of a homogenous black dress, long, closed front, sleeves with pleated white flap. It is covered with the hood with a line of ermine.	L'Avocat peut, seul ou avec d'autres professionnels, organiser toutes conférences d'information ou séminaire de formation. L'annonce de cette conférence peut se faire par tous les moyens. Dans ses rapports avec la presse, l'Avocat a la stricte obligation de respecter les règles: - du secret professionnel ; - du secret de l'instruction ; - des obligations de sa profession. SECTION 5: COSTUME ET CARTE PROFESSIONNELS Article 126: Modèle du costume d'Avocat Le costume professionnel que portent les Avocats se compose impérativement et ce, sous peine de sanction disciplinaire, d'une robe noire homogène, longue, fermée devant, à manches larges avec rabat blanc plissé. Elle est revêtue de l'épitoge à un rang d'hermine.
--	--	---

Inama y'Urugaga ishyiraho uburyo bworoshye butuma Abavoka babona uwo mwambaro.	The Council of the Bar shall set up the practical arrangements for the availability of the dresses for Advocates.	Le Conseil de l'Ordre met en place les modalités pratiques visant la disponibilisation des robes à l'intention des avocats.
Ingingo ya 127: Inshingano yo kwambara umwambaro w'akazi	Article 127: Obligation to wear the professional dress	Article 127: Obligation de port du costume professionnel
Mu gihe Umwavoka akora umurimo we, agomba kuba yambaye ikanzu y'akazi igihe cyose ari mu iburanisha mu nkiko. Umwavoka yambara ikanzu ari uko ari mu rukiko gusa cyangwa ahandi hose urukiko rwaburanishirije.	In the practice of his/her profession, the Advocate must wear the professional dress at all hearings in the courts of the judiciary. The dress of Advocate can be worn only within the premises of the Court or at any place where the hearing of a court is carried out.	Dans l'exercice de sa profession, l'Avocat est tenu de revêtir la robe à toutes les audiences des juridictions de l'ordre judiciaire. La robe d'avocat ne peut être portée que dans l'enceinte d'une juridiction ou à tout endroit où se tient l'audience d'une juridiction.
Umwavoka wambaye ikanzu y'akazi yemewe kwitabira iburanisha ribera mu muhezo, keretse umwe mu mpande ziburana abyanze, ariko uko kwanga kugatangirwa ibisobanuro bikemezwa n'uyoboye iburanisha.	While wearing the professional dress, the Advocate is allowed to attend hearings in camera, except when opposed by one of the parties, with motivation appreciated by the President of the panel.	En robe, il est admis aux audiences à huis clos, sauf opposition de l'une des parties, motivée et appréciée par le Président du siège.
Uretse igihe ari mu nkiko, ntiyemerewe kwambara ikanzu y'akazi uretse igihe yitabiriye: • inama z'Inama Rusange y'Urugaga; • Mu mihango n'ibindi birori byateguwe n'Urugaga ariko bikaba byamenyeshejwe mbere ko bagomba	Outside the courts, the Advocate may wear the professional dress when he/she participates: • in the meetings of the General Assembly of the Bar; • in ceremonies and events organised by the Bar provided that the wearing of the dress has been communicated to the	En dehors des juridictions, il ne peut revêtir sa robe que lorsqu'il participe : • aux réunions de l'Assemblée Générale de l'Ordre; • aux cérémonies et manifestations organisées par le Barreau dont le port de la robe a été préalablement communiqué

kuza bambaye ikanzu y'akazi. Umwavoka witabye Komisiyo ishinzwe imyitwarire ntiyambara ikanzu y'akazi. Ntiyambara iyo kanzu kandi iyo aregwa, ari umuburanyi cyangwa umutangabuhamya. Ingingo ya 128: Ikarita y'akazi y'Umwavoka Umwavoka agomba kuba afite ikarita y'akazi itangwa n'Urugaga rw'Abavoka iriho n'umukono w'Umukuru w'Urugaga cyangwa umusimbura. Ikarita y'Umwavoka ibaho nimeroy'Umwavoka hakiyongeraho nimeroyeyo ku rutonde rw'Abavoka cyangwa rw'abamenyerezwa umwuga banditswe muri uyo mwaka. Ikarita itangwa buri mwaka ku mwavoka cyangwa umenyerezwa umwuga uri ku rutonde rw'Abavoka cyangwa urw'abamenyerezwa umwuga, watanze umusanzu w'umwaka, ufite aho akorera, ukurikira amahugurwa ahoraho kandi ufite imyitwarire myiza, akaba yujuje n'ibindi bisabwa bigenwa n'Inama y'Urugaga. Iyo Umwavoka yatakaje ikarita ye, agomba kubimenyesha Polisi n'Umukuru w'Urugaga	Advocates in advance. When he appears before the Disciplinary Committee of the Bar, the Advocate cannot wear his/her dress. It is also the case when he/she is accused, a party or witness. Article 128: Professional card of Advocates The Advocate must be in possession of a professional identity card issued by the Bar Association and signed by the President of the Bar or his/her replacement. The card bears the serial number plus the number of Advocate on the roll of the Advocates or the list of interns for the concerned year. The card is issued each year to the Advocate who is on the roll of Advocates or the intern on the list of interns in good standing with regard to contributions, professional place, continuing training and discipline, as well as any other condition set by the Council of the Bar In the event of loss of his/her card, the Advocate must make a statement to the Police and to the	aux avocats. Lorsqu'il comparaît devant la Commission de Discipline de l'Ordre, l'avocat ne peut pas porter sa robe. Il en est de même quand il est prévenu, partie ou témoin. Article 128: Carte professionnelle d'Avocat L'Avocat doit être en possession d'une carte d'identité professionnelle délivrée par l'Ordre des Avocats et signé par le Bâtonnier ou son remplaçant. La carte porte le numéro matricule auquel s'ajoute le numéro de l'Avocat sur le Tableau de l'Ordre ou la Liste des avocats stagiaires pour l'année d'exercice. La carte est délivrée, chaque année, à l'Avocat ou à l'Avocat stagiaire et qui figure sur le Tableau ou sur la Liste des Avocats stagiaires pour l'année d'exercice en règle de cotisation, domicile professionnel, formation continue et discipline ainsi que toute autre condition que fixe le Conseil de l'Ordre. En cas de perte de sa carte, l'Avocat doit en faire la déclaration à la Police et au Bâtonnier
--	---	--

kugira ngo abafashe gufata ingamba zo kwirinda ko iyo karita yakwiganwa cyangwa igakoreshwa mu bikorwa by'uburiganya.	President of the Bar Association in order to enable them to take all measures to prevent forgery or fraudulent use of the lost card.	de l'Ordre afin de leur permettre de prendre toutes mesures destinées à empêcher la falsification ou l'usage frauduleux de la carte perdue.
Umwavoka usibwe ku rutonde cyangwa uhagaritswe agomba guhita asubiza ikarita y'akazi Ubunyamabanga bw'Urugaga. Kubera iyo mpamvu, Inama y'Urugaga ifata ingamba za ngombwa kugira ngo uwo bireba asubize ikarita.	The Advocate removed from the roll or suspended shall immediately return the professional card to the Secretariat of the Bar. To that end, the Council of the Bar shall take appropriate measures so that the professional card is rendered by the concerned person.	L'Avocat radié ou suspendu doit immédiatement remettre la carte professionnelle au Secrétariat de l'Ordre. Pour ce faire, le Conseil de l'Ordre prend des mesures appropriées afin que la carte professionnelle soit restituée par la personne concernée.
ICYICIRO CYA 6: IMYITWARIRE Y'UMWAVOKA	SECTION 6: ETHICS OF ADVOCATES	SECTION 6: ETHIQUE ET DEONTOLOGIE DE L'AVOCAT
AKICIRO KA MBERE: AMAHAME SHINGIRO, INSHINGANO RUSANGE N'UBURENGANZIRA BY'UMWAVOKA	SUB-SECTION ONE: FUNDAMENTAL PRINCIPLES, GENERAL DUTIES AND PREROGATIVES OF THE ADVOCATE	SOUS-SECTION PREMIERE: PRINCIPES FONDAMENTAUX, DEVOIRS GENERAUX ET PREROGATIVES DE L'AVOCAT
Ingingo ya 129: Imyitwarire y'Umwavoka	Article 129: Conduct of the Advocate	Article 129: Ligne de conduite de l'Avocat
Hakurikijwe ibikubiye mu ndahiro ye, Umwavoka akoresha umutimanama we akita ku nyungu z'abo yunganira cyangwa abo aharanira uburenganzira n'ubwisanzure byabo, ndetse no kubaha ihame ry'igihugu kigendera ku mategeko. Akorana icyizere umurimo yashinzwe n'umukiriya we.	In accordance with his/her oath, the Advocate shall ensure in consciousness the safeguard of both the interests of those he/she advises or whose rights and freedoms he/she defends, and the respect for the rule of law. The Advocate shall faithfully intervene only in the exercise of the mandate given to him/her by his/her client.	Conformément à son serment, l'Avocat veille, en conscience, tant aux intérêts de ceux qu'il conseille ou dont il défend les droits et libertés, qu'au respect de l'État de droit. Il ne se limite qu'à l'exercice fidèle du mandat que lui a donné son client.

Ingingo ya 130: Inshingano rusange z'Umwavoka Umwavoka afite inshingano z'ibanze zikurikira: 1. Inshingano yo kuburanira abandi Umwavoka yuzuzwa iyi nshingano yunganira cyangwa ahagararira umukiriya we. Iyo umwavoka yemeye gukora kuri dosiye, afite inshingano zo gukorana ubunyamwuga n'ubunyangamugayo. Umwavoka wahawe dosiye ntashobora kuyanga keretse atanze impamvu zituma ataboneka kandi zikemerwa n'uwamuhaye iyo dosiye. 2. Inshingano yo kugira ubushishozi Iyi nshingano isaba Umwavoka gukorana ubwihutirwe busabwa kuri dosiye y'umukiriya yirinda uburangare, ubukererwe cyangwa kugira ibyo yirengagiza cyane cyane ibisaba ubwihutirwe. Umwavoka afite inshingano yo gukorana umurimo yashinzwe ubushishozi n'ubushobozi.	Article 130: General duties of the Advocate The Advocate is required to comply with the following fundamental duties: 1. Duty of defence The Advocate shall fulfil this duty of defence through the assistance or representation of his/her client. Where the Advocate decides to handle a case, he/she has the obligation to fulfill this duty with professionalism and dignity. The assigned Advocate cannot refuse his ministry without approval of his/her grounds of excuse or impediment by the authority which has designated him/her. 2. Duty of care It is a duty of the Advocate to perform punctually and / or promptly the actions that require the handling of the Client's file without negligence, delay or omission particularly those requiring speed and care. The Advocate has the duty of care and skill in carrying out the mandate entrusted to him/her.	Article 130: Devoirs généraux de l'Avocat L'Avocat est tenu aux devoirs fondamentaux suivants : 1. Devoir de défense L'avocat accomplit ce devoir de défense par l'assistance ou la représentation de son client. Lorsque l'avocat décide de prendre en charge une affaire, il a l'obligation d'accomplir ce devoir avec professionnalisme et dignité. L'avocat désigné d'office ne peut refuser son ministère sans faire approuver ses motifs d'excuse ou d'empêchement par l'autorité qui l'a désigné 2. Devoir de diligence: Il s'agit d'un devoir de l'Avocat d'accomplir ponctuellement et / ou promptement les actions qu'exigent le traitement du dossier du Client en évitant négligence, retard ou omission particulièrement celles requérant célérité et soin. L'avocat a l'obligation de diligence et de compétence dans l'exécution du mandat lui confié.
---	---	--

3. Inshingano yo kuvugisha ukuri Iyi nshingano isaba Umwavoka kuvugisha ukuri no gukurikiza amabwiriza agenga umwuga cyane inshingano afitiye inkiko na bagenzi be, kwirinda uburiganya, ndetse, mu buryo bwa rusange, no kubaha ihame ryo kwemera ibitekerezo bitandukanye. Uretse ihame ryerekeye kwirinda inyungu zibusanye ribuza umwavoka kuburanira impande zihanganye, inshingano yo kuvugisha ukuri isaba umwavoka kumenyesha imyanzuro ye n'ibimenyetso abo baburana, ibi bituma impande zose zibasha kubijyaho impaka, urubanza ruboneye, impande zombie zinganya imbaraga. Iyo nshingano yo kuvugisha ukuri Umwavoka ayifite ku Rugaga, ku nzego zarwo, ku mukiliya we, uwo bahanganye ndetse no kuriko no ku bandi bantu. 4. Inshingano yo gukorana ubushishozi Imyitwarire irangwa no kwitondera ikintu, gukora igikwiye no kwirinda gukora ikidakwiye. Iyi nshingano	3. Duty of loyalty It is a duty of the Advocate to demonstrate sincerity and observe the rules of the profession particularly his/her commitments towards the courts and the fellows, refrain from fraud and more generally to respect the principle of contradiction. In addition to the rule of conflict of interests according to which the Advocate cannot advise or defend parties whose interests are likely to conflicting, loyalty requires the Advocate to communicate his/her documents and submissions to his/her opponents, which guarantees to all parties at trial, an open debate, a fair trial, and a negotiation with equal strength. This loyalty is mandatory for the Advocate towards the Bar, its organs, the fellow Advocates, the client, the opponent, as well as the courts and third parties. 4. Duty of delicacy It is an attitude consisting at the same time in prudence, in doing what is necessary and avoiding what is not	3. Devoir de loyauté: Il s'agit d'un devoir de l'Avocat consistant à faire preuve de sincérité et à observer les règles de la profession particulièrement tenir ses engagements vis-à-vis des juridictions et des confrères, s'abstenir de fraude et plus généralement de respecter le principe de la contradiction. Outre la règle du conflit d'intérêts selon lequel l'avocat ne peut conseiller ou défendre deux parties dont les intérêts sont susceptibles de s'opposer, la loyauté oblige l'avocat à communiquer ses pièces et conclusions à ses adversaires, ce qui garantit, à toutes les parties au procès, un débat contradictoire, un procès équitable, et une négociation à armes égales. Cette loyauté étant obligatoire pour l'avocat tant envers l'Ordre, ses organes et les Confrères qu'à l'égard du client, l'adversaire ainsi que des juridictions et des tiers 4. Devoir de délicatesse Il s'agit d'une attitude consistant tout à la fois en la prudence, à faire ce qui convient et à éviter ce qui ne convient
---	---	--

ituruka ku kuba umwuga wagombye gukoranwa imyitwarire ihamye. 5. Inshingano yo kuba indakemwa Mu buryo bwa rusange, ni imyitwarire y'umuntu urangwa no kubaha inshingano mu bijyanye n'imyitwarire. Ku mwavoka, kuba indakemwa ni kimwe mu byo arahira kuzagaragaza. Bisa no kuba inyangamugayo, kwirinda ruswa no kuba umunyakuri. 6. Inshingano yo kwiubaha Inshingano y'Umwavoka yo guhora arangwa n'imyitwarire izira amakemwa. Ni kimwe mu byo Umwavoka arahira kuzagaragaza. Iyi nshingano kandi irangwa n'imyitwarire y'umwavoka uhora ashaka kurenga imyitwarire iciriritse, ukorana ubwitonzi, wiyubaha akanatuma n'abandi bamwubaha. Bisa no kwiubaha no kwihesha icyubahiro. Ni ukwifata mu mikorere no mu mivugire n'igihe yaba asembuwe.	suitable. This duty falls under a certain conception of the profession which cannot be practiced without a rigorous ethics; 5. Duty of probity In general probity is the quality of someone who respects his/her moral duties in his/her life. For an Advocate, probity is one of the qualities that he/she vows to exercise when he/she takes the oath. It is the synonym of integrity of incorruptibility, honesty and righteousness. 6. Duty of dignity It is a duty of the Advocate to have an irreproachable conduct. It is one of the qualities that the Advocate vows to exercise when he/she takes the oath. It is also the quality of the Advocate showing the desire to go above vulgarity, acting with restraint, self-respect and eliciting the respect from others. It is the synonyms of respectability and honour. It amounts to remaining calm against any provocation, in his/her words and actions. Uphold the image of the entire	pas. Ce devoir relève d'une certaine conception de la profession qui ne peut s'exercer sans une éthique rigoureuse; 5. Devoir de probité En général la probité c'est la qualité d'une personne qui respecte ses devoirs moraux et de la vie civile. Pour un avocat, la probité, c'est l'une des qualités dont il jure de faire preuve lorsqu'il prête serment. C'est le synonyme d'intégrité, d'incorruptibilité, d'honnêteté et droiture. 6. Devoir de dignité Il s'agit d'un devoir d'un Avocat consistant à avoir une conduite irréprochable. C'est l'une des qualités dont l'avocat jure de faire preuve lorsqu'il prête serment. C'est aussi la qualité d'un avocat témoignant du souci de s'élever au-dessus de la vulgarité, agissant avec sobriété, respectueux de soi-même et suscitant le respect des autres. C'est le Synonymes ou nuances de la respectabilité et honneur. Il s'agit de rester mesuré face à toute provocation,
---	--	--

Guhesha icyubahiro umwuga bibaye ngombwa akaba yawurwanirira. Ni ugushinja, kunenga, kurakara ariko agakoresha amagambo akwiye. 7. Inshingano yo gukora kivandimwe Buri mwavoka afite urwego akoreramo rufite ubwigenge, imyitwarire n'uburyo abarugize barutanwa. Abavoka bagize urwo rwego ni abavandimwe kandi bagomba kurangwa no gushyira hamwe, gushyigikirana no kugendera ku mabwiriza amwe, kugira umugambi umwe n'ubwo baba bafite ibitekerezo bitandukanye kubera inyungu zitandukanye z'abakiriya babo. Ibi bivuze ko buri gihe, umwavoka agomba kugira ikunyabupfura mu mikoranire na mugenzi we nk'umuntu bangana, nk'uko na we yakwifuzaga ko babimugirira. Kubaha ihame ry'imikoranire ya kivandimwe rigomba gutandukanywa no guharanira inyungu. 8. Inshingano yo kugira ibanga Kubera ko ubutumwa Abavoka bahana	profession without compromise, aggressively if necessary. It is to accuse, criticize, denounce, and getting angry wisely using just words. 7. Duty of Fellowship: Any Advocate belongs to a body that has its autonomy, its discipline, its hierarchy. Advocates who form the body are therefore between them fellows and must be characterised by a sense of union, solidarity and commitment to the same rules, the same ideal despite the opposing positions that they must have in the conflict of interest, and the judicial struggles of their clients. This means that in all circumstances, the Advocate must treat the other Advocate with politeness, courtesy, as an equal, and in a way, as he/she would like to be treated. Respect of the fellowship must be free of any corporatist spirit. 8. Duty of confidentiality Correspondence between Advocates is	dans ses propos et dans ses actes. Faire honneur à l'image de la profession toute entière sans compromission, avec agressivité si nécessaire. C'est accuser, critiquer, dénoncer, se mettre en colère à bon escient en usant d'un verbe juste. 7. Devoir de confraternité: Tout avocat appartient à un corps qui a son autonomie, sa discipline, sa hiérarchie. Les avocats qui le constituent sont donc entre eux confrères et doivent tempérer par un sentiment d'union, de solidarité et d'attachement aux mêmes règles, au même idéal en dépit des positions opposées qu'ils doivent avoir dans les conflits d'intérêts et les luttes judiciaires de leurs clients. Cela signifie qu'en toute circonstance, l'avocat doit traiter l'autre avocat avec politesse, courtoisie, comme un égal qu'il est, et, en quelque sorte, comme il aimerait lui-même être traité. Le respect de la confraternité doit être dépourvu de tout esprit corporatiste. 8. Devoir de confidentialité Les correspondances entre avocats étant
---	--	--

buba ari ibanga, imishyikirano n'ibiganiro bikubiye muri ubwo butumwa bigomba kuba ibanga. Iryo banga rituma haba imishyikirano mu mutekano yaba iy'ubucuruzi cyangwa ireba abantu ku giti cyabo. Umukiriya aba yizeye ku buryo budasubirwaho ko ibyifuzo atanga n'ibyo yemera bikomeza kuba ibanga.	strictly confidential; the talks or negotiations contained in these exchanges are covered by this guarantee. This confidentiality allows to safely conduct of commercial or private negotiations. The client has therefore the absolute guarantee that proposals, offers or admissions that he/she formulated will remain secret.	strictement confidentielles, les pourparlers ou négociations contenus dans ces échanges sont couverts par cette garantie. Cette confidentialité permet de mener en toute sécurité des négociations, privées ou commerciales. Le client a donc la garantie absolue que les propositions, offres ou aveux qu'il a pu formuler demeureront secrets.
9. Inshingano yo gukurikira amahugurwa ahoraho Itegeko rishyiraho Urugaga ryashyizeho inshingano kuri buri mwavoka yo gukurikira buri mwaka amahugurwa ategetswe ajyanye n'umwuga. Ibi bigamije gushyira ku gihe no kongera ubumenyi bwa buri mwavoka bukenewe mu gukora umwuga we.	9. Duty to pursue continued training The Law establishing the Bar Association introduced an obligation for each Advocate, to annually commit to pursue mandatory continuing professional training. It is an update and development of the knowledge necessary for the practice of his/her profession for any Advocate.	9. Devoir de formation continue La loi portant création du Barreau a instauré une obligation, pour chaque avocat, de s'astreindre annuellement à une formation professionnelle continue obligatoire. Il s'agit d'une mise à jour et le perfectionnement des connaissances nécessaires à l'exercice de sa profession pour tout avocat.
10. Inshingano yo gutanga amakuru Ni inshingano y'Umwavoka, nk'urugero aho agomba guha amakuru umukiriya we ku mahirwe afite yo gutsinda urubanza, inzira z'ubujurire ashobora gukoresha, aho urubanza rwe rugeze, ndetse n'igihembo ashobora kuzamuha.	10. Duty to provide information It is the duty of the Advocate who must inform his/her client on the chances of success of his/her case, possible appeal, progress of the case and the predictable amount of the fee.	10. Devoir d'information: Il s'agit d'un devoir pour l'avocat qui doit notamment informer son client sur les chances de succès de son affaire, les éventuelles voies de recours, l'état d'avancement et l'évolution de l'affaire et le montant prévisible de ses

11. Inshingano yo kwishyurira imisanzu ku gihe cyumvikanywe Buri mwavoka wanditswe ku rutonde rw'Abavoka agomba kwishyura imisanzuya buri mwaka. Kugira ngo Umwavoka abe yujuje ibisaba kugira ngo agume ku rutonde rw'Abavoka, agomba kwishyura imisanzu igihe cyagenywe n'Inama y'Urugaga kigeze mbere y'uko Inama isohora urutonde rwemewe ku wa 31 Mutarama. Buri mwavoka asabwa kugeza ikimenyetso ko yishyuye imisanzu mbere y'itariki ntarengwa igenwa n'Inama y'Urugaga. Kugira ngo Umwavoka yandikwe ku rutonde rw'Urugaga, agomba kubanza kwishyura imisanzu y'umwaka. Nta karita y'umunyamuryango ishobora guhabwa umuntu utujuje inshingano ye yo kwishyura imisanzu. Kutishyura imisanzu ku gihe bitangirwa ibihano byo mu rwego rw'imyitwarire. 12. Inshingano yo kugira ubwigenge Inshingano yo kugira ubwigenge isaba	11. Duty to pay contributions to agreed maturity Any Advocate registered on the roll of the Bar must pay his/her annual contributions. In order to be in compliance with roll of the Bar, any registered Advocate must pay his/her contributions at the deadline set by the Council of the Bar before the latter makes a final decision on the roll on January 31st. It is requested to any Advocate to send the proof of payment of the contributions before the deadline set by the Council of the Bar. In order to be registered on the roll of the Bar, any Advocate must pay his/her annual contributions. No Advocate shall be given a membership card if he/she did not pay the contributions. Any failure to pay contributions on time results in a disciplinary sanction. 12. Duty of independence The duty of independence requires your	honoraires. 11. Devoir de payer les cotisations à échéance convenue Tout avocat inscrit au Tableau de l'Ordre doit s'acquitter de ses cotisations annuelles. Pour être en règle au Tableau de l'Ordre, tout avocat y inscrit doit payer ses cotisations à l'échéance fixée par le Conseil de l'Ordre avant que ce dernier n'arrête le tableau au 31 janvier. Il est demandé à tout avocat de faire parvenir sa preuve de paiement de cotisation avant l'échéance fixée par le Conseil de l'Ordre. Pour être inscrit au Tableau de l'Ordre, tout avocat doit s'acquitter de ses cotisations annuelles. Aucune carte de membre ne sera émise si on n'est pas en ordre avec le paiement des cotisations. Tout défaut de payer les cotisations dans les délais entraîne une sanction disciplinaire. 12. Devoir d'indépendance Le devoir d'indépendance impose à
--	--	---

umwavoka kukugira inama no kukuburanira mu bwisanzure, nta kugendera ku kindi kintu kitari inyungu zawe n'ubutabera. Iyo nshingano yo kwigenga Umwavoka ayifite ku bandi harimo Ubutegetsu bwa politiki cyangwa ubucamanza ndetse no kuri wowe mu gihe inyungu zawe cyagwa z'ubutabera zibisaba. Ubwigenge ni ikintu cy'ingenzi mu irangizwa ry'inshingano y'Umwavoka. Ni yo shingiro y'icyizere kiri hagati yawe na we. Imyitwarire y'Umwavoka ni yo ibungabunga ubwo bwigenge, harimo kubuza Umwavoka gukora undi murimo uhemberwa uretse mu bihe bimwe nko kwigisha cyangwa muri politiki, cyangwa gukora ibintu bituma arengera inyungu zihabanye. Ubwigenge bw'Umwavoka butuma avuga mu bwisanzure mu nkiko, ndetse bukamuha n'uburenganzira bwo kwemera cyangwa kwanga dosiye	Advocate to advise you and to defend you freely, without being guided by another concern than your legitimate interest and justice. This duty of independence is required both vis-à-vis third parties including the political or judicial power, and in yourself, where your interest or that of justice so requires. Independence is a fundamental condition for the accomplishment of the mission of the Advocate. It sustains the trust which is the basis of your relationship with him/her. Ethics preserves this independence, including by prohibiting the Advocate from exercising another remunerated activity, except rare exemptions such as education or politics, or to intervene in situations where he/she could have a conflict of interest. Independence allows the Advocate to speak freely before the courts and gives him/her the right to accept or reject a case in consciousness.	votre avocat de vous conseiller et de vous défendre librement, sans se laisser guider par un autre souci que celui de votre intérêt légitime et de la justice. Ce devoir d'indépendance s'impose tant à l'égard des tiers notamment du pouvoir politique ou judiciaire qu'à votre propre égard, si votre intérêt ou celui de la justice le commande. L'indépendance est une condition fondamentale à l'accomplissement de la mission de l'avocat. Elle fonde la confiance qui est à la base de votre relation avec lui. La déontologie préserve cette indépendance, notamment en interdisant à l'avocat d'exercer une autre activité rémunérée sauf rares exceptions telles que l'enseignement ou la politique, ou d'intervenir dans des situations où il pourrait avoir un conflit d'intérêts. L'indépendance permet à l'avocat de s'exprimer librement devant les tribunaux et lui donne le droit d'accepter ou de refuser une cause en conscience.
---	---	---

akurikije umutimanama we.

13. Ibanga ry'akazi

Ni inshingano y'Umwavoka yo kugira ibanga amakuru yerekeye umukiriya we abonye mu gihe akora umurimo we.

Ibanga ry'akazi rigenga Umwavoka ni ihame ry'uko ibiganiro n'amakuru hagati y'umukiriya n'Umwavoka we birindwa gutangazwa iyo byujuje ibisabwa.

Dukunze kumva "Ibanga ry'akazi ry'umwavoka". Mu by'ukuri ibanga ry'akazi si iry'Umwavoka ahubwo ni iry'umukiriya.

Iyo nshingano yo kugirira ibanga umukiriya rigumaho mu gihe cyose cy'ubuzima bw'Umwavoka, yaba atacyunganira umukiriya, yaba atagikora umwuga.

13. Professional secrecy

Professional secrecy is the duty imposed on the Advocate to keep secret the information he/she obtained on his/her client in the exercise of his/her profession.

The professional secrecy which governs the profession of Advocate is the principle that the conversations and information exchanged between a client and his/her Advocate are protected from disclosure when they meet certain criteria.

We often hear "professional secrecy of the Advocate". In fact, the privilege of professional secrecy is not meant for the Advocate, but rather to the client.

This obligation of absolute confidentiality towards the client shall remain in force throughout the life of the Advocate, either when he/she ceased to represent his/her client or stopped practicing.

13. Le secret Professionnel

Le secret professionnel est l'obligation imposée à l'avocat de garder secrètes les informations qu'il obtient sur son client dans le cadre de l'exercice de sa profession.

Le secret professionnel qui régit la profession d'avocat est le principe selon lequel les conversations et informations échangées entre un client et son avocat, sont protégées contre toute divulgation lorsqu'elles rencontrent certains critères.

On entend souvent « Le secret professionnel de l'avocat ». Dans les faits, le secret professionnel n'appartient pas à l'avocat mais plutôt au client.

Cette obligation de confidentialité absolue envers le client reste en vigueur tout au long de la vie de l'avocat, que celui-ci ait cessé de représenter son client ou qu'il ait cessé de pratiquer.

gukoreshwa n’uzatanga amahugurwa buzafasha kugera ku ntego. Umwavoka uvuga ko yakurikiye amahugurwa mu gihe gisabwa ariko mu buryo butandukanye n’amahugurwa ategurwa n’Urugaga cyangwa atangwa n’umuntu wemejwe na rwo, agomba kubitangira ibimenyetso mu nyandiko, kandi Inama y’Urugaga ni yo yonyine ifite ububasha bwo gukemura ibyo bibazo. ICYICIRO CYA 8: AMAKOSA Y’UMWUGA, IKURIKIRANA N’IMIHANIRE BYAYO AKICIRO KA MBERE: AMAKOSA Y’UMWUGA N’ATARI AY’UMWUGA ASHOBORA GUHANWA Ingingo ya 168: Amakosa y’umwuga Umwavoka wese uteshutse ku nshingano ze ziteganywa n’Itegeko rigenga Urugaga rw’Abavoka cyangwa aya mategeko ngengamikorere n’amabwiriza ashyiraho ibihembo mbonera by’Abavoka aba akoze ikosa ry’umwuga.	expected results. The Advocate claiming to have completed the required continuing training credits out of the training sessions organised by the Bar Association or by the trainer accredited by the Bar Association, will have to prove it in writing and the Council of the Bar is the only organ competent to rule on such cases. SECTION 8: DISCIPLINARY PROCEDURE FOR ADVOCATES SUB-SECTION ONE: PROFESSIONAL AND EXTRA PROFESSIONAL BREACHES LIKELY TO BE PUNISHED Article 168: Professional breaches Any breach by the Advocate of his/her duties and obligations prescribed by the Law governing the Bar Association or by these rules and regulation as well as the rules on the scale of fees, constitutes professional misconduct.	résultats escomptés. L’Avocat qui prétend avoir accompli les crédits requis de formation continue en dehors des séances de formation organisées par le Barreau ou par le formateur accrédité par le Barreau, devra le prouver par écrit et le Conseil de l’Ordre est seul compétent pour statuer sur pareils cas. SECTION 8: REGIME DISCIPLINAIRE DES AVOCATS SOUS-SECTION PREMIERE: MANQUEMENTS PROFESSIONNELS ET EXTRA PROFESSIONNELS SUSCEPTIBLES D’ETRE SANCTIONNES Article 168: Manquements professionnels Tout manquement de l’Avocat à ses devoirs et aux obligations prescrites par la loi régissant l’Ordre des Avocats ou par le présent règlement d’ordre intérieur et par règlement sur le barème, constitue une faute professionnelle.
---	--	--

Ibikorwa bikurikira na byo bihanwa nk'amakosa y'umwuga: • kwica amategeko n'amabwiriza y'igihugu bishobora gutesha icyubahiro umwuga. Icyakora, gukurikirana umuntu kubera amakosa y'umwuga ntibibangamira cyangwa ngo bibangamirwe n'ikurikiranwa mu rwego rw'inshinjabyaha; • imyitwarire n'imigirire y'umuntu ku giti cye ibangamira inshingano yo kugira ubushishozi, icyubahiro n'ubudakemwa biranga umwuga w'Abavoka; • kutubahiriza inshingano yo gukurikira amahugurwa ahoraho no gutanga ubufasha mu mategeko igihe yabitegetswe; • kutubahiriza ibisabwa bijyanye no kwimenyekanisha ndetse n'umwambaro w'akazi w'Abavoka. Ingingo ya 169: Ibihano ku makosa y'umwuga Ibihano bijyanye n'imyifatire mibi bitangwa na Komisiyo ishinze imyitwarire ni ibi	The following shall disciplinary faults and punished as such: • any contravention of the laws and regulations of the country likely to impair the honour of the profession. However, the disciplinary proceeding is independent of the criminal prosecution; • behaviour and conduct in the privacy infringing the duty of delicacy, dignity, honor and probity, inherent with the profession of Advocate; • any breach of the duty of training and participation in legal aid in the case of assignment; • any breach related to publicity and the dress of the Advocate. Article 169: Sanctions for professional breaches Disciplinary sanctions taken by the Permanent Disciplinary Committee are as follows:	Constitue aussi une faute disciplinaire et sanctionné comme telle : • toute contravention aux lois et règlements du pays susceptibles de porter atteinte à l'honneur de la profession. Toutefois, la poursuite disciplinaire est indépendante de la poursuite pénale; • tout comportement et agissement dans la vie privée portant atteinte au devoir de délicatesse, à la dignité, à l'honneur et à la probité, inhérentes à la profession d'Avocat ; • tout manquement lié au devoir de formation continue et de participation à l'assistance juridique et judiciaire en cas de désignation ; • tout manquement lié à la publicité et au costume d'avocat. Article 169: Sanctions des manquements professionnels Les sanctions disciplinaires prises par la Commission permanente de discipline sont les
---	---	---

bikurikira: 1° kwihanangirizwa; 2° kugawa 3° guhagarikwa mu gihe kigenwe; 4° kuvanwa ku rutonde rw'Abavoka cyangwa kuri lisiti y'abavoka bamenyerezwa umwuga. Icyakora, Umukuru w'Urugaga ashobora gutanga ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, agace ka 1° n'aka 2°. Umwavoka ukoze amakosa avugwa mu ngingo ya 168 y'aya mategeko ngengamikorere ahanishwa guhagarikwa kuva ku mezi atatu (3) kugeza ku mezi cumi n'abiri (12) cyangwa kuvanwa ku rutonde rw'abavoka cyangwa kuri lisiti y'abamenyerezwa umwuga. Umwavoka utarishyuye ku gihe imisanzu y'umwaka ahanishwa guhagarikwa kuva ku kwezi kumwe (1) kugeza ku mezi atandatu (6) nibura. Ntashobora gusubizwa ku rutonde nyuma y'icyo gihe atabanje kwishyura imisanzu yose agomba kwishyura muri uwo mwaka. Iyo umwavoka ahanwe inshuro zirenze imwe kubera kutishyura imisanzu, ashobora guhanishwa kuvanwa ku rutonde.	1° warning; 2° blame; 3° suspension for a specified period; 4° disbarment from the roll of Advocates or the List of interns. However, the President of the Bar may impose disciplinary sanctions referred to in 1° and 2° of paragraph One of this Article. The Advocate who commits violations under Article 168 of this Regulation is punishable by the temporary suspension of a maximum period ranging from three (3) months to twelve (12) months or disbarment from the roll. The Advocate who has not paid his/her annual contributions in due time shall be punished by the temporary suspension of at least one (1) to six (6) months. He/she may return at the end of the period of suspension after having paid in full the contributions due for the year. When the advocate is punished more than once for failure to pay his/her contributions, he/she may be punished with the sanction of disbarment from	suivantes : 1° avertissement ; 2° blâme ; 3° suspension pendant une période donnée; 4° radiation du tableau des Avocats ou de la liste des Avocats stagiaires. Toutefois, le Bâtonnier peut imposer les sanctions disciplinaires visées aux points 1° et 2° de l'alinéa premier du présent article. Est sanctionné de la suspension temporaire d'un délai allant de trois (3) mois à douze (12) mois au maximum ou de la radiation, l'Avocat qui commet des manquements prévus à l'article 168 du présent Règlement. Est sanctionné de la suspension temporaire de un (1) à six (6) mois au moins, l'Avocat qui n'a pas payé sa cotisation annuelle à l'échéance. Il ne pourra réintégrer à l'issue de la période de suspension qu'après avoir payé l'intégralité de la cotisation due pour cette année. Lorsque l'avocat est sanctionné plus d'une fois pour manquement au paiement de ses cotisations, il peut encourir la sanction de radiation.
--	--	---

Mu gihe cy'isubiracyaha, igihano cyo guhagarikwa by'igihe kigenwe cyikuba kabiri. Umwavoka wakoze amakosa akurikira ahanishwa guhagarikwa kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mezi cumi n'abiri (12): • iyo yarenze ku nshingano afite ku bakiriya, kuri bagenzi be, ku bacamanza no ku bandi bantu; • iyo yarenze ku nshingano yo gukurikira amahugurwa ahoraho, no kwitabira igikorwa cyo gutanga ubufasha mu by'amategeko no mu nkiko iyo yagenywe. Kutubahiriza ibisabwa bijyanye no kwimenyekanisha ndetse n'umwambaro w'Abavoka bihanishwa kwihanangirizwa cyangwa kugawa. Umukuru w'Urugaga asubiza dosiye Komisiyo ihoraho ishinze imyitwarire mu bihe bikurikira: • mu gihe cy'isubiracyaha ku byerekeye ikosa ryahanishijwe kugawa;	the roll. In case of recidivism, the penalty on the temporary suspension is increased to double. The Advocate who failed to fulfil the following duties may be punished with the suspension ranging from six (6) months to twelve (12) months: • duties of the Advocate vis-à-vis his/her clients, colleagues, to judges and third parties; • the duty of continuing training and participation in legal aid in the case of assignment. Breaches related to publicity and the dress of the Advocate can be sanctioned by the warning or blame. The President of the Bar shall return to the Standing Disciplinary Committee: • in case of recidivism in relation to misconduct already sanctioned by the	En cas de récidive, la sanction portant sur la suspension temporaire est portée au double. Peut être sanctionné de la suspension allant de six (6) mois à douze (12) mois l'Avocat qui a manqué : • aux devoirs de l'Avocat envers les clients, envers les confrères, envers les juges et envers les tiers ; • au devoir de formation continue et de participation à l'assistance juridique et judiciaire en cas de désignation. Peuvent être sanctionnés par l'avertissement ou par le blâme, les manquements liés à la publicité et au costume d'avocat. Le Bâtonnier de l'Ordre renvoie le dossier à la Commission permanente de discipline : • en cas de récidive en ce qui concerne une faute déjà sanctionnée par le blâme ;
--	--	---

• iyo ibikorwa Umwavoka ashinjwa birimo amakosa, uburiganya, kandi bigaragara ko byakozwe ku bushake; • iyo asanze ibikorwa Umwavoka ashinjwa bikomeye ku buryo budasanzwe.	blame; • when it is determined that the charges are fraudulent, and/or manifestly deliberate; • where he/she considers that the acts are of exceptional gravity.	• lorsqu'il s'avère que les faits reprochés ont un caractère frauduleux, doleux et/ou manifestement délibéré ; • lorsqu'il estime que les faits dénoncés sont d'une exceptionnelle gravité.
Ingingo ya 170: Gutangaza ibihano Ibihano byo guhagarikwa mu gihe kigenwe no kuvanwa ku rutonde bimenyeshwa inkiko, Ubushinjacyaha Bukuru n'izindi nzego bireba, kandi bitangazwa ku rubuga rwa Interineti rw'Urugaga cyangwa mu bundi buryo bw'itumanaho bukunze gukoreshwa mu Rwanda.	Article 170: Publication of sanctions Sanctions of suspension and disbarment from the roll are communicated to the courts, the National Public Prosecution Authority, to National Correctional Service and published on the website of the Bar or through other means of communication commonly used in Rwanda.	Article 170: Publication des sanctions Les sanctions de suspension et de radiation sont communiquées aux juridictions, à l'Organe National de Poursuites Judiciaires et autres institutions concernées et publiées sur le site web du Barreau ou par d'autres moyens de communication les plus fréquemment utilisés au Rwanda.
AKICIRO KA 2: GUKURIKIRANA AMAKOSA	SUB-SECTION 2: DISCIPLINARY PROCEEDINGS	SOUS-SECTION 2: PROCEDURE DISCIPLINAIRE
Ingingo ya 171: Uburyo bwo gushaka no gukurikirana amakosa Inzego zikurikira ni zo zikurikirana amakosa y'imyitwarire: a. zaba zibyibwirije, bitewe n'ububasha buri rwego rufite:	Article 171: Methods of investigation and action in case of disciplinary faults The disciplinary organs cited above are competent for disciplinary cases, either: a. on own initiative, in their respective competence:	Article 171: Modalités de recherche et de poursuite des manquements professionnels Les organes disciplinaires citées ci-avant connaissent des affaires disciplinaires, soit : a. à l'initiative, chacun en ce qui concerne les fautes de sa compétence :

i. Perezida wa Komisiyo ishinzwe imyitwarire cyangwa umwe mu bagize iyo Komisiyo; ii. Umukuru w’Urugaga cyangwa umwe mu bagize Inama y’Urugaga b. iyo hari uwatanze ikirego; c. cyangwa bisabwe n’umuntu wese ubifitemo inyungu. Icyo gihe, ikirego kigomba gutangwa mu mezi atatu (3) uherye igihe uwo muntu yamenyeye amakosa, cyangwa uherye igihe iperereza ryarangiriye. Iki gihe kandi ni cyo gisabwa iyo Umukuru w’Urugaga cyangwa umwe mu bagize Inama y’Urugaga ari we waregeye Komisiyo ishinzwe imyitwarire. Iyo Umukuru w’Urugaga asanze ikosa yaregowe ritari mu bubasha bwe, yohereza dosiye urwego rubifitiye ububasha. Iperereza kuri dosiye rikorwa n’umwe mu bagize Komisiyo ishinzwe imyitwarire wagenwe na Perezida wa Komisiyo cyangwa umwe mu bagize Inama y’Urugaga wagenwe n’Umukuru w’Urugaga. Iperereza rigomba kuba ryarangiriye mu gihe cy’ukwezi kumwe (1) uherye igihe ikirego cyakiriwe.	i. the Chairperson of the Disciplinary Committee or a member of the Committee; ii. the President of the Bar or any member of the Council of the Bar; b. upon denunciation; c. upon complaint of any interested person. Such complaint shall be made within three (3) months from the date on which the person concerned became aware of the facts. The same time limit applies in case of referral to the Disciplinary Committee by the President of the Bar Association or a member of the Committee. Where the organ to which the information is addressed considers that the fault falls out of its jurisdiction, it shall refer case to the competent organ. The investigation of the case is conducted by a member of the Committee designated by the President or a member of the Council appointed by the President. The investigation must have been completed within one (1) month from the date of receipt of the information or complaint.	i. du Président de la Commission de discipline ou d’un membre de ladite Commission ii. du Bâtonnier ou de tout membre du Conseil de l’Ordre ; b. sur dénonciation ; c. sur plainte de toute personne intéressée. Telle plainte doit être formulée dans les trois (3) mois à compter de la date à laquelle la personne intéressée a pris connaissance des faits ou à partir de la fin de l’enquête. Le même délai s’impose en cas de saisine de la Commission de discipline par le Bâtonnier de l’Ordre ou par un membre de la Commission. Lorsque le Bâtonnier estime que la faute ne relève pas de sa compétence, il l’oriente à l’organe compétent. L’instruction du dossier est menée par un membre de la Commission désigné par le Président ou par un membre du Conseil de l’Ordre désigné par le Bâtonnier. Elle doit avoir été terminée endéans un (1) mois à compter de la date de réception de la dénonciation ou de la plainte.
--	--	--

Umwe mu bagize Komisiyo cyangwa umwe mu bagize Inama y'Urugaga bitewe n'ufite ububasha, akora iperereza ku byaregewe, akumva impande bireba, kandi agakorera raporo Komisiyo cyangwa Umukuru w'Urugaga bitewe n'ufite ububasha.	The member of the Committee or, as appropriate, the member of the Council, may, for this purpose, carry out an investigation on the facts, hear the parties and report to the Committee or to the President of the Bar according to the competence at stake.	Le Commissaire ou, selon le cas, le Conseiller instructeur, peut, à cet effet, procéder à une enquête sur les faits, auditionner les parties et faire rapport à la Commission ou au Bâtonnier suivant la compétence en jeu.
Umukuru w'Urugaga na we ashobora kugisha inama Inama y'Urugaga ku byerekeye amakosa afitiye ububasha bwo guhana.	The President of the Bar may consult the Council of the Bar with regard to faults which fall within his/her competence.	Le Bâtonnier peut quant à lui, consulter le Conseil de l'Ordre en ce qui concerne les fautes dont la répression relève de sa compétence.
Ingingo ya 172: Uburenganzira bwo kwiregura n'icyemezo	Article 172: Right to defence and decision	Article 172: Droit de la défense et décision
Urwego rubifitiye ububasha rugomba kumenyesha Umwavoka uregwa ibyo akurikiranyweho, kandi rukamutumira kuza kwiregura mu gihe cy'iminsi kuva kuri irindwi (7) kugeza kuri cumi n'ine (14), bitaba ibyo, imihango yose ijyanye no guhana ikaba impfabusa.	The competent organ must communicate the file to the involved Advocate, and invite him/her to submit his/her defense in writing within a period of seven (7) to fourteen (14) calendar days. Failing this may lead to the nullity of the entire procedure.	L'organe compétent doit, sous peine de nullité de toute la procédure, communiquer le dossier constitué à sa charge à l'Avocat impliqué, et l'inviter à présenter par écrit sa défense dans un délai de sept (7) à quatorze (14) jours calendriers.
Iyo dosiye isaba ko hakorwa iperereza ku myitwarire, Umukuru w'Urugaga cyangwa Komisiyo ihoraho ishinze imyitwarire bashobora gushyiraho ukora iperereza.	When a case requires a disciplinary investigation, the President of the Bar or the Standing Disciplinary Committee may designate an investigator.	Lorsqu'une affaire commande une instruction disciplinaire, le Bâtonnier ou la Commission permanente de discipline peut désigner un instructeur.

Iyo bibaye ngombwa, urwego rubifitiye ububasha rushobora kumva uregwa cyangwa impande zombi zihari. Icyo gihe, umwavoka uregwa ashobora kuzana mugenziwe akamwunganira. Abavoka barebwa n'ikibazo, hamwe n'abareze ni bo bemerewe gukurikira iburanisha rikorwa na Komisiyo ishinzwe imyitwarire.	Where appropriate, the competent organ may proceed with the hearing or confrontation of the parties during its session of hearing. On this occasion, the summoned Advocate may be assisted by one of his/her colleagues. Only the counsels and the complainants may attend the hearings of the Standing Disciplinary Committee.	Au cas échéant, l'organe compétent peut procéder à l'audition ou confrontation des parties lors de sa session d'audition. A cette occasion, l'Avocat cité peut se faire assister par l'un de ses confrères. Seuls les Avocats concernés et les plaignants peuvent assister aux audiences de la Commission permanente de Discipline.
Ku byerekeye dosiye ziri mu bubasha bwa Komisiyo ishinzwe imyitwarire, Umwavoka bireba amenyeshwa dosiye akanahamagazwa n'Umunyamabanga w'Urugaga hakurikijwe uburyo bw'ihamagazwa buteganywa n'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.	For the files falling under the jurisdiction of the Standing Disciplinary Committee, the communication of the file and the invitation of the concerned Advocate shall be done by the Secretary of the Bar in accordance with the procedure laid down in the Law relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure.	La communication du dossier et la convocation de l'Avocat concerné se font, pour les dossiers relevant de la Commission permanente de discipline, conformément à la procédure d'assignation prévue par le code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative par les soins du Secrétaire de l'Ordre.
Komisiyo ishinzwe imyitwarire, iteranye hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize, igomba gufata umwanzuro mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira umunsi Umwavoka bireba yumviweho, icyo cyemezo kigafatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Komisiyo bahari.	The Standing Disciplinary Committee, meeting in the presence of at least two-thirds (2/3) of its members, must rule within fifteen (15) days of the hearing of the Advocate involved, by a majority of two-thirds (2/3) of the members present.	La Commission permanente de discipline, réunie en présence d'au moins deux tiers (2/3) de ses membres, doit statuer dans les quinze (15) jours qui suivent l'audition de l'Avocat impliqué, ce à la majorité des deux tiers (2/3) des membres présents.
Ku makosa ari mu bubasha bw'Umukuru w'Urugaga, icyemezo kigomba kuba cyafashwe	Regarding faults whose punishment is within the competence of the President of the Bar	S'agissant des fautes dont la répression relève du Bâtonnier de l'Ordre, la décision doit être

mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira igihe yasabiye Inama y'Urugaga kumugira inama cyangwa, bitagenze bityo, mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira igihe yagerejweho raporo y'iperereza kuri dosiye.	Association, the decision must be made within fifteen (15) days following the consultation of the Council of the Bar or, failing this, within fifteen (15) working days of the receipt of the report of investigation on the case.	prise dans les quinze (15) jours qui suivent la consultation du Conseil de l'Ordre ou à défaut, dans les quinze (15) jours ouvrables suivant la réception du rapport d'instruction du dossier.
Ingingo ya 173: Kumenyeshwa icyemezo cyafashwe Umwanditsi w'Urugaga amenyesha umwavoka uregwa icyemezo cyafashwe mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira ifatwa ry'icyemezo hakoreshejwe uburyo bw'imenyeshya ry'ibyemezo buteganywa mu mategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'ubutegetsi n'iz'umurimo.	Article 173: Notification of the decision taken The decision is communicated to the Advocate concerned by the Secretary of the Bar Association within the following fifteen (15) calendar days, in the manner prescribed for issuing summons by the Law relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, including through electronic mail.	Article 173: Notification de la décision prise La décision prise est communiquée à l'Avocat concerné par le Secrétaire de l'Ordre des Avocats dans les quinze (15) jours ouvrables qui suivent, dans les formes prévues pour la signification par le code de procédure civile, commerciale, sociale et administrative, y compris par courrier électronique.
Ingingo ya 174: Inzira zo kujuririra icyemezo cya Komisiyo ishinze imyitwarire Umwavoka utishimiye icyemezo Komisiyo ishinze imyitwarire yamufatiye ashobora kukijuririra mu rukiko rubifitiye ububasha mu minsi cumi n'itanu (15) y'akazi ibarwa uherye igihe yakimenyesherejwe. Agomba guhita abimenyesha Umunyamabanga w'Urugaga. Uko byagenda kose, ubujurire ntibuhagarika ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo keretse	Article 174: Appeal against the decisions of the Disciplinary Committee The Advocate not satisfied with the decision taken against him/her by the standing Disciplinary Committee may appeal to the competent court, within fifteen (15) days from the notification of the decision. He/she must at the same time inform the Secretary of the Bar Association. In all cases, the appeal shall not be suspensive except otherwise decided by the court	Article 174: Voie de recours contre les décisions de la Commission de discipline L'Avocat non satisfait de la décision prise à son encontre par la Commission permanente de discipline peut faire recours devant la juridiction compétente, dans les quinze (15) jours ouvrables à compter de la notification de la décision. Il doit en informer en même temps le Secrétaire de l'Ordre des Avocats. Dans tous les cas, le recours n'est pas suspensif sauf

urukiko rwajuririwe rubitegetse ukundi. Ingingo ya 175: Inshingano z’umwavoka wahagaritswe mu gihe kigenwe Kuva icyemezo kikimara gusomwa, Umwavoka wahagaritswe igihe kigenwe, agomba kwirinda kugira igikorwa icyo aricyo cyose akora kijyanye n’umwuga nk’uko bisobanurwa mu nshingano ziri mu ngingo ya 2 - 1° y’Itegeko rigenga Urugaga. Umwavoka ugarutse gukora umwuga nyuma y’ihagarikwa agomba kuba yabanje kwishyura imisanzu yose agomba kwishyura, ndetse n’indishyi zingana na kimwe cya gatatu (1/3) cy’umusanzu w’umwaka. Agomba kandi kwishyura umusanzu wose w’umwaka asabamo gusubira mu mwuga. Kuva icyemezo cyo kumuhana kimaze kuba ndakuka, Umwavoka agomba guhita amenyesha abakiriya be n’Abavoka bagenzi be bahuriye kuri dosiye zirimo kuburanishwa, ko adashobora gukomeza umurimo ndetse n’igihe uko guhagarikwa kuzamara. Mu gihe Umwavoka wahagaritswe abimenyesha	appealed to. Article 175: Obligations of the suspended Advocate From the moment the decision is pronounced, the suspended Advocate must refrain from any professional act as it appears from the mission defined in Article 2-1° of the Law governing the Bar Association. The Advocate who returns after the suspension period must have paid in advance all contributions due, as well as a penalty equal to one-third (1/3) of its annual contributions. He/she must also pay the full amount of contributions due for the year in office during which the suspended Advocate requests reinstatement. As soon as the decision which taken against him/her became enforceable, the suspended Advocate shall immediately inform his/her clients and colleagues with whom he/she is in connection in the current files, his/her inability to practice and the duration thereof. The suspended Advocate shall inform in his/her	décision contraire de la juridiction saisie. Article 175: Obligations de l’Avocat frappé de la sanction de suspension L’Avocat suspendu doit, dès le moment où la décision est prononcée, s’abstenir de tout acte professionnel tel qu’il découle de la mission définie à l’article 2-1° de la Loi régissant le Barreau. L’avocat qui réintègre après la période de suspension doit avoir préalablement réglé les cotisations dues, de même qu’une pénalité équivalente à un tiers (1/3) de sa cotisation annuelle. Il doit également payer l’intégralité de cotisation pour l’année en exercice pendant laquelle l’avocat suspendu demande sa réintégration. Dès que la décision qui le frappe est devenue exécutoire, l’Avocat suspendu informe immédiatement ses clients et les confrères avec lesquels il est en relation dans les dossiers en cours, de son impossibilité d’exercer la profession et de la durée de celle-ci. L’Avocat suspendu assortit sa communication au client de
--	--	---

umukiriya we, agomba guhita anamumenyesha ko yemerewe guha dosiye ye undi mwavoka yihitiyemo. Iyo hari ibitararangira mu rubanza bigomba gukorwa mu buryo bwihuse, agira inama umukiriya ku mwavoka wamusimbura, ariko agomba kuba atari uwo bakorana cyangwa uwo bafatanyije, iyo ibyatumye ahagarikwa bituruka kuri iyo dosiye. Asonewe inshingano yo kumenyesha gusa mu madosiye adasaba ko hari icyo akora kijyanye n'umwuga mu gihe cy'ihagarikwa. Mu gihe cy'ihagarikwa, Umwavoka wahagaritswe agomba gusubiza ikarita y'Abavoka. Umukuru w'Urugaga amenyesha iby'iryo hagarikwa abamenyerezwa umwuga, abakorana n'abafatanyije n'Umwavoka wahagaritswe kugira ngo bigire hamwe ibibareba. Inama y'Urugaga ishyiraho ingamba zo gucunga amadosiye yari afitwe n'Umwavoka wahagaritswe iyo ba nyirayo badafite ukundi babigenza.	communication to the client that it is open for the latter to assign the file to an Advocate of his/her choice. When there is a pending procedure or which needs urgent execution, he/she shall suggest the name of a successor who is neither an associate nor a collaborator if the proceedings performed in connection with the file are at the origin of his/her suspension. He/she shall be exempted from the obligation to provide such information and notices only in cases not requiring any professional proceeding during the time of the suspension. During the period of suspension, the suspended Advocate must return his/her professional card. The President of the Bar shall inform the interns, collaborators and partners of the suspended Advocate and examine their situation with them. The Council of the Bar shall establish mechanisms of management of files which were handled by the suspended Advocate and whose clients have no other solutions.	l'avis qu'il lui est loisible de reprendre le dossier pour le confier à un Avocat de son choix. Lorsqu'il y a une procédure en cours ou à exécuter d'urgence, il fait la suggestion du nom d'un successeur qui n'est ni un associé ni un collaborateur s'il s'agit d'un dossier dont les actes posés sont à l'origine de sa suspension. Il n'est dispensé de ces informations et avis que dans les affaires ne requérant aucun acte professionnel quelconque pendant le temps de la suspension. Pendant la durée de suspension, l'avocat suspendu doit remettre sa carte professionnelle. Le Bâtonnier de l'Ordre informe les stagiaires, collaborateurs et associés de l'Avocat suspendu et examine avec eux leur situation. Le Conseil de l'Ordre met en place des mécanismes de gestion des dossiers qui étaient assumés par l'avocat suspendu et dont les clients n'ont pas d'autres solutions.
--	--	--

Ingingo ya 176: Ingaruka z'igihano cyo kuvanwa ku rutonde Igihano cyo kuvanwa ku rutonde kibuzwa Umwavoka gukora imirimo yose ijyanye n'umwuga. Umwavoka wavanywe ku rutonde ntashobora kwandikwa ku rutonde rw'Abavoka cyangwa kuri lisiti y'Abavoka bimenyerezaumwuga.	Article 176: Effects of the sanction of disbarment from the roll The sanction of disbarment shall lead to total prohibition of practice. The Advocate who is disbarred cannot be registered on the roll of Advocates or the List of the interns.	Article 176: Effets de la sanction de radiation La peine de radiation emporte interdiction totale d'exercice. L'Avocat radié ne peut être inscrit au Tableau ou à la liste des Avocats stagiaires.
Ingingo ya 177: Ingaruka ku bakiriya b'Umwavoka wahagaritswe cyangwa wavanywe ku rutonde Iyo abakiriya b'Umwavoka wahagaritswe cyangwa wavanywe ku rutonde bafite ingorane zo kubona abandi Bavoka bakurikirana dosiye zabo, ikibazo cyabo gikemurwa n'Inama y'Urugaga.	Article 177: Fate of clients of the Advocate suspended or removed from the roll If the clients of the Advocate suspended or removed from the roll have difficulty of finding Advocates to handle their cases, their fate shall be decided upon by the Council of the Bar.	Article 177: Sort de la clientèle de l'avocat suspendu ou radié Le sort de la clientèle de l'Avocat suspendu ou radié est, si les clients éprouvent des difficultés à se trouver des Avocats pouvant assumer leurs affaires, réglé par le Conseil de l'Ordre.
Ingingo ya 178: Ihanagurabusembwa Umwavoka wavanywe ku rutonde rw'Abavoka cyangwa rw'abamenyerezwa umwuga ntashobora guhanagurwaho ubusembwa hatarashira igihe cy'imyaka itanu (5). Ihanagurabusembwa ribanza kwemezwa	Article 178: Rehabilitation The rehabilitation of the Advocate removed from the roll or the list of interns can be envisaged only after a period of five (5) years. It is decided first on an interim basis by the	Article 178: Réhabilitation La réhabilitation de l'Avocat radié du Tableau de l'Ordre ou de la Liste des avocats stagiaires ne peut être envisagée qu'après une période de cinq (5) ans. Elle est décidée d'abord à titre provisoire par la

n’Inama y’Urugaga mu buryo bw’inzibacyuho bisabwe n’uwo bireba nyuma y’iperereza rigamije kumenya niba imyitwarire yatumye umwavoka avanwa ku rutonde yarahindutse. Ihanagurabusembwa ryemezwa burundu n’Inama y’Urugaga ishingiyeye ku makuru ahagije yakusanyijwe mu gihe cy’imyaka ibiri (2). Inama y’Urugaga ishikiraho uburyo bukurikizwa. Ubusabe bw’ihanagurabusembwa bugomba kugaragaza: a. Ibimenyetso bigaragaza ko usaba yahindutse ukurikije ikosa ryatumye avanwa ku rutonde, ndetse n’ukwiyemeza kutazongera kugwa muri iryo kosa; b. Imirimo yakoze mu gihe yari yaravanwe ku rutonde n’abantu bashobora kubihamya. Umwavoka uhanaguweho ubusembwa ararahira, akajya ku rwego ruhuye n’igihe icyemezo cyo kumuhanagura ubusembwa cyafatiwe. ICYICIRO CYA 9: GUSUBIKA NO KUREKA	Council of the Bar at the request of the person concerned and after investigations on potential changes in the behavior for which the disbarment was decided. The rehabilitation will be final only upon decision of the Council of the Bar on the basis of sufficient information gathered over a period of two (2) years. The Council shall determine the procedures thereto related. The application for rehabilitation must indicate: a. the elements proving the reconversion of the applicant compared to the fault which resulted in his/her disbarment, and the application must contain a firm commitment to no longer fall into the same fault; b. the activities carried out since his/her disbarment and the reference persons who may certify the accuracy. Thus rehabilitated advocate ranks corresponding to the day of the decision of rehabilitation. SECTION 9: INTERRUPTION AND	Conseil de l’Ordre à la demande de l’intéressé et après enquêtes sur les changements éventuels du comportement pour lequel la radiation avait été prononcée. La réhabilitation ne sera définitive que sur décision du Conseil de l’Ordre au vu des renseignements suffisants réunis sur une période de deux (2) ans. Le Conseil de l’Ordre établit les procédures y relatives. La demande de réhabilitation doit indiquer : a. les éléments prouvant la reconversion du requérant par rapport à la faute qui avait entraîné sa radiation et contenir un engagement ferme à ne plus retomber dans le même défaut ; b. les activités exercées depuis sa radiation et les personnes de référence pouvant en certifier l’exactitude. L’Avocat ainsi réhabilité, prête serment et il prend le rang correspondant au jour de la décision de réhabilitation. SECTION 9: INTERRUPTION ET
--	---	---

BURUNDU IMIRIMO AKICIRO KA MBERE: GUSUBIKA IMIRIMO Ingingo ya 179: Isubikwa ry’umwuga Umwavoka agomba gufatwa nk’uwasubitse gukora umwuga iyo: • akora imirimo itegeko riteganywa ko itabangikanywa n’umwuga w’Abavoka; • yahagaritse kumenyerezwa umwuga mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2); • abisabye kubera impamvu ze bwite. Ingingo ya 180: Gusibwa ku rutonde rw’Abagize Urugaga kubera gusubika gukora umwuga Igihe cyose Umwavoka asubitse gukora cyangwa kumenyerezwa umwuga bituma asibwa ku rutonde rw’Abavoka cyangwa kuri lisiti y’abamenyerezwa umwuga. Gusibwa ku rutonde rw’Abavoka cyangwa kuri	TERMINATION OF ACTIVITIES SUB-SECTION ONE: INTERRUPTION OF ACTIVITIES Article 179: Interruption The Advocate must be considered as having interrupted his/her practicing: • in case of exercise of activities declared by the law incompatible with the profession of Advocate; • in the event of suspension of internship for a period not exceeding two (2) years; • when applying for personal reasons. Article 180: Removal from the roll of the Bar due to interruption of the practice of the profession Any interruption of the profession of Advocate or the internship shall lead to removal of Advocate from the roll of Advocates or the List of interns. The removal from the roll of Advocates or the	CESSATION D’ACTIVITES SOUS-SECTION PREMIERE : INTERRUPTION D’ACTIVITE Article 179: De l’interruption L’Avocat doit être considéré comme ayant interrompu l’exercice de sa profession : • en cas d’exercice d’activités déclarées par la loi incompatibles avec la profession d’Avocat ; • en cas de suspension de stage pour une durée n’excédant pas deux (2) ans; • lorsqu’il en fait la demande pour des raisons personnelles. Article 180: Omission du Tableau de l’Ordre pour cause d’interruption de l’exercice de la profession Toute interruption de l’exercice de la profession d’avocat ou du stage emporte l’omission de l’Avocat du Tableau des Avocats ou de la Liste des Avocats stagiaires. L’omission du Tableau ou de la Liste des
--	---	--

lisiti y'abamenyerezwa umwuga biterwa n'impamvu yindi itari iy'imyitwarire. Gusibwa ku rutonde byemezwa na Komisiyo ishinze imyitwarire, bisabwe n'Inama y'Urugaga, ibyibwirije cyangwa bisabwe n'undi muntu wese iyo ari ugukora imirimo itegeko riteganywa ko itabangikanywa no gukora umwuga w'Abavoka. Ingingo ya 181: Ingaruka zo gusibwa ku rutonde Umwavoka wasibwe ku rutonde agomba kwirinda kugira umurimo akora ujyanye n'umwuga nk'uko bisobanurwa mu nshingano ziri mu ingingo ya 2 - 1° y'Itegeko rigenga Urugaga, kandi agateganya mbere y'igihe uko amadosiye yari afite akurikiranwa, ariko abanje kubyemererwa n'abakiriya be. Umwavoka wasibwe ku rutonde ntagomba kwishyura imisanzu mu gihe cyose aba asibwe. icyakora, agomba kwishyura amafaranga y'ubwishingizi bw'umwaka wose yishyuriwe n'Urugaga, yagejeje igihe cyo kwishyurwa umunsi icyemezo cyo gusibwa ku rutonde cyabaye ndakuka.	List of interns is the recognition of a situation other than disciplinary. It is pronounced by the Council of the Bar, either at the request of the Advocate concerned, either at its own initiative or at the request of any person when it is in connection with an activity declared incompatible with the profession. Article 181: Effects of removal The Advocate removed must refrain from any professional act as defined in Article 2-1 of the Law governing the Bar; he/she must also organize in advance to ensure the files are handled, subject to the consent of his/her clients. He/she shall no more be liable for contributions for the duration of his/her removal. However, he/she remains held to settle insurance premiums paid on his/her behalf by the Bar for the calendar year in progress and due to the day when the decision of removal became enforceable.	avocats stagiaires constitue un constat d'une situation autre que disciplinaire. Elle est prononcée par la Commission de Discipline, soit à la demande du Conseil de l'Ordre, soit d'initiative ou à la demande de toute personne lorsqu'il s'agit d'exercer une activité déclarée incompatible avec la profession. Article 181: Effets de l'omission L'Avocat omis doit s'abstenir de tout acte professionnel tel que défini à l'article 2-1° de la Loi régissant le Barreau et s'organiser préalablement pour que la prise en charge des dossiers soit assurée, sous réserve de l'accord de ses clients. Il n'est plus débiteur des cotisations pendant la durée de son omission. Toutefois, il reste tenu de régler les primes d'assurances payées pour son compte par l'Ordre pour l'année civile en cours et exigibles au jour où la décision d'omission est devenue exécutoire.
--	--	---

Ingingo ya 182: Gusubizwa mu mwuga Umwavoka wasibwe ku rutonde ashobora kugaruka mu Rugaga rw'Abavoka iyo ibyo yakoraga bitabangikanywa n'umwuga w'Abavoka byatumye asibwa ku rutonde bivuyeho; muri icyo gihe, Umwavoka asubizwa ku rwego yari ariho mbere yo gusibwa ku rutonde rw'Abagize Urugaga. AKICIRO KA 2: KUREKA UMWUGA BURUNDU	Article 182: Reintegration in the profession The removed Advocate may reinstate the Bar Association in the event of termination of activities incompatible with the profession which have been the cause of his/her removal; in this case, the Advocate is reinstated to the rank he/she had before the removal from the roll of the Bar. SUB-SECTION 2: TERMINATION OF ACTIVITIES	Article 182: Réintégration dans la profession L'Avocat omis peut réintégrer l'Ordre des Avocats en cas de cessation des activités incompatibles avec la profession ayant été à l'origine de son omission ; dans ce cas, l'Avocat est réintégré au rang qu'il avait avant son omission du tableau de l'Ordre. SOUS-SECTION 2: CESSATION D'ACTIVITÉS
Ingingo ya 183: Impamvu zituma Umwavoka areka burundu umwuga Umwavoka areka burundu umwuga kubera impamvu zikurikira: - urupfu; - kujya mu kiruhuko cy'izabukuru; - kuvanwa ku Rutonde rw'Abavoka cyangwa kuri Lisiti y'abamenyerezwa umwuga; - kuba umuntu adashobora, ku buryo bwa burundu, gukora umwuga w'Abavoka, ibyo bikaba bitangajwe na nyir'ubwite; - kuba Umwavoka atagifite ubushobozi, bwaba ubwo ku mubiri bwaba ubwo mu	Article 183: Causes of termination of activities The Advocate shall cease permanently his/her activities in case of: - death - retirement; - disbarment from the roll of the Bar or the list of interns; - definitive prevention of practice reported by the person concerned; - physical or mental disability established by the Council of the Bar on the basis of	Article 183: Causes de cessation définitive d'activités L'Avocat cesse ses activités définitivement en cas de : - décès. - départ à la retraite ; - radiation du Tableau de l'Ordre ou de la Liste des stagiaires ; - empêchement définitif d'exercice rapporté par l'intéressé ; - incapacité physique ou mentale constatée par la Commission de

mutwe, ibyo bikemezwa na Komisiyo ishinze imyitwarire ishingiyeye kuri raporo ya muganga.	a medical report.	Discipline sur la base d'un rapport médical.
Ingingo ya 184: Inshingano yo kumenyesha ibyo kureka umwuga no gutegura isimburwa Umwavoka uretse burundu kandi ku bushake gukora umwuga abimenyesha Inama y'Urugaga hasigaye nibura ukwezi kumwe (1) kandi akayimenyesha uko isimburwa rye rizakorwa. Ashobora gushinga umwe cyangwa benshi muri bagenzi be yizeye mu buryo bwihariye amwe mu madosiye ye cyangwa yose, ariko abanje kubyemererwa n'abakiriya be. Umwavoka usimbuye mugenzi we ashobora guha indishyi uwo asimbuye cyangwa abandi bafite uburenganzira iyo babisabye. Amasezerano yose yo muri urwo rwego agomba kubanza kumenyeshwa Umukuru w'Urugaga, bibaye ngombwa akaba yakora ubuhuza. Ingingo ya 185: Igihe Umwavoka atateganyije uko azamusimburwa Iyo Umwavoka uretse burundu gukora umwuga	Article 184: Duty of information and organization of the succession An Advocate who definitely and voluntarily ceases the practice of the profession shall notify the Council of the Bar at least one (1) month before and inform him/her on the organisation of his/her succession. He/she can give mission to one or more colleagues in whom he/she places special trust to handle all or part of his/her files, subject to the agreement of his/her clients. The successor may compensate his/her predecessor or the latter's legal successors if they ask. Any agreement of this nature must be notified in advance the President of the Bar and possibly submitted to his/her conciliation. Article 185: Case of non prior organization of the succession In the event that the Advocate ceasing his/her	Article 184: Devoir d'information et d'organisation de la succession Un Avocat cessant définitivement et volontairement l'exercice de sa profession en avise le Conseil de l'Ordre au moins un (1) mois avant et l'informe de l'organisation de sa succession. Il peut donner mission à un ou plusieurs confrères en qui il a une confiance particulière, de prendre en charge tout ou partie de ses dossiers, sous réserve de l'accord de ses clients. L'Avocat successeur peut indemniser son prédécesseur ou ses ayants-droit s'ils le demandent. Tout accord de cette nature doit être porté préalablement à la connaissance du Bâtonnier et éventuellement soumise à sa conciliation. Article 185: Cas de non organisation préalable de la succession Au cas où l'Avocat cessant ses activités ou ses

cyangwa abafite uburenganzira ku bye batateganyije uko azamusimbura ku madosiye agikurikiranwa, Umukuru w’Urugaga ni we ufata ingamba za ngombwa kugira ngo arengere inyungu z’abakiriya.	activities or his/her legal successors did not take any measure to ensure the handling of pending files, the President of the Bar shall take all appropriate measures to safeguard the interests of the clients.	ayants-droit n’auraient pris aucune disposition pour assurer la suite des dossiers en cours, il appartient au Bâtonnier de provoquer toutes mesures opportunes pour sauvegarder les intérêts des clients.
Umwavoka uretse burundu gukora umwuga ashobora guha abakiriya be undi mwavoka binyuze mu masezerano kandi agahabwa amafaranga bihwaye; ashobora kandi no gutanga uburyo yakoresheye. Iyo havutse impaka, abo bireba bazishyikiriza Umukuru w’Urugaga kugira ngo abahuze.	The Advocate who ceases his/her activity can, upon financial consideration fixed in a contract, introduce his/her clients and/or assign his/her means of operation. In case of conflict, the parties shall mandatorily refer to the conciliation of the President of the Bar.	L’Avocat qui cesse son activité peut, moyennant une contrepartie financière fixée contractuellement, présenter sa clientèle et/ou céder ses moyens d’exploitation. En cas de conflit, les parties en référeront obligatoirement à la conciliation du Bâtonnier.
ICYICIRO CYA 10: IZINA RY’ICYUBAHIRO	SECTION 10: HONORARY TITLE	SECTION 10: HONORARIAT
Ingingo ya 186: Izina ry’icyubahiro ry’umwavoka	Article 186: Honorary Title of an Advocate	Article 186: Titre d’Avocat honoraire
Inama y’Urugaga, ibyibwirije cyangwa ibisabwe, ishobora guha izina ry’icyubahiro Umwavoka wese wigeze kwandikwa ku rutonde rw’Abavoka. Mu byo Inama y’Urugaga ishingiraho harimo uko usaba yitwaye mu kazi, imirimo yakoze n’impamvu yayiretse, imirimo akora n’iyo ateganya gukora, aho iyo mirimo ihuriye n’amategeko, n’impamvu ashaka	The Council of the Bar may, upon its initiative or on request, grant the title of honorary Advocate to any Advocate having been registered on the roll of the Bar. The Council shall take into account, inter alia, the professional background of the applicant, the activities he/she has carried out and the reason for the cessation of those activities, his/her	Le Conseil de l’Ordre, d’initiative ou sur demande, peut accorder le titre d’Avocat honoraire à tout Avocat ayant été inscrit au Tableau de l’Ordre. Le Conseil de l’Ordre tient compte, notamment, du passé professionnel du requérant, des activités qu’il a exercées et du motif de leur cessation, de celles qu’il exerce ou va exercer, de leur rapport avec une discipline

guhabwa izina ry'icyubahiro. Uretse iyo hari impamvu zidasanzwe Inama y'Urugaga yiga mu bushishozi bwayo, iyi Nama iha izina ry'icyubahiro Abavoka bakoranye umwuga ubudakemwa kandi bagumye ku rutonde rw'Abavoka igihe cy'imyaka makumyabiri (20) nibura. icyemezo cy'Inama y'Urugaga ntikijuririrwa. Guhabwa izina ry'icyubahiro ntibibangikanywa no kuba ku rutonde rw'Abavoka rw'Urugaga urwo ari rwo rwose. Ingingo ya 187: Inshingano z'Umwavoka wahawe izina ry'icyubahiro Umwavoka wahawe izina ry'icyubahiro yiyemeza: a) kudakora umurimo n'umwe ujyanye n'umwuga w'Abavoka uhemberwa ibihembo by'Avoka, harimo no kugira inama abantu, bitabangamiye uburenganzira bw'abanoteri n'abarimu muri Kaminuza gutanga inama basabwa	current activities or those he/she intends to undertake, their relationship with a legal discipline and the reasons for which he/she is seeking access to honorary membership. Except in exceptional circumstances that the Council analyses at its sole discretion, it shall grant this title only to Advocates who have practiced the profession effectively and honorably, and that have been on the roll for at least twenty (20) years. The decision of the Council shall be final. The status of honorary Advocate is incompatible with the enrollment to the roll of any Bar Association. Article 187: Commitments of the Honorary Advocate The Advocate to whom is granted the title of honorary Advocate undertakes: a) not to undertake acts falling within the exercise of the profession of Advocate, including consultation subject to payment of fees, without prejudice to the right of notaries and university professors to give, in these qualities, the consultations that	juridique et des raisons pour lesquelles il sollicite l'accès à l'honorariat. Sauf circonstances exceptionnelles qu'il apprécie souverainement, il n'accorde ce titre qu'aux Avocats qui ont pratiqué la profession effectivement et honorablement et qui ont été inscrits au Tableau pendant vingt (20) ans au moins. Sa décision est sans recours. La qualité d'Avocat honoraire est incompatible avec l'inscription au Tableau d'un quelconque Barreau. Article 187: Engagements de l'Avocat honoraire L'Avocat auquel est accordé le titre d'Avocat honoraire s'engage sur l'honneur à : a) ne pas poser d'actes entrant dans l'exercice de la profession d'Avocat, y compris la consultation, rémunérés par des honoraires, sans préjudice du droit des notaires et des professeurs d'université de donner, en ces dernières
--	--	--

zizanyane n'ubushobozi bwabo; b) kwirinda ikintu cyose cyatera urujijo hagati yo kuba warahawe izina ry'icyubahiro n'Umwavoka uri ku rutonde rw'Abavoka. Kubera iyo mpamvu, ntashobora gukoresha izina riranga Umwavoka uretse iriranga Umwavoka wahawe izina ry'icyubahiro, kandi akirinda kurishyira aho atuye; c) kwitondera cyane gukoresha mu bikorwa bimubyarira inyungu, izina ry'icyubahiro yahawe, akarikoresha gusa mu bushishozi no mu ibanga. Iyo habaye kutagira icyubahiro n'ubwitonzi cyangwa ku bisabwa kugira ngo Umwavoka ahabwe izina ry'icyubahiro, Komisiyo ishinze imyitwarire ishobora kwambura iryo zina uwarihawe igihe icyo ari cyo cyose, uwo bireba abanje gutumizwa kandi yisobanuye. Afite uburenganzira bwo kugira umwunganira. Icyo cyemezo ntikijurirwa. Ingingo ya 188: Uburenganzira bw'Umwavoka wahawe izina ry'icyubahiro Umwavoka wahawe izina ry'icyubahiro afite:	would be required of them; b) to avoid any confusion between the quality of Honorary Advocate and Advocate on the roll of the Bar. Within this framework, he/she cannot use the title of Advocate unless under the form of Honorary Advocate and he/she may not affix this title to his/her home; c) to make use of the title of Honorary Advocate with great circumspection and discretion on the occasion of any income-generating activity. In the event of breach of the rules of probity and delicacy or the conditions which lead to the granting of the title, the title of honorary Advocate may be withdrawn at any time by the Disciplinary Committee; the interested person shall be heard or duly called. The latter is entitled to be assisted by counsel. The decision shall be final. Article 188: Rights of the honorary Advocate Honorary counsel shall have:	qualités, les consultations qui leur seraient demandées ; b) éviter toute confusion entre la qualité d'Avocat honoraire et celle d'Avocat inscrit au Tableau de l'Ordre. Dans ce cadre, il ne peut faire notamment usage du titre d'Avocat que sous la forme d'Avocat honoraire et à ne pas apposer sur sa demeure la mention de ce titre ; c) ne faire usage du titre d'Avocat honoraire qu'avec beaucoup de circonspection et de discrétion à l'occasion de toute activité lucrative. En cas de manquement aux règles de probité et de délicatesse ou aux conditions de l'octroi du titre, le titre d'Avocat honoraire peut être retiré en tout temps par la Commission de Discipline, l'intéressé entendu ou dûment appelé. Celui-ci a la faculté de se faire assister par un conseil. La décision n'est pas susceptible d'appel. Article 188: Droits de l'Avocat Honoraire L'Avocat honoraire a :
--	---	--

a. Uburenganzira bwo gutumirwa no kwitabira ibirori byose byateguwe n'Urugaga; b. Uburenganzira bwo kwinjira mu nyubako zose zigenewe abagize Urugaga; c. Uburenganzira ku nyungu zituruka mu nshingano ya buri mwavoka yo kwifatanya na mugenzi be, harimo no mu gihe cy'urupfu.	a. the right to be invited and to participate in all events organised by the Bar Association; b. free access to all premises reserved for members of the Bar. c. the right to benefit from the duty of solidarity from the colleagues, including in case of death.	a. le droit d'être invité et de participer à tous événements et manifestations organisés par la Barreau; b. libre accès à tous les locaux réservés aux membres de l'Ordre. c. le droit de bénéficier du devoir de solidarité de la part des confrères, notamment en cas de décès.
UMUTWE WA VII: IMITUNGANYIRIZE Y'UBUFASHA MU MATEGEKO	CHAPTER VII: ORGANIZATION OF LEGAL AID	CHAPITRE VII: ORGANISATION DE L'AIDE JURIDIQUE ET JUDICIAIRE
Ingingo ya 189: Imitunganyirize rusange y'ubufasha mu mategeko	Article 189: General organization of legal aid	Article 189: Organisation générale d'aide juridique et judiciaire
Ubufasha mu mategeko butunganywa n'Inama y'Urugaga ibifashijwemo na Komisiyo y'Urugaga ishinze ubufasha mu mategeko binyujijwe mu: a. kujyira inama ku buntu; b. kugenera ababuranyi abavoka.	Legal aid is organized the Council of the Bar assisted by the Committee for legal aid in the form of: a. free consultations; b. assigning Advocates.	L'assistance juridique et judiciaire est organisée par le Conseil de l'Ordre assisté par la Commission du Barreau chargée de l'assistance juridique et judiciaire, sous forme de : a. consultations gratuites; b. commission d'office.
Ubufasha mu mategeko butanzwe mu rwego rw'imishinga nterankunga bukorwa hakurikijwe uburyo bwemejwe hagati y'Umuterankunga n'Urugaga.	The legal aid carried out in the framework of the projects of the funded by donors is executed in the forms and conditions agreed by the Bar and the donor.	L'assistance juridique et judiciaire effectuée dans le cadre des projets financés par le bailleur de fonds est exécutée dans les formes et conditions convenues entre le Barreau et le

ICYICIRO CYA MBERE: GUTANGA INAMA KU BUNTU Ingingo ya 190 : Gushyiraho no gutunganya uburyo bw'ubufasha mu mategeko buhoraho Urugaga rw'Abavoka rushyiraho serivisi ishinze gutanga inama mu mategeko ku buntu aho Abavoka bagenda basimburana, bigakorerwa ku Cyicaro cy'Urugaga cyangwa ahandi hose Inama y'Urugaga yagena igendeye ku hantu h'ingenzi Abavoka bakorera cyangwa abagenewe iyo serivisi; Inama igena kandi iminsi n'amasaha yo gutanga inama ikabimenyesha abantu hakoreshejwe uburyo bwatuma bimenywa n'abantu benshi. Bitarenze ku itariki ya 15 Mutarama ya buri mwaka, Komisiyo ishinze ubufasha mu mategeko ikora gahunda y'umwaka yerekana uko abavoka bazatanga ubufasha akayigeza ku Mukuru w'Urugaga kugira ngo ayitangaze. Ingingo ya 191 : Inshingano z'Umwavoka wagenwe ngo atange inama ku buntu	SECTION ONE: FREE CONSULTATIONS Article 190: Establishment and organization of schedules for legal assistance The Bar Association shall organise a free consultation service provided by Advocates in turns, at the head office of the Bar or at any other place set by the Council of the Bar taking into account main places of practice of Advocates or beneficiaries; on the days and hours determined by the Council, and it shall communicate to the public by any means likely to ensure wide dissemination. No later than February 15th of each year, the Committee for legal aid establishes the annual programme of legal assistance and submits it to the President of the Bar for publication. Article 191: Obligation of the Advocate assigned on the schedule for legal assistance	Bailleur de fond. SECTION PREMIÈRE: CONSULTATIONS GRATUITES Article 190: Etablissement et organisation des permanences L'Ordre des Avocats organise un service de consultations gratuites assuré par des Avocats à tour de rôle, à la Maison de l'Avocat et/ou à tout autre endroit fixé par le Conseil de l'Ordre en tenant compte des principaux endroits d'exercice des Avocats membres ou des bénéficiaires ; aux jours et heures qu'il détermine et qu'il porte à la connaissance du public par toutes les voies susceptibles d'en assurer une large diffusion. Au plus tard le 15 février de chaque année, la Commission chargée de l'aide juridique et judiciaire établit le programme annuel des permanences à assurer et le soumet au Bâtonnier pour publication. Article 191: Obligation de l'Avocat désigné pour la permanence
--	---	--

Umwavoka wagenwe ngo atange inama ku buntu agomba guha umugana amakuru yose n'inama bisanzwe bitangwa muri urwo rwego. Ni amakuru ya rusange n'inama bifasha umugana gusobanukirwa neza ku bibazo yagaragaje.	The Advocate appointed on the schedule for legal assistance must provide to the beneficiary of the assistance, all the information and advice usually given in similar cases. This shall in principle cover general information, advice and guidance to the applicant on the issues presented.	L'Avocat désigné pour assurer la permanence se doit de fournir au bénéficiaire du conseil, l'ensemble des informations et conseils habituellement donnés en pareil cas. Il s'agit en principe de renseignements d'ordre général, de conseils et d'orientation éclairant le requérant sur les problèmes posés.
Mu gihe agira inama ugenewe ubufasha mu mategeko mu rwego rw'ubufasha buhoraho, Umwavoka yirinda gusaba uwo agira inama gufata dosiye ye, cyangwa kumwishyura inama amugira. Umwavoka yirinda rwose kugira ikindi gikorwa akora kitari ukugira inama umuntu mu rwego rwo gutanga inama ku buntu, nko gutangira dosiye, gutanga gahunda, gutegura inyandiko z'imanza cyangwa amabaruka. Nyuma yo gutanga inama, Umwavoka akorera raporo Umukuru w'Urugaga.	It is prohibited to the Advocate to offer or ask the beneficiary of the legal assistance to pay fees during the consultation in the context of the schedule for legal assistance. The Advocate shall refrain from performing any act other than the consultation, such as opening a case, make appointments, writing of e-mail or act when he/she intervenes in the free consultations. At the end of the consultation, the Advocate shall prepare a report to the President of the Bar.	L'Avocat s'interdit de proposer ou faire payer ses services au bénéficiaire de l'aide juridique et judiciaire lors de la consultation dans le cadre de la permanence. L'Avocat s'interdit impérativement d'effectuer un acte autre que la consultation tel qu'ouverture de dossier, prise de rendez-vous, rédaction d'acte ou de courrier lorsqu'il intervient dans le cadre de ces consultations gratuites. A la fin de la consultation, l'Avocat établit un rapport au Bâtonnier.
Kutubahiriza inshingano yo gukora umurimo wo gutanga inama ku buntu bifatwa nko kudakora inshingano z'umwuga kandi bitangirwa ibihano by'imyitwarire.	Failure to comply with the obligation to perform the duty of legal assistance is a professional breach that can be subject to disciplinary sanctions.	Le non-respect de l'obligation d'effectuer les permanences constitue un manquement aux obligations professionnelles susceptibles de sanctions disciplinaires.
ICYICIRO CYA 2: KUGENERA ABABURANYI ABAVOKA	SECTION 2: ASSIGNMENT OF ADVOCATES	SECTION 2: COMMISSION D'OFFICE DES AVOCATS

Ingingo ya 192: Uburyo bukurikizwa Bisabwe n’Urukiko cyangwa urundi rwego rw’abafatanyabikorwa, Umukuru w’Urugaga ashobora kugena Umwavoka wunganira umuburanyi mu nkiko. Ubusabe bwo kugenerwa Umwavoka bugomba kuba buherekejwe n’icyemezo kigaragaza ko umuntu bireba atishoboye gitangwa n’inzego zibishinzwe. Usaba ubufasha yandikira Umukuru w’Urugaga, ushobora guhita agena Umwavoka wunganira cyangwa uhagararira utishoboye, cyangwa akagisha inama Komisiyo ishinze ubufasha mu mategeko bibaye ngombwa.	Article 192: Procedure Upon request, either of a court or any partner institution, the President of the Bar may assign an Advocate to assist or represent a litigant in the courts. The application must always be accompanied by a document certifying the indigence of the person concerned, issued by the competent authorities. Any request for assistance is addressed to the President of the Bar, who can designate an Advocate to assist or represent the needy person, or seek where necessary the advice of the Committee in charge of legal aid.	Article 192: Procédure suivie A la demande, soit d’une juridiction, soit de toute autre institution partenaire, le Bâtonnier peut commettre un Avocat pour assister ou représenter un justiciable devant les juridictions. La demande doit toujours être accompagnée d’une pièce attestant l’indigence de la personne concernée, établie par les instances compétentes. Toute demande d’assistance est adressée au Bâtonnier qui peut désigner un Avocat pour assister ou représenter l’indigent ou demander l’avis de la Commission chargée d’aide juridique et judiciaire en cas de besoin.
Ingingo ya 193: Inshingano z’Umwavoka wagenwe Umwavoka wagenwe ngo yunganire utishoboye ntashobora kwanga uwo murimo keretse abanje kubitangira impamvu zikemerwa n’Umukuru w’Urugaga, kuko ari we wenyine ushobora kumusonera iyo nshingano. Izo mpamvu	Article 193: Duty of the Advocate assigned to provide legal aid The appointed Advocate may not refuse his/her assignment without approval of the grounds for refusal by the President of the Bar who alone can release the Advocate. Such grounds may include the availability, the nature of the facts that he/she	Article 193: Obligation de l’Avocat commis L’Avocat commis d’office ne peut refuser son ministère sans en faire approuver les motifs par le Bâtonnier qui, seul, peut le relever de sa mission. De tels motifs peuvent relever notamment de la disponibilité matérielle, du

zishobora kuba ari kutabasha kuboneka, cyangwa kuba ibigize urubanza bidatuma Umwavoka akoresha neza umutimanama we. Iyo Umwavoka wagenwe asanze dosiye agomba gukoraho igoye cyane, ashobora gusaba Umukuru w'Urugaga kugena undi mwavoka bafatanyaga kuyiga no kuyiburana. Kutubahiriza inshingano yo gukora kuri dosiye Umwavoka yagenewe bifatwa nko kudakora inshingano z'umwuga kandi bitangirwa ibihano by'imyitwarire. Ingingo ya 194: Irangira ry'inshingano z'Umwavoka wagenwe Inshingano z'Umwavoka wagenwe zirangira: • iyo Umukuru w'Urugaga amukuye muri dosiye igihe yagenewe kitararangira; • iburanisha ry'urubanza mu mizi rirangiye; • iyo umukiriya ataboneka cyangwa atamuha ibikenewe kuri dosiye, bigatuma adashobora kumuburanira. icyakora, muri icyo gihe, Umwavoka	considers are likely to offend the conscience of the Advocate. If the Advocate finds that the file for which he/she is assigned is complex, he/she may request the President of the Bar to designate another Advocate for the joint preparation and defence. Breach of the duty relating to the assignment is a professional breach likely to give rise to disciplinary sanctions. Article 194: End of the mission of the Advocate who was assigned The mission of the assigned Advocate shall end: • if he/she was released of the file prematurely by the President of the Bar; • after the hearing for the judgment on the merits; • if the client did not contact him/her or does not provide the necessary elements for the file, making him/her unable to defend him/her. In this case however, the	caractère des faits ou cause qu'il estime de nature à heurter la conscience de l'Avocat. Si l'avocat commis constate que le dossier pour lequel il est désigné est complexe, il peut demander au Bâtonnier de désigner un avocat supplémentaire pour la préparation et défense conjointe. Le non-respect de l'obligation de commission d'office constitue un manquement aux obligations professionnelles susceptibles de sanctions disciplinaires. Article 194: Fin de la mission de l'Avocat commis d'office La mission de l'Avocat commis d'office prend fin : • s'il en a été déchargé prématurément par le Bâtonnier ; • après l'audience de jugement sur le fond ; • si le client n'a pas pris contact avec lui ou ne lui fournit pas les éléments indispensables du dossier, le mettant ainsi dans l'impossibilité d'assurer sa
---	---	---

agomba kubanza kubimenyesha urukiko ruburanisha urubanza n'Umukuru w'Urugaga. Uko byagenda kose, mbere y'uko igihe yahawe kirangira, Umwavoka agomba gukora imirimo yose ijyanye na dosiye ifite ubwihutirwe harimo no kujurira. Iyo dosiye ipfundikiwe, Umwavoka wagenwe kuyiburana akora raporo y'ipfundikira rya dosiye akayigeza ku Mukuru w'Urugaga mu minsi mirongo itatu (30) ikurikira isomwa ry'urubanza. Ingingo ya 195: Igihembo kuri dosiye Umwavoka yagenwemo Ubusanzwe, ubufasha mu mategeko butangwa ku buntu. icyakora, iyo hari amafaranga ku ngengo y'imari y'Urugaga, Umwavoka ashobora guhabwa umubare ucishirije w'amafaranga amufasha kwishyura ibikenewe mu ikurikirana rya dosiye yagenewe. Iyo Urukiko rutegetse mu mwanzuro warwo ko Umwavoka ahabwa igihembo, afite uburenganzira bwo kuyahabwa mu gihe cy'irangizwa ry'urubanza.	Advocate must inform the Court and the President of the Bar. In all cases, the Advocate shall perform all activities related to the file that require urgency before the end of the mandate, including the appeal. At the close of the case, the Advocate makes a report thereto that he/she communicates to the President of the Bar within thirty (30) days of the delivery of the judgment. Article 195: Remuneration of an Advocate assigned to provide legal aid In principle, the legal aid service is free. Nevertheless, where the budget of the Bar allows, the Advocate may receive a lump sum amount decided by the Council of the Bar, allowing him/her to cover the expenses needed for the handling of the case assigned. When the court ordered the payment of counsel fees, the latter shall be entitled to collect such fees during the execution of the judgment.	défense. Dans ce cas cependant, l'Avocat commis d'office doit aviser préalablement la juridiction saisie et le Bâtonnier. Dans tous les cas, l'avocat accomplit toutes les activités liées aux dossiers qui requièrent célérité avant la fin du mandat y compris l'appel. A la clôture de l'affaire, l'Avocat commis d'office établit un rapport de clôture du dossier qu'il communique au Bâtonnier dans les trente (30) jours suivant le prononcé du jugement. Article 195: Indemnité sur dossier traité sur commission d'office En principe le service d'aide juridique et judiciaire est gratuit. Néanmoins, si le budget de l'Ordre le permet, l'Avocat peut recevoir un montant forfaitaire décidé par le Conseil de l'Ordre lui permettant de couvrir les dépenses nécessaires à la gestion de l'affaire lui confiée. Lorsque la juridiction de jugement ordonne le paiement des honoraires de l'Avocat, ce dernier a le droit de les percevoir lors de l'exécution du jugement.
--	---	---

UMUTWE WA VIII: INGINGO ZEREKEYE IBIKORWA BY'URUGAGA RW'ABAVOKA MU RWEGO RW'IMIBEREHO MYIZA <i>ICYICIRO CYA MBERE : UBWISHINGIZI KU BYAGO N'UBUMUGA BYATURUKA KU KAZI K'UMWAVOKA</i> Ingingo ya 196 : Gufata ubwishingizi ku byago n'ubumuga byaturuka ku kazi Inama y'Urugaga ishyiraho uburyo bw'ubwishingizi rusange bw'Abavoka ku bikurikira : - ibyo Umwavoka yaryozwa kubera umwuga ; - ibyago byatera ubumuga butuma umuntu atongera gukora, cyangwa adakora byose bitewe n'impanuka ; - ibyago byatera ubumuga butuma umuntu atongera gukora, cyangwa adakora byose bitewe n'indwara. Kubera iyo mpamvu, Inama y'Urugaga ikorana	CHAPTER VIII: PROVISIONS RELATING TO SOCIAL ACTIONS PERFORMED BY THE BAR ASSOCIATION <i>SECTION ONE: INSURANCE OF OCCUPATIONAL HAZARDS AND OCCUPATIONAL INCAPACITY OF AN ADVOCATE</i> Article 196: Taking insurance for professional liability and insurance for occupational disability The Council shall put in place, a system of collective insurance for Advocates covering: - the risks associated with the professional liability; - the risk of total or partial disability, resulting from an accident - the risk of total or partial disability resulting from a disease; For this purpose, the Council of the Bar shall	CHAPITRE VIII : DISPOSITIONS EN RAPPORT AVEC DES ACTIONS SOCIALES ASSUREES PAR L'ORDRE DES AVOCATS <i>SECTION PREMIERE: COUVERTURE DES RISQUES PROFESSIONNELS ET D'INCAPACITE PROFESSIONNELLE D'UN AVOCAT</i> Article 196: Souscription d'une assurance professionnelle et d'incapacité professionnelle Le Conseil de l'Ordre met en place, un système d'assurance collective pour Avocats couvrant: - les risques liés à la responsabilité civile professionnelle ; - les risques d'incapacité, totale ou partielle, résultant d'un accident - les risques d'incapacité, totale ou partielle, résultant d'une maladie. A cet effet, le Conseil de l'Ordre conclut, des
--	--	---

amasezerano y'ubwishingizi n'ikigo kimwe cy'ubwishingizi cyangwa byinshi igendeye ku mafaranga y'ingengo y'imari yagenewe ubwishingizi kuri ibyo byago.	sign insurance contracts with one or more insurance companies based on the budget line assigned to cover these risks.	contrats d'assurance avec une ou plusieurs sociétés d'assurance sur base de la ligne budgétaire affectée à la couverture de ces risques.
Uretse ubwishingizi bwa rusange ku byo Umwavoka yaryozwa mu kazi bufatirwa Abavoka bose n'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda, Umwavoka ubyifuza akangurirwa kwifatira ubwishingizi bw'inyongera ku bwa rusange muri sosiyete y'ubwishingizi ku ngaruka z'amafaranga y'ikirenga ashobora kwishyura kubera uburyozwe mu kazi.	Irrespective of the collective insurance covering risks of professional liability for any Advocate of the Bar Association in Rwanda, any Advocate interested is invited to subscribe to an additional insurance in an Insurance Company covering the risks of pecuniary consequences of the professional liability.	Indépendamment de la couverture des risques liés à la responsabilité civile professionnelle collective par tout Avocat du Barreau du Rwanda, l'Avocat intéressé est invité à se couvrir contre les conséquences pécuniaires de la responsabilité civile professionnelle par un contrat souscrit auprès d'une Société d'Assurance supplémentaire au Contrat d'assurance responsabilité civile professionnelle collective.
Ku byerekeye amadosiye n'ibikoresho by'ibiro by'Umwavoka, avoka akangurirwa kubifatira ubwishingizi.	In relation to the files and equipment of a Law firm, the Advocate is invited to subscribe to an insurance covering his/her files and equipment.	En ce qui concerne les dossiers et équipements d'un cabinet, l'avocat est invité à souscrire une assurance pour couverture matérielle de ses dossiers et équipements.
Ingingo ya 197 : Inshingano yo kumemyesha ko hari urubanza rugamije kwishyura indishyi umwavoka	Article 197: Duty to inform of the occurrence of a judicial procedure in compensation	Article 197: Devoir d'informer de la survenance d'une procédure judiciaire en indemnisation
Iyo Umwavoka yarezwe n'umukiriya mu rukiko akurikiranyweho indishyi zikomoka ku makosa y'akazi ibikorwa biyagize bikaba biri	When an Advocate is summoned to appear in justice in compensation by a client for professional misconduct where the facts are	Lorsqu'un Avocat est cité en justice en indemnisation par un client pour un manquement professionnel dont les faits sont

mu bwishingizi bwa rusange bwafatiwe Abavoka, agomba guhita abimenyesha Umukuru w'Urugaga mu minsi ibiri (2) ikurikira igihe yabimenyeye; Umukuru w'Urugaga na we ahita abimenyesha Sosiyete y'ubwishingizi kugira ngo ivugane n'Umwavoka bireba ifate ingamba zikwiriye.	covered by the collective professional liability insurance contract, he/she shall, within (2) days from the day he/she knew it, notify the President of the Bar, which notifies the insurance company so that the latter may contact the Advocate in order to take appropriate measures.	couverts par le contrat d'assurance responsabilité civile professionnelle collective, il doit, endéans (2) jours de prise de connaissance et au risque de forclusion, aviser le Bâtonnier, lequel avertit la compagnie d'assurance afin qu'à son tour elle puisse entrer en contact avec l'Avocat et prendre les dispositions utiles.
Ingingo ya 198 : Inshingano yo kumenyesha ko habaye ibyago bishobora gutera ubumuga	Article 198: Duty to inform of the occurrence of an accident likely to cause disability	Article 198: Devoir d'informer de la survenance d'un sinistre pouvant entraîner une incapacité de travail
Iyo hari ibyago birebwa n'ubwishingizi bibaye, bishobora gutera ubumuga, Umwavoka bireba agomba kumenyesha Umukuru w'Urugaga mu maguru mashya kugira ngo na we akore ibya ngombwa. Umukuru w'Urugaga ahita ahuza uwo mwavoka na Sosiyete y'ubwishingizi kugira ngo yihutishe dosiye yo kwishyura indishyi.	Where a loss covered by the insurance occurs, and that may result in disability, the Advocate shall notify the President of the Bar as soon as possible so that he/she may proceed with the usual statements. The President of the Bar shall immediately put in contact the Advocate and the insurance company in order to expedite the claim file.	En cas de survenance d'un sinistre assuré et pouvant entraîner une incapacité de travail, l'Avocat victime doit aviser le Bâtonnier aussitôt que possible afin que celui-ci puisse faire les déclarations d'usage. Le Bâtonnier met immédiatement en contact l'avocat et la société d'assurance afin de faire aboutir rapidement et positivement le dossier d'indemnisation.
ICYICIRO CYA 2: UBWISHINGIZI BW'INDWARA BW'ABAVOKA	SECTION 2: MEDICAL INSURANCE OF ADVOCATES	SECTION 2: ASSURANCE MALADIE DES AVOCATS
Ingingo ya 199: Gufata ubwishingizi bwo kwivuzwa mu gihe cy'indwara	Article 199: Coverage of expenses in case of sickness	Article 199: Souscription d'assurance de couverture des frais en cas de maladie

Urugaga rw'Abavoka rukorana n'Ikigo cy'ubwishingizi bw'indwara cyemewe na Leta amasezerano y'ubwishingizi bw'indwara bw'Umwavoka n'abagize umuryango we. Hakurikijwe ibiri mu masezerano, ubwishingizi bureba amafaranga yo kwisuzumisha, ay'ibitaro, ay'ibizamini by'indwara, n'ibindi. Ingingo ya 200: Aho amafaranga y'ubwishingizi aturuka Amafaranga yo gufata ubwishingizi bw'indwara aturuka ku misanzu ya buri mwaka y'Abavoka. Abavoka bafite ubundi bwishingizi bw'indwara ntibashobora kubyitwaza ngo basabe kugabanyirizwa imisanzu batanga. ICYICIRO CYA 3: UBUFASHA KU BAVOKA BAGIYE MU KIRUHUKO CY'IZABUKURU Ingingo ya 201: Gushyiraho uburyo bw'ubufasha	The Bar Association shall conclude with a medical insurance organ approved by the Government a contract to cover the costs in case of sickness of the Advocate and members of his/her family. Within the limits of the contract, this insurance should cover medical expenses of consultation, of hospitalization, medical tests, medical examinations, etc. Article 200: Financing the medical insurance The subscription to a medical insurance shall be funded from annual contributions of the Advocates. Advocates with another medical insurance system may not rely on it to claim a reduction in their contribution. SECTION 3: ASSISTANCE TO RETIRING ADVOCATES Article 201: Establishment of the system	L'Ordre des Avocats conclut avec un organisme d'assurance maladie agréé par l'Etat un contrat de couverture des frais en cas de maladie de l'Avocat et des membres de sa famille. Dans les limites du contrat, cette assurance doit couvrir les frais médicaux de consultation, d'hospitalisation, d'analyses médicales, d'examens médicaux, etc. Article 200: Financement de l'assurance maladie La souscription de l'assurance maladie émerge des cotisations annuelles des Avocats. Les Avocats bénéficiant d'un autre système d'assurance maladie ne peuvent s'en prévaloir pour réclamer une réduction de leur cotisation. SECTION 3: ASSISTANCE AUX AVOCATS PARTANT A LA RETRAITE Article 201: Mise en place du système
--	--	--

Inama y'Urugaga ishyiraho uburyo bwo gufasha Abavoka bagiye mu kiruhuko cy'izabukuru. Ubwo buryo bushobora kunyura mu nzira zikurikira: - gufatira abagize Urugaga bese ubwishingizi bw'izabukuru muri sosiyete y'ubwishingizi; - kuzigama buri mwaka nibura icumi ku ijana (10%) by'ibyo Urugaga rwinjiza. Muri icyo gihe, amafaranga yazigamwe ashirwa kuri konti ibyara inyungu muri banki, itandukanye n'izindi konti z'Urugaga. Guhitamo imwe muri izo nzira biterwa n'inyungu byiza ndetse n'ingorane za buri imwe, kimwe' n'ibisabwa ku byerekeye gufata ubwishingizi. Inzira bahitamo yose ntibibuza ko yahinduka bagafata indi muri izo ebyiri, cyangwa n'ubundi buryo butateganyijwe muri aya mategeko ngengamikorere. Ingingo ya 202: Ibisabwa kugira ngo umuntu ahabwe ubwo bufasha	The Council of the Bar shall set up a system of assistance for retiring Advocates. Such system may take the form of: - pension insurance from an insurance company, for all members of the Bar; - annual savings of at least ten percent (10%) of own revenues of the Bar. In this case, the amount of savings is paid on an interest bearing bank account, separate from the other accounts of the Bar. The choice is made with regard to the advantages and the disadvantages posed by each option as well as, in case of the subscription of insurance, the conditions imposed. The choice does not exclude later change from one option into the other or even use any other form not envisaged in this Regulation. Article 202: Requirements to benefit from the assistance	Le Conseil de l'Ordre met en place un système d'assistance en faveur des Avocats partant à la retraite. Tel système peut prendre la forme de : - souscription d'une assurance retraite auprès d'une société d'assurance, pour tous les membres de l'Ordre ; - épargne annuelle de dix pour cent (10%) au moins des recettes propres de l'Ordre. Dans ce cas, le montant de l'épargne est versé sur un compte bancaire productif d'intérêt, distinct du ou des autres comptes de l'Ordre. Le choix est opéré eu égard aux avantages et aux désavantages que présente chaque option ainsi que, en cas de recours à la souscription d'assurance, aux conditions imposées. Le choix opéré n'exclut pas la conversion ultérieure de l'option en l'autre ou le recours même à toute autre forme non envisagée dans le présent règlement. Article 202: Conditions pour bénéficier de l'assistance
--	---	---

Iyo uburyo bwakoreshejwe ari ubwo kuzigama, Abavoka babona ubufasha bagomba kuba bujuje ibikurikira bifatiwe hamwe: • kuba barishyuye imisanzu y'Urugaga nibura mu gihe cy'imyaka cumi n'itanu (15) ishize; bagejeje ku myaka mirongo itandatu n'itanu (65) y'amavuko nibura; • kuba bagiye koko mu kiruhuko cy'izabukuru; • kuba bari bagikora umwuga mu gihe cyo kujya mu kiruhuko cy'izabukuru. Iyo uburyo bwakoreshejwe ari ugufata ubwishingizi bw'izabukuru, Umwavoka ugiye mu kiruhuko cy'izabukuru ahabwa ubufasha hakurikijwe uburyo bwo kubara buzaba bwagenwe n'Inama y'Urugaga. ICYICIRO CYA 4: IMITUNGANYIRIZE Y'IKIGEGA CY'UBWISUNGANE (CASSAM) Ingingo ya 203: Ishyirwaho ry'ikigega cy'ubwisungane n'igenwa ry'aho amafaranga yacyo aturuka	In the case of savings system, only Advocates meeting cumulatively the following conditions may not benefit from assistance: • not to be in default in the payment of the contributions to the Bar for at least fifteen (15) years; who have reached the age of sixty-five (65) years at least; • effectively retiring. • Are practicing at the time of retirement. When the system of assistance has been established in the form of subscription of a pension insurance, the retiring Advocate shall benefit assistance to the terms and conditions of calculation determined by the Council of the Bar. SECTION 4: ORGANIZATION OF THE MUTUAL SOLIDARITY FUND (CASAM) Article 203: Establishment of a solidarity fund and determination of its resources	En cas de système d'épargne, ne peuvent bénéficier de l'assistance que les Avocats réunissant cumulativement les conditions suivantes : • en règle avec les cotisations à l'Ordre pendant au moins les quinze (15) dernières années ; qui ont atteint l'âge de soixante-cinq (65) ans au moins; • qui partent effectivement à la retraite ; • qui, au moment du départ à la retraite, sont en exercice. Lorsque le système d'assistance a été constitué sous la forme de souscription de retraite, l'Avocat partant à la retraite bénéficie de l'assistance aux conditions et modalités de calcul déterminées par le Conseil de l'Ordre. SECTION 4: ORGANISATION DE LA CAISSE DE SOLIDARITE D'ASSISTANCE MUTUELLE (CASAM) Article 203: Création d'une caisse de solidarité et d'assistance et détermination de ses ressources
---	---	---

Hashyizweho mu Rugaga rw'Abavoka mu Rwanda ikigega cy'ubwisungane (CASAM). Amafaranga ajya muri icyo kigega akurwa ku misanzu itangwa n'abagize Urugaga mu buryo bushyirwaho n'Inama y'Urugaga. Ingingo ya 204: Imicungire y'Ikigega n'uburyo gifasha Imicungire n'uburyo ikigega gifasha umwe mu bagize Urugaga bigenwa n'icyemezo cy'Inama y'Urugaga gifatwa ku nama itangwa na Komisiyo y'imibereho myiza. Mu byo Ikigega gifashamo harimo ibi bikurikira: ▪ iyo hari Umwavoka witabye Imana: amafaranga agenwe yo gufasha umuryango wa nyakwigendera, nk'akoreshwa mu gushyingura; ▪ Umwavoka urwaye igihe kirekire nta bundi bushobozi afite uretse igihembo cya Avoka: aterwa inkunga y'amafaranga yo kumutunga agenwa	It is hereby created within the Bar Association of Rwanda, a solidarity fund, for aid and mutual assistance (CASAM). This Fund is financed by a portion of the contributions by the members in accordance with the rules laid down by the Council of the Bar. Article 204: Management and intervention modalities The management as well as the modalities of intervention of this Fund in favour of a member are determined by a decision of the Council of the Bar upon proposal from the Committee in charge of Social Affairs. The Fund is involved particularly in the following cases: ▪ death of an Advocate: an amount determined by the Council of the Bar to assist the family of the deceased especially in the participation to funeral expenses; ▪ long illness of an Advocate with no resources other than the fees for Advocate; financial contribution to living	Il est créé au sein du Barreau du Rwanda, une caisse de solidarité, de secours et d'assistance mutuelle (CASAM). Cette caisse est alimentée par une partie des cotisations des membres selon les modalités arrêtées par le Conseil de l'Ordre. Article 204: Gestion et modalités d'intervention La gestion ainsi que les modalités d'intervention de cette caisse en faveur de l'un ou l'autre membre sont déterminées par une décision du Conseil de l'Ordre prise sur proposition de la Commission en charge des affaires sociales. La Caisse intervient notamment dans les cas suivants : ▪ décès d'un Avocat : un montant déterminé pour assister la famille du regretté notamment dans la participation aux frais funéraires ; ▪ longue maladie d'un Avocat sans ressources autres que les honoraires; participation financière aux frais de subsistance pour un montant à
--	---	--

hakurikijwe uko ameze ndetse n'igice cy'ingengo y'imari cyagenewe icyo gikorwa muri CASAM; ▪ kuguriza amafaranga Umwavoka wabisabye bibanje kwigwa n'Inama y'Urugaga; ▪ Gufasha Umwavoka ubikeneye, ufunzwe kubera impamvu zifitanye isano n'akazi ke. ICYICIRO CYA 5: GUTEGURA BURI MWAKA, UMUNSI MUKURU W'UBUSABANE N'IZINDI GAHUNDA ZO GUHURA Ingingo ya 205: Umunsi mukuru w'ubusabane Mu rwego rwo gukomeza ubuvandimwe bugomba kuranga abagize Urugaga, hazajya haba umunsi mukuru uhuza Abavoka mu kwezi k'Ugushyingo cyangwa ikindi gihe cyagenwa n'Inama y'Urugaga. Buri umwe mu bagize Urugaga azatumirwamo, kandi ashobora kuba aherekejwe n'uwo bashakanye. Uwo munsi uzatumirwamo kandi	costs for an amount to be determined in the light of all the elements in the situation of the patient and the budget allocated to the CASAM for this component; ▪ loan for an Advocate following a request appreciated by the Council of the Bar; ▪ assistance to counsel in need, held for reasons connected with the exercise of his profession. SECTION 5: ORGANIZATION OF THE ANNUAL BALL AND OPPORTUNITIES FOR CONTACT Article 205: Annual ball In order to promote fellowship and intimacy that must characterize the members of the Bar, a ball will take place each year in November or any other period determined by the Council of the Bar. Each member will be invited to attend, possibly along with his spouse/her spouse. External personalities and notable partners shall	déterminer au vu de tous les éléments sur la situation du malade et du budget alloué au CASAM pour ce volet; ▪ prêt en faveur d'un Avocat suite à une demande appréciée par le Conseil de l'Ordre ; ▪ assistance à un Avocat dans le besoin, détenu pour des motifs en rapport avec l'exercice de sa profession. SECTION 5: ORGANISATION DU BAL ANNUEL ET DES OCCASIONS DE CONTACT Article 205: Bal annuel En vue de resserrer les liens de confraternité et d'intimité qui doivent caractériser les membres du Barreau, un Bal aura lieu chaque année au mois de novembre ou à tout autre période déterminée par le Conseil de l'Ordre. Chaque membre sera invité à y assister, accompagné éventuellement de son conjoint. Y seront également invitées des personnalités et
--	--	--

abafatanyabikorwa b'abanyacyubahiro baturutse hanze y'Urugaga. Mbere yo kwizihiza uwo muni mukuru, Urugaga rushobora gutegura amahugurwa ku nsanganyamatsiko itangwa na Komisiyo ishinze amategeko. Icyo gihe kandi ni umwanya wo kwizihiza imidari y'ishimwe yaba yarahawe uwo ari we wese mu bagize Urugaga. Kubera iyo mpamvu, mu kwezi k'Ukwakira kwa buri mwaka cyangwa ikindi gihe mbere y'ukwezi k'Ukwakira, Komisiyo y'Urugaga ishinze imibereho myiza isaba Abavoka bose kumenyekanisha ishimwe baba barahawe. Komisiyo isuzuma ayo mashimwe igakora urutonde rw'ibyo yahisemo ikarugeza ku Nama y'Urugaga ngo irwemeze. Ingingo ya 206: Gutegura indi minsi yo guhura no kumenyana hagati y'abagize Urugaga Urugaga rushobora gutegura iminsi yo guhura n'izindi nzego zo mu rwego rw'ubutabera cyangwa zo mu rwego rushyigikira umwuga	also be invited. Before the celebration of the annual ball, the Bar can organize training workshop on a theme determined by the Committee for Legal Affairs. On this occasion, any honorary distinction or social advancement of any of the members of the Bar will be celebrated. To this end, in the month of October or any other earlier period, the Committee for Social Affairs shall invite all Advocates to communicate events of this kind to be celebrated. The Committee shall assess the merits and decide on the list of such events that it retains and that it shall submit to the Council of the Bar for approval. Article 206: Organization of other events of contacts amongst the members of the Bar The Bar may organize opportunities for meetings with other entities of the judicial sector or sectors supporting the profession of Advocate.	notables extérieurs et partenaires. Avant la célébration du Bal Annuel, le Barreau peut organiser l'atelier de formation sur un thème déterminé par la commission juridique. A cette occasion, seront fêtés toute distinction honorifique ou promotion sociale quelconque dont aurait bénéficié l'un ou l'autre membre du Barreau. Pour ce faire, au mois d'Octobre ou à toute autre période antérieure, la Commission du Barreau ayant les Affaires Sociales dans ses attributions, invite tous les Avocats à faire connaître des événements de ce genre à fêter. La commission en évalue le mérite et arrête la liste desdits événements qu'elle retient et qu'elle soumet au Conseil de l'Ordre pour approbation. Article 206: Organisation d'autres occasions de contacts et de développement des connaissances des membres Le Barreau peut organiser des occasions de rencontres avec d'autres entités du secteur judiciaire ou de secteurs d'appoint à la
---	--	---

w'Abavoka. By'umwihariko, bisabwe na Komisiyo ishinzwe amahugurwa, Inama y'Urugaga ishobora gutegura, ku itariki ihisemo, “Umunsi w'Umwavoka mu Rwanda”, ukaba umwanya wo kungurana ibitekerezo hagati y'Abavoka n'abandi bagize urwego rw'ubutabera ku bibazo bigezweho by'amategeko. ICYICIRO CYA 6: GUSHYINGURA UMWAVOKA Ingingo ya 207: Imihango ijyanye no gushyingura Igihe cyose hari Umwavoka wanditswe ku rutonde rw'Abavoka cyangwa kuri lisiti y'abamenyerezwa umwuga witabye Imana, cyangwa iyo Umwavoka wahawe izina ry'icyubahiro yitabye Imana, Umukuru w'Urugaga agomba kubimenyesha bagenzi be, gutangaza gahunda yo gushyingura, kandi akabatumira kwitabira iyo gahunda bambaye umwambaro w'umwuga. Imihango yo gusezera bwa nyuma ku mwuga	In particular, upon a proposal from the Committee in charge of Social Affairs, the Council of the Bar can arrange at a date of its convenience, a “day of the Advocate in Rwanda” which should be an opportunity for exchanges between Advocates and other players in the Justice sector, on topical legal issues. SECTION 6: FUNERAL OF AN ADVOCATE Article 207: Funeral ceremonies Whenever there is death of an Advocate registered on the roll of the Bar or on the list of interns, or in case of death of honorary Advocate, the President of the bar must inform his/her colleagues, and communicate the funeral program and invite them to attend in professional dress. The funeral ceremonies marking the termination	profession d'Avocat. En particulier, sur proposition de la Commission en charge de formation, le Conseil de l'Ordre peut organiser, à une date de son choix, une « journée de l'Avocat au Rwanda » qui doit être une occasion d'échanges entre Avocats et autres acteurs du secteur de la Justice, sur des sujets juridiques d'actualité. SECTION 6: FUNERAILLES D'UN AVOCAT Article 207: Cérémonies funéraires Toutes les fois que survient le décès d'un Avocat inscrit au Tableau des Avocats ou sur la Liste des Avocats stagiaires, ou en cas de décès d'un Avocat honoraire, le Bâtonnier devra en informer ses confrères, leur communiquer le programme de déroulement des obsèques et les inviter à y assister, en costume professionnel. Les cérémonies funéraires d'adieu à la
--	--	--

bikorwa mu muhango wihariye utegurwa kubera iyo mpamvu mu Rukiko rw’Ikirenga. Urukiko rw’Ikirenga rufata icyemezo, rwemeza ko Umwavoka witabye Imana arangije mu cyubahiro umwuga. Umwambaro w’Umwavoka ushyirwa ku isanduka. Inama y’Urugaga itegura umuhango wo gusezera bwa nyuma kuri Nyakwigendera mu Rukiko, ifatanyije n’umuryango we hamwe n’Urukiko rw’Ikirenga. Umwavoka utifatanyije n’umuryango wa nyakwigendera nta mpamvu yumvikana ariyozwa kutubahiriza inshingano yo kwifatanya na bagenzi be. Ingingo ya 208: Amagambo yo gusezera kuri nyakwigendera Amagambo yo gusezera kuri nyakwigendera avugwa n’Umukuru w’Urugaga cyangwa uwamusimbuye iyo adashobora kuboneka. UMUTWE WA IX: INGINGO Z’INZIBACYUHO N’IZISOZA	of the activities of the profession take place at a hearing held for that purpose in the Supreme Court. On this occasion, the Supreme Court delivers its judgment of honourable end of the profession of the deceased Advocate. The dress of the latter shall be is placed on the coffin. The Council of the Bar in in collaboration with the family of the deceased Advocate and the Supreme Court shall organize the conduct of the hearing. The Advocate who would not show solidarity with the family of the deceased Advocate without valid grounds, shall be deemed to have breached the duty of fellowship. Article 208: Eulogy The eulogy of the deceased Advocate is pronounced by the President of the Bar or by his/her replacement in case of absence. CHAPTER IX: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	profession se déroulent à une audience organisée à cet effet à la Cour Suprême. A cette occasion, la Cour Suprême rend son arrêt de constat de fin honorable à la profession de l’Avocat décédé. La robe d’Avocat défunt est déposée sur le cercueil. Le Conseil de l’Ordre en collaboration avec la famille de l’avocat défunt et la Cour Suprême organise le déroulement de l’audience. L’Avocat qui, sans raison valable, ne ferait pas preuve de solidarité avec la famille de l’Avocat défunt, engage sa responsabilité au regard du devoir de confraternité. Article 208: Oraison funèbre L’oraison funèbre de l’Avocat défunt est prononcée par le Bâtonnier ou par son remplaçant en cas d’empêchement. CHAPITRE IX : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES
--	--	--

Ingingo ya 209: Ingingo z'inzibacyuho	Article 209: Transitional provisions	Article 209: Dispositions transitoires
Abavoka banditse ku rutonde rw'abagize Urugaga ku wa 04/11/2013 badafite impamyabushobozi itangwa n'Ikigo cyo kwigisha no guteza imbere amategeko cyangwa indi mpamyabushobozi bihwanyije agaciro, kandi badafite uburambe bw'imyaka itandatu (6) mu mwuga kandi banditse ku rutonde rw'abavoka, bagomba kuba babonye iyo mpamyabushobozi kandi bayigejeje ku Nama y'Urugaga bitarenze ku wa 3/11/2016. Abatazabyubahiriza bazashyikirizwa Komisiyo ihoraho ishinze imyitwarire. Inshingano n'ibisabwa bivugwa muri aya mategeko ngengamikorere bigomba kuba byarujwe bitarenze ku wa 31 Ukuboza 2014 uretse ibyerekeye inshingano zo gukurikira amahugurwa ahoraho zizatangira gushyirwa mu bikorwa guhera ku wa 31/01/2015. Ibyakozwe n'inzego z'Urugaga zibifitiye ububasha mu rwego rw'amabwiriza n'imyitwarire mbere y'uko aya mategeko ngengamikorere atangira gushyirwa mu bikorwa bigumana agaciro kabyo.	Advocates registered on the roll of the Bar by 04/11/2013 who do not hold the certificate issued by the Institute of Legal Practice and Development or its equivalent, and not having six (6) years of experience of practice of the profession, already registered on the roll of the Bar must, not later than on 3/11/2016, obtain the certificate and have forwarded it to the Council of the Bar. Failing that, they shall be referred to the Standing Disciplinary Committee. Obligations and conditions imposed by this Regulation must be fulfilled no later than December 31st, 2014, save for the requirement to pursue continuing training that take shall effect from 31/01/2015. The regulatory and disciplinary acts performed by the competent organs of the Bar before the entry into force of this Regulation shall remain valid.	Les avocats inscrits au tableau de l'Ordre au 04/11/2013 ne détenant pas le certificat délivré par l'Institut Supérieur de Pratique et de Développement du Droit ou équivalent et ne justifiant pas d'une expérience de six (6) ans d'exercice professionnel et déjà inscrit au Tableau de l'Ordre doivent, au plus tard le 3/11/2016, avoir obtenu ledit certificat et l'avoir transmis au Conseil de l'Ordre. A défaut, ils seront déférés devant la Commission permanente de discipline. Les obligations et conditions imposées par le présent Règlement devront avoir été remplies au plus tard le 31 décembre 2014 à l'exclusion des obligations de formation continue qui prendront effet à partir du 31/01/2015. Les actes réglementaires et disciplinaires posés par les organes compétents de l'Ordre avant l'entrée en vigueur du présent règlement restent valides.

Ingingo ya 210: Uburyo bwo kuvugurura aya mategeko ngengamikorere Aya mategeko ngengamikorere ntashobora kuvugururwa, mu ngingo zayo zose yangwa zimwe, n’Inama y’Urugaga uretse ku bwiganze bwa bine bya gatanu by’abayigize, atowe ku bwumvikane cyangwa mu itora rikoze mu ibanga. Ingingo ya 211: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa ry’aya mategeko ngengamikorere Aya mategeko ngengamikorere yateguwe, asuzumwa kandi atorwa mu rurimi rw’Igifaransa. Ingingo ya 212: Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’aya mategeko ngengamikorere Ingingo zose z’amategeko ngengamikorere aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho. Ingingo ya 213: Igihe aya mategeko ngengamikorere atangira gukurikizwa Aya mategeko ngengamikorere atangira gukurikizwa umunsi yemerejweho n’Inama	Article 210: Procedures for amendment of this regulation This Regulation may be amended by the Council of the Bar on the majority of four-fifths (4/5) of its members by voting through secret ballot. Article 211: Drafting, consideration and adoption of these Rules These Rules were drafted, considered and adopted in French. Article 212: Repealing provision All previous provisions contrary to this Regulation, are hereby repealed Article 213: Effective date This Regulation shall take effect from the date of its adoption by the Council of the Bar. It shall be	Article 210: Modalités de modification du présent règlement Le présent Règlement en tout ou en partie ne peut être modifié par le Conseil de l’Ordre qu’à la majorité de quatre cinquième (4/5) de ses membres, soit par consensus, soit par vote fait au scrutin secret. Article 211: Initiation, examen et adoption du présent Règlement Le présent Règlement a été initié, examiné et adopté en Français Article 212: Disposition abrogatoire Toutes les dispositions réglementaires antérieures au présent règlement sont abrogées. Article 213: Date de prise d’effet Le présent Règlement prendra effet à partir de la date de son adoption par le Conseil de
--	--	---

y’Urugaga kandi azatangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda. Bikorewe i Kigali ku wa 16/09/2014	published in the Official of the Republic of Rwanda. Done and adopted in Kigali, on 16/09/2014	l’Ordre et sera publié au Journal Officiel de la République du Rwanda. Ainsi fait et adopté à Kigali, le 16/09/2014
Mu izina ry’Inama y’Urugaga: (sé) RUTABINGWA Athanase Umukuru w’Urugaga (sé) BIMENYIMANA Eric Umunyamabanga w’Urugaga	For the Council of the Bar: (sé) RUTABINGWA Athanase President of the Bar Association (sé) BIMENYIMANA Eric Secretary of the Bar	Pour le Conseil de l’Ordre: (sé) RUTABINGWA Athanase Bâtonnier de l’Ordre (sé) BIMENYIMANA Eric Secrétaire de l’Ordre